2026
Mata - Kamena

Vol 102, No.2

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO by'Abakuze



# IBY'INGENZI BIGIZE UBUHANUZI

Gucukumbura ubuhanuzi bwa Daniyeli n'ubwa Yohana.

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO

1. Ijambo ry'Ibanze ku Buhanuzi ........ 5
2. Intumwa y'Imana ku Bami ........ 10
3. Ihishurwa ry'Ingoma z'Ahazaza ........ 15
4. Iyerekwa rya Mbere rya Daniyeli ........ 20
5. Uko Ubwami bwagiye Busimburana ........ 26
6. Iyerekwa Ryasobanuwe ........ 31
7. Igitabo Gifatanyishijwe ikimenyetso cyongera Kubumburwa ........ 36
8. Umuhanuzi w'i Patimo ........ 41
9. Ikiyoka, Umugore, n'Abasigaye ........ 46
10. Inyamaswa n'Ikimenyetso ........ 52
11. Abamarayika Batatu ........ 57
12. Umuhamagaro Uheruka ........ 62
13. Imperuka yari Yarahanuwe ........ 67

**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.

**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road

Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Bibiliya yanditswe kandi irindwa n'Imana kugira ngo ibe igitabo cyahumetswe kidufitiye akamaro. Inkuru zivugwamo zitwigisha amasomo menshi mu mibereho yacu no mu bihe turimo. Iyi nyandiko ivuga ukuntu Imana yagiye ikora mu mateka y'amahanga no mu mateka y'ubwoko Bwayo, itwongerera imbaraga kandi ikaduha ubwishingizi ko [Imana] idukunda. Na none ubuhamya bwayo bw'igiciro cyinshi; ibyanditswe ku mibereho ya Yesu n'ubutumwa Bwe; bikangura muri twe urukundo dukunda Imana, "kuko ari yo yabanje kudukunda" (1Yohana 4:19).

Kimwe mu bintu binejeje byerekeye Imana yacu dusanga muri Bibiliya, ni uko iba izi ibintu mbere y'uko biba, kandi ikaba ishobora "guhera mu itangiriro ikavuga iherezo" (Yesaya 46:10). Ibyo bituma ishobora gukoresha imbaraga Zayo zitagira akagero kugira ngo "ibintu byose.... bigirire akamaro abakunda Imana" (Abaroma 8:28). Si ibyo gusa, ahubwo rimwe na rimwe ihitamo guhishurira ubwoko Bwayo "ibikwiriye kuzabaho vuba" (Ibyahishuwe 1:1). Ibyo bituma twiringira urukundo Rwayo n'ukuntu itwitaho, kandi ni kimwe mu bihamya bigaragaza ko Bibiliya yahumetswe n'Imana. Kuba ubuhanuzi bwarasohoye mu buryo buhuje n'ibivugwa mu mateka, kandi bugahishura ibiri kubaho muri iki gihe, bigaragaza ko ijambo ry'Imana rirenze kure cyane icyahimbwe n'abantu.

Ubuhanuzi ni ubw'ingenzi cyane ku bana b'Imana. Umugisha w'Imana uhabwa umuntu "usoma amagambo y'ubu buhanuzi, n'uyumva akitondera ibyanditswe muri bwo" (Ibyahishuwe 1:3).

Mu nyandiko zanditswe n'abahanuzi, ebyiri ziratangaje kubera ko zirimo ubuhanuzi burambuye kandi bwavuze ibintu byari kuzabaho mu mateka. Daniyeli na Yohana bahawe ubwo butumwa bwihariye, kandi ibitabo byabo, ari byo Daniyeli n'Ibyahishuwe, ni byo bizibandwaho cyane mu Byigisho by'iki gihembwe mu Ishuri ryo ku Isabato.

Mu mezi atatu ari imbere, abigishwa bo mu Ishuri ryo ku Isabato baziga inkuru ya Daniyeli n'iya Yohana, hamwe na bimwe mu bice by'ingenzi by'ubuhanuzi banditse. Izo nyandiko ni zo zituma umuntu asobanukirwa ubutumwa bw'Abadivantisiti n'imikorere yo mu buryo bw'umwuka n'iya politiki yo mu gihe cyahise n'iyo muri iki gihe.

Nubwo muri iki gihembwe nta mwanya uhagije wo gusuzuma buri gice cy'ibyo bitabo byombi, abigishwa [b'Ishuri ryo ku Isabato] bashishikarizwa kwiga mu buryo bwimbitse ibikubiyemo byose, hamwe n'isano bifitanye n'ibindi bice bigize Bibiliya.

Kimwe mu bikoresho byiza cyane abigishwa ndetse n'abarimu bo mu Ishuri ryo ku Isabato bashobora kwifashisha kugira ngo basobanukirwe mu buryo burambuye ibyerekeranye n'ubwo buhanuzi, ni igitabo cya kera cyanditswe na Uriah Smith, cyitwa "Ubusobanuro bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe". Turabashishikariza cyane kucyifashisha mu kwiga muri iki gihembwe cyose.

Turasenga dusaba ko mwazahabwa imigisha binyuze mu kwiga ubwo buhanuzi, kuko mu by'ukuri "igihe kiri bugufi" (Ibyahishuwe 1:3).

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato, 04 Mata 2026

**Azagenerwa Icyicaro Gikuru cya Filidi y'Ubutaliyani**



U Butaliyani ni igihugu cyiza kiri hagati mu Nyanja ya Mediterane, kizwi cyane ku isi hose kubera amateka yacyo ya kera, ubugeni butagereranywa, uburyo bwiza bwo gutegura amafunguro n'ubwiza nyaburanga. Uretse kuba ari kimwe mu bihugu bikurura ba mukerarugendo benshi ku isi, na none ni igihugu cy'ingirakamaro giturukamo ibikomoka mu nganda n'ubuhinzi. U Butaliyani bufite abaturage basaga miliyoni 60, butanga umudendezo wo kujya mu idini umuntu ashatse binyuze mu Itegeko Nshinga ryaho. Icyakora, Gatolika ikomeje kuba idini ryiganje ku kigero cya 74% by'abaturage, ikurikirwa n'Abakristo batari Abagatolika ku 9.3%, kandi kubera urujya n'uruza rw'abimukira ruheruka, Ubuyisilamu bukomeje kwiyongera kuri 3.6%. Abo bakurikirwa n'andi madini mato, kandi abahakanamana na bo bari kugenda biyongera.

Ubutumwa bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura bwabwirijwe bwa mbere mu Butaliyani mu mwaka wa 1926, ariko amatsinda ya mbere y'Abavugurura ntiyigeze ashyirwaho kugeza mu mwaka wa 1939/1940. Guhera mu myaka ya 1990, nyuma y'aho abavugabutumwa bamwe bavuye muri Amerika y'Amajyepfo, muri Porutigali no muri Romaniya bageze muri icyo gihugu, nuko umurimo urushaho kwiyongera, maze hashingwa andi matsinda mu turere dutandukanye tw'icyo gihugu. Kuva icyo gihe, ubwo butumwa bwagiye bwamamazanywa imbaraga nta gucogora kandi bwagejejwe mu duce dutandukanye two muri ako karere; ubu ngubu dufite abizera basaga 130 bari mu matorero 6, amatsinda abiri n'abizera baterana ukwabo.

Ubu dufite urusengero rumwe gusa, ruri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'icyo gihugu, mu mujyi wa Tiriyesite. Icyakora dukeneye byihutirwa ahantu h'ingenzi hagomba kuba inkingi y'imbaraga n'iterambere mu by'umwuka ku bizera bacu.

Iki kibanza kizaba icyicaro gikuru cya Filidi; kandi kuba ari hagati bizatuma umubare munini wa bene data bitabira ibikorwa biteganijwe, nk'amahugurwa y'ivugabutumwa y'urubyiruko binyuze mu biterane n'umwiherero, gahunda z'umuziki, imishinga y'amateraniro yigisha iby'ubuzima, n'amahugurwa yo guteka ibyo kurya bitarangwamo inyama. Turizera ko aho hantu hazaba ingirakamaro cyane mu guteza imbere umurimo w'Uwiteka mu Butaliyani, bityo turarikira bene data, bashiki bacu n'incuti zacu bo hirya no hino ku isi kudushyigikira binyuze mu maturo yabo.

Kubw'ubuntu bwa Yesu no kubw'ubufatanye bwanyu, tuzagera kuri iyo ntego, dukomeze kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihugu, kandi tugeze ubutumwa bw'agakiza ku bantu benshi kurushaho. Imana ibahe umugisha kandi ibahe ingororano nyinshi!

*Bene so na bashiki banyu bo muri Filidi y'u Butaliyani*

Ku Isabato, 03 Mata 2026

**Icyigisho 1**

# Ijambo ry'Ibanze ku Buhanuzi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nyamara rero dufite ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu." (2Petero 1:19).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.593 – 602.

"Amateka n'ubuhanuzi bihamya ko Imana y'isi yose ihishura amabanga binyuze mu batwaramucyo yatoranyije, kugirango bawugeze ku b'isi". — *Bible Training School*, December 1, 1912.

## 1. UBWENGE BUTAGERWA

**Kuwa Mbere 29 Werurwe**

a. Ni iki Imana yonyine ishobora kubona? Yesaya 46:9,10.

"NDIHO bisobanuye uguhoraho iteka ryose, mu gihe cyatambutse, iki gihe turimo no mu gihe cy'ahazaza nkuko bimeze ku Mana. Imana ireba ibyabayeho kera cyane mu mateka, ndetse n'iby'ahazaza biri kure cyane, nkuko twe twitegereza neza ibintu bibaho buri munsi." — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 1, p.1099.

b. Ni iki Umwami wacu akoresha ubwo bumenyi? Daniyeli 2:20 – 22.

"Imana yahawe intebe y'ubwami isumba izo mu isi zose; ibintu byose bigaragarira neza ijisho ryayo iri mu ijuru; kandi kubw'icyubahiro cyayo n'amahoro y'iteka itegeka ibyo ireba ko ari byo birusha byose kuba byiza." – *Umurimo wo Gukiza,* p.417.

"Iyo urebye mu nyandiko zivuga amateka y'abantu, usanga bagaragaza ko gukura kw'amahanga atari amwe, no guhangwa no guhanguka k'ubwami bigaragazwa ko bishingiye ku bushake ndetse n'ubutwari bw'abantu. Ndetse bavuga ko ku rwego runini cyane, uko ibintu byagiye biba bisa n'aho byagiye bigenwa n'ububasha bwa muntu, ibyo afite inyota yo kugeraho cyangwa ubucakura. Ariko iyo tugeze mu ijambo ry'Imana, umwenda ukingiriza ukurwaho maze tukareba mu mpande zose z'ibiba ku muntu mu byo ashishikarira gukora, mu bushobozi bwe no mu byo arangamira kuko ari byo Imana nyir'imbabazi zose ikoresha bucece, igashyira mu bikorwa inama zihuje n'ubushake Bwayo." – *Abahanuzi n'Abami,* p.449,500.

## 2. AMABANGA YAHISHUWE

**Kuwa Kabiri**
**30 Werurwe**

a. **Mbese Imana ikora iki mu gihe yiteguye gusohoza ubushake Bwayo ku isi? Amosi 3:7; Ibyahishuwe 1:1.**

“Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b’abahanuzi ibihishwe byayo.” “Ibihishwe ni iby’Uwiteka” ariko “ibyahishuwe ni ibyacu n’urubyaro rwacu iteka.” Amosi 3:7; Gutegeka kwa Kabiri 29:29. Ibyo bintu Imana yarabiduhaye kandi umugisha wayo uzaba ku wiga ubuhanuzi bwo mu Byanditswe Byera afite kumvira kandi asenga.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.234.

b. **Ni ukubera iki Imana itwohererereza ubutumwa nk’ubwo? 1Yohana 3:1; Yohana 1:12; Abakolosayi 1:25 – 28.**

“Bibiliya ni igitabo cy’agahebuzo. Ni amateka adufasha gusobanukirwa ibyabaye mu binyejana byatambutse. Iyo tutaza kugira Bibiliya, twari gusigara mu bujiji n’inkuru z’impimbano ku byerekeranye n’ibyabaye mu bihe byashize. Ni ubuhanuzi buhishura ibizabaho mu gihe cy’ahazaza. Ni ijambo ry’Imana riduhishurira inama y’agakiza, rikatwereka inzira dushobora kunyuramo kugira ngo tuzarokoke urupfu rw’iteka, bityo tubone ubugingo buhoraho. Mu bitabo byose byuzuye ku isi, nubwo bifite agaciro, Bibiliya ni cyo Gitabo gihatse ibindi, birakwiriye cyane ko tucyiga kandi tukagiha agaciro. Ntikivuga gusa amateka y’iyi si, ahubwo na none gisobanura iby’isi izaza. Kirimo inyigisho zerekeranye n’ibitangaza byo mu isanzure, gihishurira ubwenge bwacu kamere y’Umuremyi w’ijuru n’isi. Muri icyo gitabo harimo ibyo Imana yahishuriye umuntu.” – *Ibimenyetso by’Ibihe*, kuwa 30 Mutarama 1893.

c. **Ni ubuhe bumenyi bw’ingenzi cyane tugomba gushaka? Yeremiya 9:23,24; Yohana 17:3; Abefeso 3:17 – 19.**

“Mu ijambo ry’Imana niho ubwenge bukura ibyigwa by’ibitekerezo byimbitse, n’ibigambiririrwa bihanitse cyane. Muri ryo, niho dushobora gusabanira n’abakurambere n’abahanuzi, kandi tukumva ijwi ry’Ihoraho igihe ivugana n’abantu. Niho tubonera Ukomeye wo mu ijuru nk’uko yicishije bugufi agahinduka incungu yacu n’ibyiringiro byacu, agahangana n’imbaraga z’umwijima; kandi akatubonera intsinzi. Gutekereza no kuzirikana bene izo nsanganyamatsiko mu mwuka wo kubaha ntibishobora gusiga umutima utorohejwe, ngo wezwe kandi ngo ugire agaciro, ari nako biha intekerezo imbaraga nshya n’umurava.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.25.

## 3. GUSOBANUKIRWA IJAMBO

**Kuwa Gatatu**
**31 Werurwe**

**a. Ni ubuhe bufasha dukeneye kugirango dusobanukirwe Ibyanditswe, hakubiyemo n'ubuhanuzi? Yohana 16:7 – 13.**

---

"Imana ishaka ko, ndetse no muri ubu buzima, ukuri kwakomeza kujya guhishukira ubwoko Bwayo. Hariho inzira imwe rukumbi ubu bwenge bushobora kurahurwamo. Dushobora kugera ku gusobanukirwa ijambo ry'Imana binyuze gusa mu kumurikirwa n'Umwuka Wera ari na we wanyujijwemo iryo jambo ubwo ryahumekwaga." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.703.

"Bibiliya ntigomba kwigwa rwose hatabanje gusenga. Mbere y'uko tuyibumbura, tugomba gusaba kumurikirwa n'Umwuka Wera, kandi tuzabihabwa. Igihe Natanayeli yazaga aho Yesu yari ari, Umukiza yaravuze ati: "Dore Umwisirayeli nyakuri, udafite uburiganya". Natanayeli aramubaza ati "Wamenyeye he?" Yesu aramusubiza ati "Filipo ataraguhamagara, ubwo wari munsi y'umutini nakubonye". Yohana 1:47,48. Na none kandi, Yesu azatubona turi mu masengesho yo mu rwiherero niba tumushakiraho umucyo kugira ngo tumenye ukuri. Abamarayika bavuye mu isi y'umucyo bazaba bari kumwe n'abantu biyoroshya mu mutima, bagashaka ubuyobozi buturuka ku Mana." – *Kugana Yesu,* p.91.

**b. Ni ukubera iki ari iby'ingenzi ko tudakurikiza ibitekerezo byacu bwite gusa mu gihe twiga ubuhanuzi? 2Petero 1:19 – 21.**

---

"Mu gihe wiga ijambo, banza ushyire hasi imitekerereze yawe usanganywe, iyo ukomora ku babyeyi bawe ndetse n'ibitekerezo wakujije muri wowe. Niwiga Ibyanditswe Byera kugirango bishyigikire ibitekerezo byawe bwite, ntabwo uzigera ugera ku kuri. Ibyo bitekerezo bifashe hasi maze winjire mu cyumba ufite umutima umenetse kugirango wumve icyo Uwiteka ashaka kukubwira. Igihe ushakashaka ukuri yicishije bugufi yicara ku birenge bya Kristo maze akamwigiraho, ijambo [ry'Imana] rimwungura ubwenge no gusobanukirwa. Abigira abanyabwenge cyane maze bakiga Bibiliya mu bwibone bwabo, Kristo arababwira ati: 'Niba mwifuza kuba abanyabwenge mu by'agakiza, mugomba kuba abagwaneza kandi mukiyoroshya mu mitima.'

"Ntugasomere ijambo ry'Imana mu mucyo w'ibitekerezo wari usanganywe, ahubwo ujye uricukumbura witonze kandi usenga ufite intekerezo zitarangwamo urwikekwe. Niba uko usoma ubona hari ikigutsinda, maze ukabona ko ibitekerezo ukunda cyane kandi ugundiriye bidahuje n'ijambo ry'Imana, ntukigere na rimwe ugoragoza ijambo ry'Imana kugirango rihuze n'ibyo bitekerezo byawe. Ahubwo ujye ureka ibitekerezo byawe abe aribyo bigendera ku ijambo ry'Imana. Ntuzigere wemerera ibyo wizeye cyangwa wagiye ukora mu bihe byashize ngo abe aribyo bitegeka imyumvire yawe. Bumbura amaso y'intekerezo zawe kugirango witegereze ibitangaje biva mu mategeko y'Imana. Shakisha Ibyanditswe, maze ushinge ibirenge byawe kuri Rutare rw'iteka." – *Ubutumwa ku Basore*, p.260.

## 4. UMURONGO KU MURONGO

**Kuwa Kane**
**01 Mata**

a. **Ni gute Imana itanga ijambo Ryayo, kandi se ni gute tugomba kuryiga? Yesaya 28:9,10.**

---

"Igihamya cy'ukuri kw'ijambo ry'Imana kiri mu ijambo ubwaryo. Ibyanditswe ni urufunguzo rufungura ibyanditswe. Ubusobanuro bwimbitse bw'ukuri kw'ijambo ry'Imana buhishukira ubwenge bwacu kubw'Umwuka Wera". — *Ibihamya by'Itorero*, vol, 8, p.157.

"Nta muntu n'umwe ufite umwuka wo kunyurwa n'inyigisho za Bibiliya ushobora gusoma umurongo umwe muri yo ngo abure kuwungukiramo igitekerezo runaka kimwubaka. Ariko inyigisho y'ingirakamaro cyane Bibiliya yigisha ntushobora kuyibona uramutse wize Bibiliya rimwe na rimwe. Ntabwo ukuri guhebuje kuyirimo kwatanzwe ku buryo umuntu usoma hutihuti cyangwa usoma atagira icyo yitaho ashobora kugusobanukirwa. Umugabane munini w'ubutunzi buyirimo buhishwe mu ndiba yayo, kandi bushobora kugerwaho gusa binyuze mu gushakashakana umwete no kwihangana. Ukuri kubyara ukuri kwagutse kugomba gushakwashakwa kandi kugahuzwa, "Aha bikeya, hariya bikeya." Yesaya 28:10.

"Uko kuri kose nigushakwa maze kukegeranywa, uzasanga nta kubangamirana guhari, ahubwo kuzuzanya rwose. Buri Butumwa bwiza bwuzuza ubundi, buri buhanuzi busobanura ubundi, kandi buri kuri usanga ari ubusobanuro burambuye bw'ukundi kuri. Ibyashushanywaga mu mateka y'Abayuda byasobanuwe neza n'ubutumwa bwiza. Buri hame ryavuzwe mu Ijambo ry'Imana rifite umwanya waryo, kandi igihamya gifatika cyatangiwe kurishyigikira. Bityo inyubako ishyitse haba mu itegurwa ryayo n'ishyirwa mu bikorwa, ihamya Umuhanzi wayihanze. Nta bwenge bw'umuntu bwabasha guhanga inyubako nk'iyo keretse ubwenge bw'Imana itarondoreka." – *Uburezi,* p.123,124.

b. **Kubera iki buri gice cyose cyo muri Bibiliya ari ingirakamaro? Matayo 4:4; Luka 24:27.**

---

"Ntitugomba kwemera ubuhamya bw'umuntu uwo ari we wese nk'aho ari ubutanzwe n'ibyo Ibyanditswe byigisha, ahubwo tugomba kwiyigisha amagambo y'Imana…. Ubwenge buzarushaho kwaguka niba bukoreshwa mu kumenya isano iri hagati y'ingingo z'ingenzi zo muri Bibiliya, bugereranya umurongo w'Ibyanditswe n'undi, iby'umwuka bigasobanurwa n'ibindi by'umwuka….

"Ntidushobora kubona ubwenge tutabanje kwiga dushyizeho umwete kandi dusenga. Mu by'ukuri, hari ibice bimwe na bimwe byo mu Byanditswe byumvikana neza cyane ku buryo umuntu adashobora kubisobanukirwa nabi, ariko hari n'ibindi bifite ubusobanuro budahita bugerwaho ako kanya ukibikubita ijisho. Ibyanditswe bigomba kugereranywa n'ibindi byanditswe. Tugomba gukora ubushakashatsi tubigiranye ubwitonzi kandi tugasenga Imana tuyisaba ubufasha. Kandi uko kwiga kuzaguhesha ingororano nyinshi. Kimwe n'uko umucukuzi w'amabuye y'agaciro avumbura ibirombe by'amabuye y'agaciro bihishwe munsi y'ubutaka, ni nako umuntu ushakisha ijambo ry'Imana abigiranye ukwihangana nk'ushakisha ubutunzi buhishwe, azabona ukuri kw'agaciro kenshi cyane guhishwe umuntu utagira icyo yitaho. Amagambo yahumetswe, atekerejweho mu mutima, azaba ameze nk'imigezi itemba iva mu isōko y'ubugingo". – *Kugana Yesu*, p.89–91.

## 5. KWIGA UBIKORANYE UBWENGE

**Kuwa Gatanu**
**02 Mata**

a. **Ni gute inyifato yacu n'amahitamo tugira bigira ingaruka ku bushobozi dufite bwo gusobanukirwa ubuhanuzi? Daniyeli 12:10; 2Timoteyo 3:1 – 8.**

---

"Umwuka winjiranye mu kwiga Ibyanditswe Byera ni we uzagena imiterere y'umufasha uzakuba iruhande. Abamarayika bavuye aharangwa n'umucyo bazabana n'abantu bashaka kuyoborwa n'Imana bicishije bugufi mu mitima. Ariko niba Bibiliya ibumburanywe ikinyabupfura gike, no kumva ko umuntu yihagije, niba umutima w'umuntu wuzuyemo urwikekwe, ubwo Satani aba ari iruhande rwawe, kugirango agoreke amagambo yumvikana y'ijambo ry'Imana." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.108.

"Satani yateye abantu benshi kwizera ko imigabane imwe y'ubuhanuzi bwa Daniyeli na Yohana umuhishuzi idashobora kumvikana. Nyamara isezerano rirasobanutse ko umugisha udasanzwe uzaherekeza kwiga ubwo buhanuzi." – *Abahanuzi n'Abami*, p.547.

b. **Sobanura impamvu ari ingirakamaro ko ukuri gushyirwa mu bikorwa kuri buri muntu ku giti cye. Ibyahishuwe 22:7; Matayo 7:24 – 27; Yohana 7:17.**

---

"Abicisha bugufi bayoborwa n'Uwiteka kubera ko bemera kwigishwa no kugirwa inama. Baba bafite icyifuzo kivuye ku mutima cyo kumenya no gukora ibyo Imana ishaka. Isezerano Umukiza yatanze ni iri ngo: "Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda, azamenye ibyo nigisha ko byavuye ku Mana." (Yohana 7:17). Kandi Umukiza avugira mu ntumwa Yakobo agira ati: "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa." (Yakobo 1:5). Nyamara isezerano Rye ni iry'abantu bafite ubushake bwo gukurikira Uwiteka badakebakeba." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.384.

"Niba ugomba kumenya ubwiru bw'ubumana, ukwiriye gukurikiza ijambo ry'ukuri udakebakeba, uryiyumvamo cyangwa utaryiyumvamo, urifitiye amarangamutima cyangwa utayarifitiye. Ukumvira gukwiriye guturuka ku ihame, kandi gukiranuka gukwiriye gukurikiranwa mu byo tunyuramo byose." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo,* p.125.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**03 Mata**

1. Ni gute Imana itandukanye n'ibindi biremwa byose mu byerekeranye n'ubumenyi?
2. Ni iki Imana iduhishurira mu nyandiko z'abahanuzi, kandi ni ukubera iki?
3. Ni ubuhe bufasha tugomba gusenga dusaba mu gihe tubumbuye Ijambo ry'Imana?
4. Ni iyihe mihati ngomba kuba niteguye gushyiraho mu gihe niga Bibiliya?
5. Ese nshyira mu bikorwa ibyo niga mu Ijambo ry'Imana?

Ku Isabato, 11 Mata 2026 **Icyigisho 2**

# Intumwa y'Imana ku Bami

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Maze abo basore uko ari bane, Imana ibaha kujijuka no kuba abahanga mu byo bigishwa no mu by'ubwenge, ariko Daniyeli yagiraga ubwenge bwo kumenya ibyerekanwa byose no gusobanura inzozi." (Daniyeli 1:17).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Abahanuzi n'Abami*, p.479 – 490.

"Ubuzima bwa Daniyeli na bagenzi be ni igihamya kigaragaza ibyo Imana izakorera abayiyegurira kandi bagashishikarira gusohoza umugambi Wayo n'umutima wabo wose." – *Abahanuzi n'Abami,* p.490.

## 1. BAJYANWAHO IMBOHE MURI BABULONI

**Kuwa Mbere 05 Mata**

a. Ni iki cyatumye Daniyeli ajyanwa i Babuloni? Daniyeli 1:1 – 7.

b. Ni uwuhe musaruro waturutse ku mwanzuro Daniyeli yafashe ku byerekeranye n'ibyokurya byo ku meza y'umwami? Daniyeli 1:8 – 16.

"Nyamara kubera ko umugabane umwe wabaga watuwe ibigirwamana, ibyokurya byo ku meza y'umwami byabaga byerejwe gusenga ibigirwamana; kandi umuntu wese wabiryagaho yafatwaga ko ahaye ikuzo ibigirwamana by'i Babuloni. Kubaha Uwiteka kwa Daniyeli na bagenzi be kwababujije kwifatanya muri uko guha ikuzo ibigirwamana.....

"Nta nubwo bahangayе kwishyiraho ingaruka zica intege ziva ku kudamarara no gukuraho gukura mu by'umubiri, mu by'ubwenge no mu by'umwuka." – *Abahanuzi n'Abami*, p.481,482.

"Ubwo Daniyeli na bagenzi be bashyirwaga mu kigeragezo, bishyize mu ruhande rwo gukiranuka n'ukuri mu buryo bwuzuye. Ntibaranzwe n'imyitwarire ihindagurika ahubwo bakoze ibiturutse ku bwenge. Bafashe umwanzuro w'uko nk'uko mu gihe cyahise inyama zitari zigize ibyokurya byabo, ari na ko mu gihe kizaza zitagombaga kuba zigize ibyokurya byabo. Kandi kubera ko kunywa vino byari byarabuzanyijwe ku bantu bose bagombaga kujya mu murimo w'Imana, biyemeje kutayinywa" — *In Heavenly Places*, p.261.

c. Sobanura uko byagenze no gusuzuma k'umwami. Daniyeli 1:17 – 21.

## 2. KUGERAGERESHWA UMURIRO

Kuwa Kabiri
06 Mata

a. **Igihe Abaheburayo bakangishwaga urupfu, ni gute ubudahemuka bwabo ku itegeko rya kabiri bwageragejwe? Daniyeli 3:1 – 15.**

---

"Ntabwo abantu bose bapfukamye ngo baramye igishushanyo cy'ikigirwamana cyerekana ububasha bw'umuntu. Hagati mu mbaga y'abari aho baramya harimo abagabo batatu bari biyemeje bakomeje ko batarasuzugura Imana yo mu ijuru batyo. Imana yabo yari Umwami w'abami, n'Umutware utwara abatware. Nta yindi bari gupfukamira." – *Abahanuzi n'Abami*, p.506.

b. **Ni gute bashoboye gukomeza gusigasira ukwizera kwabo no kumvira kwabo? Daniyeli 3:16 – 18; Yesaya 43:1,2.**

---

"Ibikangisho by'umwami byabaye imfabusa. Umwami ntiyashoboraga guteshura abo bagabo ku kubaha Umutegeka w'isi n'ijuru kwabo. Uhereye ku mateka ya ba sekuruza babo, bari barize ko gusuzugura Imana bibyara gusuzugurika, ibyago ndetse n'urupfu; kandi ko kubaha Uwiteka ari ryo tangiriro ry'ubwenge ndetse n'ishingiro ryo kugubwa neza nyakuri kose. Bitegereje itanura ry'umuriro batuje maze baravuga bati: 'Nebukadinezari, nta mpamvu ituma tugusubiza iryo jambo. Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani.' Ukwizera kwabo kwakomejwe ubwo bavugaga ko Imana irahabwa icyubahiro kubwo kubarokora, maze kubw'ibyiringiro byo kunesha bikomotse ku kwiringira Imana kutajegajega, bongeraho bati: 'Ariko naho itadukiza, nyagasani, umenye ko tutari bukorere imana zawe habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze.' " – *Ibid.*, p.507,508.

c. **Ni gute Imana yahawe icyubahiro mu kurokorwa kwabo? Daniyeli 3:19,20, 24 – 28.**

---

"Umwami yarebeye ku ntebe ye ya cyami yiteze ko arabona ba bantu bamusuzuguye bahiye bagakongoka. Ariko ibyo yibwiraga by'intsinzi byahise bihinduka.....Mu ishusho y'umuntu wa kane wari mu itanura ry'umuriro umwami abonamo ko ari Umwana w'Imana....

"Ubu noneho Nebukadinezari yibagiwe gukomera kwe n'icyubahiro cye maze amanuka mu ntebe ye ya cyami....

"Nuko Saduraka na Meshaki na Abedenego basohokera imbere y'imbaga nini y'abantu babiyereka ntacyo babaye.... Cya gishushanyo cy'izahabu kinini cyari cyahagarikanywe ishema cyari cyibagiranye. Abantu bagize ubwoba kandi bahindira umushyitsi imbere y'Imana ihoraho." – *Ibid.*, p.509,510.

## 3. UBWIBONE NO GUCISHWA BUGUFI

**Kuwa Gatatu 07 Mata**

a. Ni gute Imana yavuganye n'umwami Nebukadinezari? Daniyeli 4:4 – 7.

"Ntabwo bitangaje kubona uriya mwami wari warageze ku byo yifuzaga, waharaniraga cyane kandi wari ufite umutima wuzuwe ubwibone, kuba yaraguye mu gishuko cyo guteshuka inzira yo kwicisha bugufi kandi ari yo yonyine igeza ku gukomera nyakuri…. Mu mbabazi Zayo, Imana yahaye umwami Nebukadinezari izindi nzozi kugira ngo imuburire iby'akaga yarimo ndetse n'umutego yari yaratezwe ngo uzamurimbure." – *Abahanuzi n'Abami,* p.515.

**b. Amaherezo igihe Daniyeli yahamagarwaga kugirango asobanure inzozi, ni iyihe nama yahaye umwami? Daniyeli 4:20 – 27.**

"Kuri Daniyeli, ubusobanuro bw'izo nzozi bwarumvikanaga, kandi ubusobanuro bwazo bwamuteye ubwoba…. Umuhanuzi Daniyeli yabonye ko Imana yamuhaye inshingano ikomeye yo guhishurira Nebukadinezari igihano cyari kigiye kumugeraho bitewe n'ubwibone bwe no kwikuza kwe." – *Ibid.*, p.517.

"Daniyeli amaze gusobanura inzozi nk'uko ziri, yasabye uwo mwami w'umwibone kwihana no guhindukirira Imana, amubwira ko akwiriye guhagarika ako kaga ntikamubeho akoresheje gukora ibitunganye." – *Ibid.*, p.518.

**c. Ni gute umwami yahatiwe guhesha Imana icyubahiro binyuze mu murimo wa Daniyeli, bitewe n'uko yanyuze mu bikomeye kandi bikamutera kwicisha bugufi? Daniyeli 4:34 – 37.**

"Nebukadinezari yamaze imyaka irindwi atangarirwa n'abagaragu be bose; yamaze imyaka irindwi yaracishirijwe bugufi imbere y'abatuye isi bose. Nuko yongera kugarura ubwenge, maze yubura amaso yicishije bugufi areba ku Mana yo mu ijuru, nuko abona ko ukuboko kw'Imana ari ko kwamuhannye. Yareruye avugira mu ruhame maze yatura icyaha kandi ahamya imbabazi zikomeye z'Imana zagaragariye muri uko gukomorerwa kwe…..

"Wa mwami wigeze kuba umwibone yari yarahindutse umwana w'Imana wicisha bugufi; uwari umwami w'umunyagitugu akandamiza abandi yari yarahindutse umwami w'umunyabwenge kandi w'umunyampuhwe. Uwari yarasuzuguye kandi agahinyura Imana yo mu ijuru noneho yemeye ububasha bw'Imana Isumbabyose kandi ashishikarira gukangurira abantu kubaha Uwiteka no guharanira umunezero w'abo yayoboraga….

"Umugambi Imana yari ifite w'uko ubwami bukomeye kurusha ubundi bwose ku isi bwagaragaza ikuzo Ryayo noneho warasohoye. Uku kwaturira mu ruhame aho Nebukadinezari yahamije imbabazi z'Imana, kugira neza Kwayo n'ubutware Bwayo, niko kwabaye igikorwa giheruka yakoze mu buzima bwe cyanditswe mu mateka yera." – *Ibid.*, p.520,521.

## 4. INYANDIKO KU RUKUTA

**Kuwa Kane**
**08 Mata**

a. Ni ikihe kintu gitangaje cyabujije Belushazari mwene Nebukadinezari, gutinyuka gutuka Imana yo mu ijuru? Daniyeli 5:1-6.

---

---

"Kubera kwemererwa gukora inshingano z'ubwami akiri umusore, Belushazari yirase ububasha bwe kandi ashyirira umutima hejuru kurwanya Imana yo mu ijuru. Yari yaragize amahirwe menshi yo kumenya ubushake bw'Imana no gusobanukirwa inshingano afite yo kuyubaha. Yari yaramenye uko sekuru yigeze gucibwa mu bantu kubw'iteka ry'Imana; kandi yari azi neza uko Nebukadinezari yahindutse n'uburyo yakomorewe mu buryo bw'igitangaza. Ariko Belushazari yemereye gukunda ibinezeza no kwikuza maze bihanagura ibyigisho atari akwiriye kwibagirwa." – *Abahanuzi n'Abami*, p.522,523.

b. Ni gute Daniyeli yongeye kuzanwa kugirango ageze ubutumwa bw'Imana ku mwami w'umupagani? Daniyeli 5:8 – 16.

---

"Umuhanuzi Daniyeli yabanje kwibutsa Belushazari ibyo yari azi neza, ariko bitari byaramwigishije amasomo yo kwicisha bugufi aba yaramukijije. Daniyeli yavuze iby'icyaha cya Nebukadinezari no kugwa kwe, kandi amubwira iby'uko Uwiteka yamugiriye: ubutware n'icyubahiro yamuhaye, urubanza Imana yamuciriye kubera ubwibone bwe, ndetse n'uko nyuma y'aho yaje kuzirikana ububasha n'imbabazi by'Imana ya Isirayeli. Ibyo abirangije, Daniyeli yavuze ashize amanga kandi ashimangira maze acyaha Belushazari kubwo gukiranirwa kwe gukomeye." – *Ibid*., p.529.

c. Ni gute ibyo Daniyeli yasobanuye byasohoye muri iryo joro? Daniyeli 5:17, 25 – 31.

---

"Ubwo bari bakiri muri icyo cyumba cy'ibirori umwami akikijwe n'abo iherezo ryabo ryari ryamaze gushyirwaho ikimenyetso, intumwa yaraje imubwira ko "umurwa we wafashwe impande zose" n'abanzi yari yaribwiye ko azatsinda amayere yabo.... Ndetse n'igihe umwami n'ibisonga bye banyweshaga ibikoresho byera by'Uwiteka kandi basingiza ibigirwamana byabo by'ifeza n'izahabu, Abamedi n'Abaperesi bari bamaze kuyobya uruzi rwa Ufurate bityo bagendagendaga hagati muri uwo murwa utari urinzwe. Ingabo za Kuro noneho zari zihagaze munsi y'inkuta z'ingoro y'umwami; kandi umurwa wose wari wuzuye ingabo z'umwanzi zawuzimagije "zimeze nk'ubuzikira" (Yeremiya 51:14); kandi urusaku rwo kunesha kwazo rwumvikaniraga hejuru y'imiborogo y'abari bahoze mu birori byo kuvuyarara." – *Ibid*., p.531.

## 5. MU RWOBO RW'INTARE

**Kuwa Gatanu**
**09 Mata**

**a. Ukuba Daniyeli yarakomeje kuba indahemuka ku Mana, ni ukubera iki byamuviriyemo gutotezwa? Daniyeli 6:1 – 5.**

---

"Icyubahiro Daniyeli yahawe cyabyukije ishyari ry'abatware bo muri ubwo bwami maze bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli….

"Imyitwarire izira amakemwa ya Daniyeli yakomeje gukaza ishyari ry'abanzi be….

"Nuko abatware bakomeye n'ibikomangoma bajya inama maze bacura umugambi biringiraga ko uzabashoboza kurimbura uwo muhanuzi." – *Abahanuzi n'Abami*, p.539,540.

**b. Ni iki cyabayeho bitewe n'uko Daniyeli yanze guteshuka? Daniyeli 6:11 – 17.**

---

"Nubwo yari azi neza ingaruka zo kuba indahemuka ku Mana kwe, umutima we ntiwigeze udohoka. Imbere y'abacuraga umugambi mubisha wo kumurimbura ntiyari kwemera yuko bigaragara ko umubano we n'Ijuru uri mu kaga. Mu bintu byose umwami yari afitemo uburenganzira bwo gutegeka, Daniyeli yarumviraga; ariko yaba umwami cyangwa iteka yaciye nta cyashoboraga kumuteshura ku kuba indahemuka ku Mwami w'abami." — *Ibid.*, p. 542.

**c. Ni gute Imana yongeye guhimbazwa binyuze ku mugaragu Wayo? Daniyeli 6:19 – 23, 27.**

---

"Imana ntiyabujije abanzi ba Daniyeli kumujugunya mu rwobo rw'intare; yemeye ko abamarayika babi ndetse n'abantu b'abanyabyaha batyo basohoza umugambi wabo; ariko ibyo yabyemereye kugira ngo itume kurokorwa k'umugaragu Wayo kurushaho kugaragara kandi no gutsindwa kw'abanzi b'ukuri no gukiranuka kurusheho guhama. Umuhimbyi wa Zaburi yarahamije ati: "Ni ukuri umujinya w'abantu uzagushimisha" (Zaburi 76:10). Satani yagombaga gutsindwa binyuze mu butwari bw'uyu muntu umwe wahisemo gukurikiza ibitunganye aho gukurikiza amategeko y'abantu, kandi izina ry'Imana ryagombaga gukuzwa no kubahwa." — *Ibid.,* p. 543,544.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**10 Mata**

1. Ni gute muri iki gihe twakwigana abo Baheburayo bane ku byerekeranye no kugira amahitamo arangwa n'ubwenge?
2. Ni gute guhangana n'ibigeragezo bishobora gutuma turushaho gukomera kandi bikatwugururira irembo ryo guhamiriza ab'isi?
3. Ni ibihe byigisho Umwami Nebukadinezari yize byatumye ahinduka?
4. Ni iki abayobozi bo muri iki gihe bashobora kwigira ku byabaye kuri Belushazari mu ijoro rya nyuma i Babuloni?
5. Ni gute inkuru ya Daniyeli ishobora gutera umwete ubwoko bw'Imana butotezwa?

Ku Isabato, 18 Mata 2026

**Icyigisho 3**

# Ihishurwa ry'Ingoma z'Ahazaza

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ni yo inyuranya ibihe n'imyaka, ni yo yimūra abami ikimika abandi, igaha abanyabwenge ubwenge, n'abazi kwitegereza ikabaha kumenya." (Daniyeli 2:21).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Abahanuzi n'Abami,* p.491 – 502.

"Imbaraga z'ishyanga runaka ndetse n'iz'abantu ku giti cyabo ntizibonerwa mu mahirwe bagira cyangwa ibibunganira babona ngo bitume bahinduka abantu badakurwa mu byimbo. Ntabwo izo mbaraga zibonerwa mu buhangange bwabo birata. Ahubwo bureberwa ku budahemuka bakorana kugirango basohoze umugambi w'Imana." – *Abahanuzi n'Abami*, p.502.

## 1. INZOZI ZITANGAJE

**Kuwa Mbere 12 Mata**

a. Ni irihe tegeko umwami Nebukadinezari yatanze amaze gukanguka mu nzozi zamuhangayikishije cyane? Daniyeli 2:1,2.

---

b. Abajyanama b'umwami babyifashemo bate igihe umwami yabasabaga gukora ikintu kidasanzwe? Daniyeli 2:3-7.

---

---

"Umwami yari azi ko niba babasha kumubwira ubusobanuro, babasha no kumubwira izo nzozi. Imana mu bubasha Bwayo, ni Yo yari yamweretse izo nzozi ariko ntiyatuma yibuka uko zari zimeze, ariko akomeza kumva zimuteye ubwoba, kugira ngo bishyire ahagaragara kwishushanya kw'abanyabwenge b'i Babuloni." – *Imibereho Yejejwe*, p.34.

c. Nubwo abo banyabwenge b'i Babuloni bavugaga ko bafitanye isano n'umwuka w'isi n'ubuzima bwa nyuma y'urupfu, ni iki bemeraga? Daniyeli 2:8 – 11.

---

---

"Ba banyabwenge batashywe n'ubwoba bwo gutinya ingaruka z'uko bananiwe kubwira umwami inzozi yarose, bashishikariye kwereka umwami ko ibyo abasaba bidafite ishingiro kandi icyo kigeragezo kirenze icyo ari cyo cyose umuntu yigeze asabwa." – *Abahanuzi n'Abami*, p.492.

## 2. DANIYELI YIYAMBAZWA

**Kuwa Kabiri 13 Mata**

a. Ni gute umwami yitwaye igihe abanyabwenge bananirwaga guhishura inzozi ze no kuzisobanura, none se Daniyeli yabikozeho iki? Daniyeli 2:12 – 16.

---

---

"Daniyeli n'incuti ze bari mu bashakishijwe n'abasirikare bakuru bateguraga gusohoza ibyo iteka ry'umwami ryari ryategetse. Igihe babwirwaga ko na bo bagomba kwicwa nk'uko iteka ryari ryaciwe, Daniyeli yabazanyije ubwenge no kwitonda abaza Ariyoki umutware w'abasirikare barindaga umwami ati: "Ni iki gitumye habaho itegeko ry'ikubagahu rivuye ku mwami?" Ariyoki yabwiye Daniyeli inkuru yo guhagarika umutima k'umwami bitewe n'inzozi zikomeye yarose ndetse n'uko yananiwe kubonera ubufasha ku bo yari yariringiye rwose kugeza ubwo. Daniyeli yumvise ibyo; niko gushyira ubuzima bwe mu kaga maze yiyemeza gusanga umwami maze amusaba ko yamuha igihe kugira ngo abashe gusaba Imana ye ngo imuhishurire izo nzozi n'ubusobanuro bwazo.

"Umwami Nebukadinezari yemeye uko gusaba kwa Daniyeli. 'Nuko Daniyeli ajya mu nzu ye, abibwira bagenzi be, Hananiya na Mishayeli na Azariya.' Bafatanyirije hamwe gushaka ubwenge buva kuri Soko y'umucyo no kumenya. Ukwizera kwabo kwashikamye mu kuzirikana ko Imana yari yarabashyize aho bari bari, ko bakoraga umurimo Wayo kandi ko buzuzaga ibyo basabwaga mu nshingano yabo." – *Abahanuzi n'Abami*, p.493.

b. Mbese ni iki twakwigira ku kuntu Daniyeli na bagenzi be basenze icyo gihe? Daniyeli 2:17 – 23.

---

---

"Mu bihe byo guhagarika umutima n'amakuba, [Daniyeli na bagenzi be] iteka bari baragiye basanga Imana ngo ibayobore kandi ibarinde, kandi yari yarigaragaje ko ari yo mufasha w'ibihe byose. Ubu noneho n'umutima umenetse bongeye kwiyegurira Umucamanza w'isi, bamusaba ko yabarokora muri icyo gihe cy'amakuba adasanzwe barimo. Kandi ntibasengeye ubusa. Noneho Imana bari barubashye na yo yarabubahishije. Umwuka w'Uwiteka yabajeho maze "mu nzozi za nijoro" Daniyeli ahishurirwa inzozi z'umwami n'ubusobanuro bwazo." – *Ibid.*, pp. 493, 494.

"[Abo Baheburayo bane] ntibigeze bashaka imbabazi z'Imana ngo batahe amara masa. Nuko Daniyeli ahamagaza bagenzi be, maze ashimira Imana ko amasengesho yabo yumviswe kandi agasubizwa, maze batura Imana ituro ry'ishimwe no kuyihimbaza, iryo turo riremerwa rwose n'Umutegetsi w'ijuru n'isi [Daniyeli 2:20 – 22]. Daniyeli na bagenzi be bagize iteraniro ryo guhimbaza Imana, kandi abo mu ijuru bose bifatanyije na bo mu gushimira Imana." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 22 Ugushyingo 1894.

## 3. IGISHUSHANYO CYIHARIYE

**Kuwa Gatatu**
**14 Mata**

a. Ni gute Daniyeli yabwiye Nebukadinezari ibyerekeranye n'ihishurwa ry'inzozi ze? Daniyeli 2:24 – 30.

---

---

"Nimurebe umunyagano w'Umuyuda, atuje kandi yiyumanganyije ari imbere y'umwami w'ubwami bwarushaga ubundi bwose gukomera ku isi. Mu magambo ya mbere yavuze ntiyiheshеje icyubahiro ubwe ahubwo yahaye Imana ikuzo yo sōko y'ubwenge bwose. Umwami amubazanyije amatsiko ati: 'Mbega urambwira inzozi neretswe n'icyo zisobanura?' Yarasubije ati: 'Ibyo bihishwe umwami yasobanuzaga, nta banyabwenge babasha kubimenyesha umwami, cyangwa abapfumu cyangwa abakonikoni cyangwa abacunnyi, ariko mu ijuru hariho Imana ihishura ibihishwe, kandi ni yo yeretse Umwami Nebukadinezari ibizaba mu bihe bizaza.' " – *Abahanuzi n'Abami,* p.494 – 497.

"Umunyagano w'Umuyuda yari ahagaze imbere y'umwami w'ubwami bukomeye cyane kuruta ubundi bwose bwabayeho. Atitaye ku butunzi bwe n'icyubahiro cye, Nebukadinezari yari ahangayitse cyane mu mutima, ariko uwo musore wari mu bunyage yari atuje kandi anezerewe mu Mana ye. Icyo gihe, Daniyeli yari abonye uburyo bwo kwishyira hejuru, agaragaza ko ari umuntu mwiza kandi ufite ubwenge buruta ubw'abandi bose. Nyamara ikintu cya mbere yabanje gukora, ni ukutihesha icyubahiro we ubwe, ahubwo yubahishije Imana, yo Sōko y'ubwenge." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 01 Nzeri 1903.

b. Sobanura igishushanyo umwami yabonye mu nzozi ze. Daniyeli 2:31 – 33.

---

---

"Umwami amaze kumva mu buryo bwimbitse uko buri kantu kose kavuzwe, yamenye ko izo ari zo nzozi zari zaraye zimuhangayikishije cyane; kandi yari yiteguye kwemera ubusobanuro bwazo." – Ibid.

"Umwami w'abami yari agiye kumenyesha umwami w'i Babuloni ukuri gukomeye. Imana yari guhishura ko ifite ububasha ku bwami bwose bwo ku isi, ikagira ububasha bwo kwimika ubwami no kubuhangura. Niba bishoboka intekerezo za Nebukadinezari zagombaga gukangurwa zigasobanukirwa inshingano afite abazwa n'Ijuru. Ibyari kuzaba mu gihe cy'ahazaza bikageza ku iherezo ry'ibihe, byagombaga gushyirwa imbere ye." – *Abahanuzi n'Abami,* p.498.

c. Byagendekeye gute icyo gishushanyo igihe umwami yacyitegerezaga? Daniyeli 2:34,35.

---

## 4. INZOZI ZISOBANURWA

**Kuwa Kane**
**15 Mata**

### a. Umutwe w'izahabu wasobanuraga iki? Daniyeli 2:36 – 38.

---

"Ku ngoma y'Umwami Nebukadinezari, nibwo Babuloni yabaye ubwami bw'igihangange kandi bukungahaye kurusha ubundi bwose ku isi. Ubutunzi n'ubwiza bwayo byagiye bigaragazwa mu buryo busobanutse mu Byanditswe". – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 29 Nzeri 1903.

### b. Ni ubuhe bwami bugereranywa n'amabuye y'agaciro yakurikiyeho? Daniyeli 2:39,40.

---

"Ubuhanuzi bwagaragaje kwaduka no gutera imbere k'ubwami bukomeye bwabaye ku isi ari bwo Babuloni, Abamedi n'Abaperesi, Ubugiriki na Roma." – *Abahanuzi n'Abami*, p.535.

"Daniyeli.... yabwiye Nebukadinezari ko ubwami bwe bwari gusimburwa n'ubundi. Ugukomera kwe n'ububasha bwe mu isi y'Imana byari kuzagira iherezo, maze ubwami bwa kabiri bukabaho, na bwo bukaba bwari kuzagira igihe cyo kugeragezwa kugira ngo harebwe niba bwari kuzashyira hejuru Umutegetsi umwe rukumbi, Imana y'ukuri yonyine. Mu kutabigenza gutyo, ikuzo ry'ubwo bwami ryari kuzimangatana, maze bugasimburwa n'ubundi bwami bwa gatatu. Kubwo kumvira cyangwa kutumvira, ubwo nabwo bwari kuzagira iherezo; noneho hakima umwami wa kane wari gukomera nk'icyuma, wari gutegeka amahanga y'isi. Ibyo bintu Imana Ishoborabyose yari yarahanuye, byanditswe mu buhanuzi no mu mateka, byatanzwe kugira ngo bigaragaze ko Imana ari yo itegeka ibyo muri iyi si. Ni yo inyuranya ibihe n'imyaka, ni yo yimūra abami ikimika abandi, kugira ngo isohoze umugambi Wayo. – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 29 Nzeri 1903.

"Babuloni yarahangutse kubera ko mu gihe cyo kugubwa neza kwayo yibagiwe Imana, maze ikuzo ry'ukugubwa neza kwayo ryitirirwa ibikorwa by'umuntu.

"Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwagezweho n'umujinya w'ijuru bitewe n'uko muri ubwo bwami amategeko y'Imana yasiribanzwe. Mu mitima y'abo bantu, nta gutinya Imana kwayirangwagamo. Ingeso zari ziganje mu Bamedi n'Abaperesi zari ubugome, gutuka Imana no kononekara.

"Ubwami bwaje gukurikiraho bwari bwarushijeho kuba bubi cyane kandi bwarangwaga no kononekara. Babaye babi bitewe n'uko baretse kubera Imana indahemuka. Mu gihe bibagirwaga Imana, barushijeho kumanuka ku rwego rwo hasi cyane rw'indangagaciro z'imicombonera." – *Ibid.*, kuwa 22 Nzeri 1903.

### c. Ni ubuhe bwami bugereranywa n'ibirenge n'amano budasanzwe? Daniyeli 2:41 – 43.

---

"Umwanya turimo ku gishushanyo Nebukadineza yarose uhagarariwe n'amano yigabanyijemo, n'ibikoresho bitazigera bifatana na rimwe." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 1, p.360,361.

## 5. UBWAMI BW'IMANA BUZAHORAHO ITEKA RYOSE — Kuwa Gatanu 16 Mata

a. Ni ubuhe bwami buzashyira iherezo ku butegetsi bw'isi? Daniyeli 2:44,45.

---

"Inzozi z'igishushanyo kinini cyagaragarije Nebukadinezari ibizabaho kugeza ku iherezo ry'ibihe; zari zaratanzwe kugira ngo asobanukirwe uruhare yagombaga kugira mu mateka y'isi, ndetse n'isano ubwami bwe bwari bukwiriye kugirana n'ubwami bw'ijuru. Mu busobanuro bw'izo nzozi, Nebukadinezari yari yarasobanuriwe neza ibyerekeye kwimikwa k'ubwami bw'Imana buzahoraho iteka." – *Abahanuzi n'Abami,* p.503.

b. Ni ryari ubwami bw'Imana buzatangira gutegeka mu bwiza? Yohana 18:36; Matayo 25:31 – 34; 26:64; Ibyahishuwe 6:15 – 17.

---

"Ubwami bwacu si ubw'iyi si. Dutegereje Umwami wacu uzava mu ijuru akaza ku isi gucisha bugufi ubutware n'ububasha bwose, maze akimika ingoma Ye izahoraho iteka ryose.... Ubuhanuzi butwereka ko umunsi ukomeye w'Imana udusatiriye. Urihuta cyane." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.360,361.

c. Mbese umwami yakiriye ate ubushobozi bwa Daniyeli bwo guhishura inzozi ze no kuzisobanura? Daniyeli 2:46 – 49.

---

"Kuko Daniyeli yasobanuye izo nzozi, byatumye umwami amwubahisha we na bagenzi be kandi abaha icyubahiro..... Abo bagenzi ba Daniyeli batatu bagizwe abajyanama, abacamanza n'abatware mu gihugu. Abo bagabo ntibiratiga, ahubwo babonaga kandi bakishimira ko Imana ishyirwa hejuru y'abategetsi bose bo ku isi, kandi ko ubwami Bwayo bushyirwa hejuru y'ubwami bwose bwo ku isi." – *Umwigisha w'Urubyiruko*, kuwa 08 Nzeri 1903.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA — Kuwa Gatandatu 17 Mata

1. Ni iki Umwami Nebukadinezari yavumbuye cyerekeranye n'abanyabwenge be yiringiraga?
2. Kuba isengesho ryo gushimira rya Daniyeli ryaranditswe ariko isengesho rye ryo gusaba ntiryandikwe, bigaragaza iki?
3. Nubwo Daniyeli yari umunyabwenge kurusha abandi bose i Babuloni, ni uwuhe muco yari afite?
4. Vuga imiterere iranga ubwami bugereranywa n'amabuye y'agaciro agenda ahinduka.
5. Ni ryari igice cy'inzozi kirebana n'ibuye kizasohora?

Ku Isabato, 25 Mata 2026

**Icyigisho 4**

# Iyerekwa rya Mbere rya Daniyeli

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Maze mbona iryo hembe rirwanya abera ryenda kubanesha, kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye agatsindishiriza abera b'Isumbabyose. Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami." (Daniyeli 7:21,22).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.479 – 491; *Inyandiko z'Ibanze,* p.54 – 56.

"Uko twegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, ubuhanuzi bwanditswe na Daniyeli budusaba kuba maso mu buryo budasanzwe kuko buhuje n'igihe turimo." – *Abahanuzi n'Abami,* p.547.

## 1. IMIYAGA INE, INYAMASWA ENYE

**Kuwa Mbere 19 Mata**

a. Ni ryari Daniyeli yahawe iyerekwa rye rya mbere rya gihanuzi, kandi yabyakiriye ate? Daniyeli 7:1,15,16 (ahabanza).

---

"Mbere gato yo guhanguka kwa Babuloni, igihe Daniyeli yatekerezaga kuri ubwo buhanuzi kandi asaba Imana ngo imusobanurire ibyo bihe, yeretswe ibyerekeye guhangwa no guhanguka kw'ingoma zitandukanye. Iyerekwa rya mbere, nk'uko ryanditswe mu gice cya karindwi cy'igitabo cya Daniyeli, ryatangiwe ubusobanuro; ariko umuhanuzi Daniyeli ntiyasobanuriwe ibintu byose uko byakabaye." – *Abahanuzi n'Abami*, p.553.

b. Ni iki cyagaragajwe n'ibintu bisanzwe byerekanywe? Daniyeli 7:2; Ibyahishuwe 17:15; Yeremiya 25:31 – 33.

---

c. Ni gute marayika yatanze ubusobanuro bw'inyamaswa enye zikomeye zavutse? Daniyeli 7:3,16 (ahaheruka),17.

---

"Umuhanuzi Daniyeli yeretswe ubwami bukomeye bwategetse isi mu bigereranyo by'inyamaswa z'inkazi." – *Intambara Ikomeye,* p.439,440.

## 2. UBWAMI BWAGEZE KU NSINZI

**Kuwa Kabiri**
**20 Mata**

a. Muri za nyamaswa enye ni iyihe ya mbere muri zo, kandi igereranya ubuhe bwami? Daniyeli 7:4; Yeremiya 50:17; Habakuki 1:6 – 8.

---

"[Babuloni] ntiyasohoje umugambi w'Imana; kandi ubwo igihe cyayo cyageraga, ubwo bwami bwari igihangange bukarangwa n'imbaraga, bwategekwaga n'abantu bafite ubuhanga buhanitse, bwarahangutse, busenyuka ntawe uburamiye. Kristo yaravuze ati: 'Ntacyo mubasha gukora mutamfite.' Abayobozi ba leta b'i Babuloni ntibigeze bumva ko bishingikirije ku Mana. Batekerezaga ko aribo ubwabo bihesheje icyubahiro cyabo cyose no kuzamuka kwabo. Ariko igihe Imana yavugaga, babaye nk'ibyatsi byumye, ndetse nk'uko uburabyo bw'ibyatsi buhunguka. Ijambo ry'Imana n'ubushake bwayo nibyo byonyine bihoraho iteka ryose." – *Umwigisha w'Urubyiruko,* kuwa 29 Nzeri 1903.

b. Ni gute inyamaswa ya kabiri yasobanuwe, kandi igereranya ubuhe bwami? Daniyeli 7:5.

---

"Ishyanga ryose ryabayeho ku isi ryahawe amahirwe yo kugira umwanya waryo ku isi, kugira ngo bigaragare ko ryasohoza umugambi w'Imana yera kandi irebera hose icyarimwe. Ubuhanuzi bwari bwarerekanye uko ingoma zikomeye zo ku isi zajyaga guhangwa kandi zigahanguka. Izo ngoma ni: ingoma y'i Babuloni, iy'Abamedi n'Abaperesi, iy'Abagiriki n'iy'Abaroma. Haba kuri buri ngoma muri izi ndetse no ku ngoma zindi zari zoroheje, usanga amateka yaragiye yisubiramo. Zose zahawe igihe cyo kugeragezwa, ariko zose zaratsinzwe. Ikuzo ryazo ryavuyeho, ubutegetsi bwazo burahirima kandi zikajya zisimburwa n'izindi.

"Nubwo amahanga yose yabayeho yanze gukurikiza amahame y'Imana, kandi akizanira kurimbuka bitewe no kwanga ayo amahame, ntibyabuzaga ko umugambi ntavuguruzwa w'Imana wajyaga usohorezwa mu byo izo ngoma zakoraga." – *Uburezi*, p.176,177.

c. Ni ibihe bintu bidasanzwe byaranze inyamaswa ya gatatu igereranya ubwami bw'Abagiriki? Daniyeli 7:6.

---

"Iyo ubwo bwami butandukanye buza gukomeza kubaha Uwiteka, bwari guhabwa ubwenge n'imbaraga byari gutuma bushikama kandi bugakomera. Ariko abategetsi b'ubwami bw'isi bahinduraga Imana imbaraga zabo igihe gusa babaga bahangayitse kandi bababaye.... Byabaye ngombwa ko biyambaza abo ubwenge bwabo bwari bwaramurikiwe n'umucyo wo mu ijuru, kugira ngo babasobanurire ubwiru batashoboraga gusobanukirwa." – *Umwigisha w'Urubyiruko,* kuwa 29 Nzeri 1903.

## 3. ROMA, UBWAMI BWA KANE

**Kuwa Gatatu**
**21 Mata**

a. **Ni iki cyatumye inyamaswa ya kane igorana kuyisobanura mu buryo busanzwe? Daniyeli 7:7.**

"Umwuka Wera agaragaza ubwami bwo mu isi nk'ubuhagarariwe n'ibirangantego by'inyamaswa z'inkazi, ariko Kristo we ni "Umwana w'Intama ukuraho ibyaha by'abari mu isi" Yohana 1:29. Leta ye, nta gahunda yo gukoresha agahato iyirangwamo." – *Imigani ya Kristo,* p.77.

"Umusaraba muri icyo gihe werekanaga ubutegetsi bw'Abaroma. Wari igikoresho giteye ubwoba cy'urupfu no gucisha bugufi abantu. Abagizi ba nabi basuzuguritse bagombaga kwikorera umusaraba wabo bakawugeza aho bagomba kwicirwa; kandi akenshi iyo bawubakoreraga, bakoraga uko bashoboye ngo bawange bikabaviramo gutotezwa no kugirirwa nabi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.416,417.

b. **Ni iki cyagaragaye mu mahembe y'inyamaswa ya kane? Daniyeli 7:8.**

"Mu kinyejana cya gatandatu, ubupapa bwari bwaramaze gukomera cyane. Icyicaro cyabwo cyabaga mu murwa mukuru w'ubwami bw'Abaroma, bityo abantu babwirwa ko Papa ari we muyobozi mukuru w'itorero. Ubwo ubupagani bwari bwaramaze gusimburwa n'ubupapa. Ikiyoka cyari cyarahaye inyamaswa "imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye." Ibyahishuwe 13:2. Ubwo hatangiye imyaka 1260 y'akarengane kakozwe n'ubupapa kari karavuzwe mu buhanuzi bwa Daniyeli n'ubwo mu Byahishuwe. (Daniyeli7:25; Ibyahishuwe 13:5-7). Abakristo bagombaga guhitamo kureka ubutungane bwabo bakemera imihango n'uburyo bwo gusenga byashyizweho n'ubupapa, cyangwa bagahitamo kuzagwa muri gereza zabaga munsi y'ubutaka, gutwikishwa umuriro, gushikamirwa n'imbago babashikanura, cyangwa gucibwa ibihanga. Nibwo hasohoye amagambo Yesu yavuze ngo "Ariko muzagambanirwa n'ababyeyi banyu, ndetse n'abavandimwe na bene wanyu n'incuti zanyu; bazicisha bamwe muri mwe. Muzangwa na bose babahora izina ryanjye." Luka 21:16,17. Abizera bahuye n'akarengane gakaze kuruta ako bari barigeze guhura na ko mbere, maze isi yose ihinduka isibaniro. Abagize Itorero rya Kristo bamaze imyaka amagana menshi bihisha. Ibyo ni byo umuhanuzi yavuze ati : "Uwo mugore ahungira mu butayu, aho afite ahantu yateguriwe n'Imana, kugira ngo bamugaburirireyo, kumara iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu. (Ibyahishuwe 12:6)." – *Intambara Ikomeye,* p.54,55.

c. **Ni iki Daniyeli yashakaga kumenya amaze kubona iyerekwa? Daniyeli 7:19,20.**

## 4. IHEMBE RITO

**Kuwa Kane**
**22 Mata**

**a. Ni iki marayika yasobanuye ku byerekeranye n'inyamaswa ya kane iteye ubwoba, yagereranyaga ubwami bw'Abaroma? Daniyeli 7:23.**

---

**b. Ni iki cyahishuwe cyerekeranye n'ihembe rito? Daniyeli 7:24.**

---

"Ubwami bwa Roma bwari bukomeye cyane bwarashenywe buhinduka uduce duce, maze kuri ayo matongo havuka ubutegetsi bukomeye, ari bwo Kiliziya Gatolika y'i Roma. Iryo dini ryirata ko ridashobora kwibeshya kandi ko ari idini rikomoka ku ry'umwimerere ryabyaye andi. Ariko iryo dini ritera ubwoba abantu bose bamenye amabanga y'ubwiru bwo gukiranirwa kwaryo. Abapadiri ba Kiliziya bakomeza kugira ububasha bwo gutuma abantu bagumya kutamenya ibyo Imana ishaka, nk'uko bihishurwa mu Byanditswe. – *Umwigisha w'Urubyiruko,* kuwa 22 Nzeri 1903.

**c. Ni bande bari kugerwaho n'umujinya w'ubutegetsi bw'agahembe gato? Daniyeli 7:21,25.**

---

"Kujya ku butegetsi kw'itorero ry'i Roma kwabaye intangiriro y'ibihe by'Umwijima. Uko ububasha bw'iryo torero bwiyongeraga, ni ko n'umwijima warushagaho kubudika. Abantu bateshejwe kwizera Kristo, we rufatiro nyakuri, basigara bizera Papa w'i Roma. Mu cyimbo cyo kwiringira Umwana w'Imana ngo abababarire ibyaha abahe n'agakiza k'iteka ryose, biringiraga Papa, n'abepisikopi ndetse n'abapadiri Papa yashyizeho ngo bamuhagararire. Bigishijwe ko Papa ari we muhuza wabo n'Imana uri ku isi kandi ko nta wari gushobora kwegera Imana atamunyuzeho, kandi na none ko Papa yari kumwe na bo ari mu cyimbo cy'Imana, bityo ibyo bikaba byaravugaga ko agomba kumvirwa. Kudakurikiza amategeko ya Papa byababaga ari impamvu yo gutuma ababikoze bahabwa igihano gikomeye kibabaza imibiri n'intekerezo byabo. Kubw'ibyo, abantu bateshejwe kurangamira Imana barangamira abantu bibeshya, bayoba kandi b'abagome, kandi si ibyo gusa ahubwo ikirenzeho barangamira Umutware w'umwijima wabakoreragamo. Icyaha cyiyoberanyije mu mwambaro w'ubutungane. Iyo Ibyanditswe Byera bikuweho maze umuntu akiyerekana ko ari we uri hejuru ya byose, icyo dusigara tubona gusa ni uburiganya, ibinyoma ndetse no guheneberera mu bibi. Uko kwimika amategeko n'imihango byashyizweho n'abantu byagaragaje kononekara kuzanwa no kwirengagiza amategeko y'Imana.

"Iyo yari iminsi y'akaga ku itorero rya Kristo. Nta gushidikanya, abantu bashikamye ku kuri batadohoka bari bakeya cyane. Nubwo ukuri kutigeze kubura abaguhamya, hari ibihe wasangaga ikinyoma n'imigenzo ya gipagani bisa n'ibigiye kukunesha byimazeyo, ndetse no gusenga Imana mu buryo nyakuri bigasa n'ibizagerahο bigasibangana ku isi. Ubutumwa bwiza bwari bwaribagiranye, nyamara imihango y'idini yo yakomeje kwiyongera maze abantu basigara bavunwa n'ibintu bikomeye basabwa gukora." – *Intambara Ikomeye,* p.55.

## 5. URUBANZA

**Kuwa Gatanu 23 Mata**

a. Ni iki cyari kubaho kugirango ubutegetsi bw'ihembe rito burangire? Daniyeli 7:26.

---

"Amezi mirongo ine n'abiri [yo mu Byahishuwe 13:5] ahwanye "n'igihe n'ibihe n'igice cy'igihe, imyaka itatu n'igice cyangwa iminsi 1260, yo muri Daniyeli 7, icyo kikaba ari igihe ubupapa bwamaze burenganya abantu b'Imana. Iki gihe nk'uko cyavuzwe mu bice bibanza, cyatangiranye no gukomera k'ubupapa mu mwaka wa 538 N.K kandi kirangira mu mwaka wa 1798 N.K. Icyo gihe (mu 1798) Papa yafashwe n'ingabo z'Abafaransa zimujyanaho umunyago, maze ubupapa bukomereka uruguma rwica, bityo ibyari byaravuzwe birasohora ngo: "Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago." – *Intambara Ikomeye,* p.439.

b. Ni gute isuzumarubanza ryasobanuwe? Daniyeli 7:9,10,13.

---

"Ukuza kwa Kristo kuvugwa aha, ntabwo ari ukugaruka kwe kuri iyi si. Asanga Umukuru Nyir'ibihe byose mu ijuru, kugira ngo ahabwe ubutware, icyubahiro, n'ubwami azegurirwa ku iherezo ry'umurimo We w'umuhuza." – *Ibid.*, p.480.

c. Ese urwo rubanza rwari kuzagira izihe ngaruka? Daniyeli 7:11,14,18,22,26,27.

---

"Umugambi ukomeye w'agakiza ugarura isi mu buryo bwuzuye maze ikongera kungwa n'Imana. Ibyari byarazimiye kubera icyaha byose byaragaruwe. Si umuntu wenyine ahubwo n'isi yaracunguwe, kugira ngo ibere abubaha Imana ubuturo bw'iteka ryose. Satani yarwanye intambara imyaka ibihumbi bitandatu kugira ngo agumane isi mu maboko ye. None ubu umugambi shingiro Imana yari ifitiye isi ikiremwa urashohojwe. "Abera b'Isumbabyose bazahabwa ubwo bwami babuhindure, bube ubwabo iteka ryose." Daniyeli 7:18." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.342.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 24 Mata**

1. Vuga inyamaswa enye Daniyeli yabonye zivuye mu nyanja.
2. Vuga ubwami bugereranywa n'inyamaswa, n'ukuntu ibiranga ubwo bwami byasohoye.
3. Ni iki cyatumye ubutegetsi bw'ihembe rito butandukana n'ubundi butegetsi bwagaragajwe?
4. Ni ayahe magambo "akomeye" yavuzwe n'ubutegetsi bw'ihembe rito?
5. Ni nde urubanza ruzaha gutegeka isi, kandi ryari?

# Amaturo y’Isabato ya Mbere



## Ku isabato, 02 Gicurasi 2026
## Azagenerwa Amamisiyoni ku isi

Mu Ihuriro rya 24 ry’Inteko Nkuru Rusange, hari hahagarariwe za Misiyoni nyinshi nshya ziherutse gufungurwa. Dushimishwa cyane n’iyo ntambwe twateye mu murimo w’ukuri kw’iki gihe, kandi nta gushidikanya ko dutegerezanyije amatsiko kuzongera kubona izindi Misiyoni na Iniyo nk’izo nshya, mu gihe isi yose izaba iri kumurikirwa n’ubwiza bw’Imana.

Hari uburyo bwinshi [twakoresha] kugirango dufatanye muri uwo murimo utangaje wo gukiza ubugingo mu turere dushya. “Kuko umuntu wese uzambaza izina ry’Umwami azakizwa. Ariko se bamwambaza bate bataramwizera? Kandi bamwizera bate bataramwumva? Kandi bakumva bate ari nta wababwirije? Kandi babwiriza bate batatumwe?” (Abaroma 10:13 – 15, ahabanza). Abakora uwo murimo n’abawushyigikira mu buryo bw’amafaranga, bose barigomwa mu buryo bunyuranye kugira ngo barokore intama zazimiye.

“Iyo abantu bo mu nzego zacu zose bamenya ukuntu mu myaka yashize byari bigoye gushinga umurimo mu turere twaje kuvukamo ibigo by’ingirakamaro, bari gusobanukirwa ko bisaba ubutwari kugira ngo umuntu ahangane n’imimerere idatanga icyizere, kandi avuge, azamuye amaboko mu ijuru ati: “Ntabwo tuzatsindwa cyangwa ngo ducike intege.” Abatarigeze batangiza umurimo mu turere dushya kandi tugoye, ntibashobora kwiyumvisha ingorane z’umurimo wo kugeza ubutumwa ahantu hashya. Iyo baza gusobanukirwa imikorere y’Imana, ntibari kwishimira gusa ibyakozwe, ahubwo bari no kubona impamvu yo kwishimira umurimo w’igihe kizaza.

“Bene data, nta mpamvu yo gucika intege. Imbuto nziza zirimo zirabibwa. Imana izazirinda, itume zimera, zibe ingemwe, maze zitange umusaruro utubutse. Mwibuke ko ibikorwa byinshi byo gukiza abantu, mu ntangiriro byagiye bikorwa mu gihe cy’ibirushya byinshi”. – *Ibihamya by’Itorero,* vol 7, p.242.

“Buri faranga ryose dufite ni iry’Imana. Aho gukoresha amafaranga yacu mu bintu bitari ngombwa, tugomba kuyashora mu gusohoza inshingano z’umurimo w’ivugabutumwa.

“Mu gihe hafungurwa filidi nshya, ibisaba amikoro birushaho kwiyongera.” – *Historical Sketches,* p. 293.

Kubw’ibyo rero, ituro ry’uyu munsi ryo ku Isabato ya Mbere rizakusanywa kugira ngo rikoreshwe mu murimo wo kubwiriza ku isi hose, uwo ukaba ari umutungo w’ingenzi ukenewe cyane muri iki gihe. Uwiteka ahe umugisha umuntu wese utanga kugira ngo atange anezerewe, yigomwe kandi afite ukwizera, kandi buri wese azagororerwa hakurikijwe ibyo yakoze.

*Bene so bo mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 02 Gicurasi 2026 **Icyigisho 5**

# Uko Ubwami bwagiye Busimburana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ibyerekanywe byavuzwe ko bizaba muri iyo minsi, uko buzacya bukira ni iby'ukuri, ariko ujye ubizigama kuko ari iby'igihe gishyize kera." (Daniyeli 8:26).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.423 – 432.

"Buri shyanga ryose.... ryigeze kugira igihe cyo kugeragezwa; buri bwami bwaratsinzwe, ikuzo ryabwo ryarayoyotse, kandi imbaraga zabwo zarashize." – *Abahanuzi n'Abami,* p.535.

## 1. IMFIZI Y'INTAMA IHINDUKA IKOMEYE

**Kuwa Mbere 26 Mata**

a. Ni iki Daniyeli yabonye igihe ubutegetsi bwa Babuloni bwari bugiye guhanguka? Daniyeli 8:1,2.

---

b. Sobanura imyitwarire y'inyamaswa ya mbere yagaragaye maze ikaza gukomera. Daniyeli 8:3,4.

---

c. Ni gute marayika yasobanuye imfizi y'intama Daniyeli yari yabonye? Daniyeli 8:19,20.

---

"Mu iyerekwa ry'uwo muhanuzi, [Imana] igaragaramo ikuraho umutegetsi umwe ukomeye, igashyiraho undi. Imana ihishurwa nk'umwami w'isi n'ijuru, ugiye kwimika ubwami Bwe bw'iteka ryose – Umukuru Nyir'ibihe byose, Imana Ihoraho, Isoko y'ubwenge bwose, Umutegetsi w'ibiriho muri iki gihe, Umuhishuzi w'iby'igihe cy'ahazaza." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 4, p.1166.

"Turebeye ku guhangwa no guhanguka kw'amahanga nk'uko kwagaragajwe neza mu gitabo cya Daniyeli n'icy'Ibyahishuwe, dukeneye kumenya uburyo icyubahiro cy'isi n'ibigaragara inyuma nta gaciro bifite. Mbega uburyo Babuloni n'imbaraga zayo n'ubwiza bwayo isi turimo muri iki gihe itigeze ibona yahangutse burundu! (Abantu bo muri icyo gihe babonaga imbaraga n'ubwiza bya Babuloni bihamye rwose bizahoraho.) Yashizeho "nk'uburabyo bw'ibyatsi." Ni nako ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, ubwami bw'Abagiriki n'ubwa Roma byahangutse. Uko ni nako ubwami bwose butubakiye ku Mana ngo ibubere urufatiro buhanguka." – *Abahanuzi n'Abami,* p.548.

## 2. ISEKURUME Y'IHENE Y'INYEMBARAGA

Kuwa Kabiri
27 Mata

a. Ni ubuhe butegetsi bushya bwaje guhangana n'ubw'Abamedi n'Abaperesi? Daniyeli 8:5,21.

---

b. Sobanura imbaraga z'umwami w'ubwo bwami bushya zatumaga yigarurira ibindi bihugu. Daniyeli 8:6,7.

---

"Ububasha umutegetsi wese wa hano ku isi akoresha aba yabuhawe n'Imana, kandi uko akoresha ubwo bubasha yahawe ni byo bishingirwaho kugera ku ntego ze. Umurinzi ubera hose icyarimwe abwira buri mutegetsi wese ati: "Nzagukenyeza, nubwo utigeze kumenya." Yesaya 45:5. Ndetse n'amagambo yabwiwe umwami wa kera Nebukadenezari ni icyigisho mu buzima: "Kuzaho ibyaha byawe gukiranuka, kandi ibicumuro byawe ubikuzeho kugirira abakene impuhwe; ahari aho uzungukirwa amahoro." Daniyeli 4:24. Gusobanukirwa ibi bintu: gusobanukirwa ko "gukiranuka gushyira ubwoko hejuru;" ko "ingoma ikomezwa no gukiranuka," "kandi ko "ingoma ikomezwa n'imbabazi" (Imigani 14:34; 16:12; Imigani 20:28); kubonera imikorere y'ayo mahame mu kwigaragaza k'Ububasha bw'Imana Yo "yīmura abami; ikimika abandi," (Daniyeli 2:21) - uko ni ko gusobanukirwa n'amateka.

"Mu ijambo ry'Imana honyine ni ho ibi bisobanurwa neza. Muri ryo hagaragajwemo ko imbaraga z'ishyanga runaka cyangwa abantu ku giti cyabo zitabonerwa mu mahirwe bagira cyangwa ibibunganira babona ngo bitume bahinduka abantu badakurwa mu byimbo. Ntabwo izo mbaraga zibonerwa mu buhangange bwabo birata. Ahubwo bisuzumirwa ku budahemuka bakorana kugira ngo basohoze umugambi w'Imana." – *Uburezi*, p.174,175.

c. Byagendekeye bite ubwami bw'Ubugiriki igihe bwagendaga burushaho gukomera mu gihe cy'ubutegetsi bwa Alegizanderi Mukuru? Daniyeli 8:8,22.

---

"Umunyabwenge yaravuze ati: "Utihutira kurakara aruta intwari, kandi utegeka umutima we aruta utsinda umudugudu" (Imigani 16:32). Umugabo cyangwa umugore ukomeza kugira ubushishozi mu bwenge bwe mu gihe ashutswe kugira ngo ahaze irari arinezeze, Imana n'abamarayika bo mu ijuru babona ko aruta umujenerali w'ikirangirire mu ngabo, waba warigeze kuyobora ingabo ku rugamba maze zikarutsinda. Hari umwami w'abami uzwi cyane wari uryamye ku gisasiro cye asamba wavuze ati "Mu nsinzi zose nagezeho nkigarurira ibihugu, hari kimwe gusa kintera ihumure, kandi icyo kintu ni uko nabashije kunesha ubwibone bwanjye." Alegizanderi na Kayisari babonaga ko kwigarurira isi byoroshye kuruta kwitsinda bo ubwabo. Nyuma yo kwigarurira amahanga menshi, umwe muri bo "yatsinzwe no kutamenya kwirinda, undi atsindwa n'irari rya kinyamaswa." – *Kurera Umwana*, p.95,96.

## 3. “AGAHEMBE GATO KARAKURA CYANE”

**Kuwa Gatatu**
**28 Mata**

**a. Ni ubuhe butegetsi bushya buvugwaho kuba bwarigaruriye ubwami bw’Ubugiriki bwari bwiciyemo ibice? Daniyeli 8:9,23.**

---

**b. Sobanura ibikorwa bya Roma mpagani n’iy’Ubupapa Daniyeli yabonye mu iyerekwa. Daniyeli 8:10 – 12, 24.**

---

“Ubupapa bwari bwarabaye umutware w’abari ku isi utegekesha igitugu. Abami n’abami b’abami bumviraga amategeko ashyizweho n’umupapa w’i Roma. Imibereho y’abantu, yaba iy’icyo gihe cyangwa iy’iteka ryose, yasaga naho iri mu maboko ye…. Nyamara “amanywa y’ihangu ubupapa bwari bugezemo yari ijoro ry’icuraburindi ku batuye isi….” Hashize ibinyejana byinshi Uburayi budatera imbere mu by’ubumenyi, ubugeni ndetse n’umuco n’ikoranabuhanga. Ubukristo bwari bwaragezweho no kugwa ikinya mu by’ubwenge n’imico mbonera. ” – *Intambara Ikomeye*, p.60.

“Nk’uko byari byarahanuwe, ubutegetsi bw’ubupapa bwasiribanze ukuri. Bwasuzuguye bikabije amategeko y’Imana maze bushyira hejuru imigenzo yahimbwe n’abantu. Amatorero yayoborwaga n’ubutegetsi bwa Papa yahatiwe hakiri kare kubahiriza umunsi wa mbere (Kucyumweru) nk’umunsi wera. Mu gihe ikinyoma no kugendera ku migenzo byari byarahawe intebe, benshi barimo n’abantu b’Imana by’ukuri bashyizwe mu rujijo bituma nubwo bubahirizaga Isabato bareka no kugira umurimo bakora ku cyumweru. Ntibategetse abantu kubahiriza umunsi wo Kucyumweru gusa, ahubwo banabasabye gutesha Isabato agaciro, kandi mu mvugo ikakaye bakarega abatinyukaga kuyubahiriza. Uburyo bumwe rukumbi abantu bari basigaranye bwo gushobora kubaha amategeko y’Imana bwari mu guhunga ubutegetsi bw’i Roma.” – *Ibid.,* p.65.

**c. Ariko se nubwo ubu butegetsi bwari bufite amayeri menshi, ni gute nabwo bwari guhanguka? Daniyeli 8:25.**

---

“Mu gihe cy’umwijima wari ubuditse ku isi ubwo ubupapa bwamaraga igihe kirekire butegeka isi, ntabwo umucyo w’ukuri wigeze uzima burundu. Mu bihe byose habagaho abantu bahamya Imana, bakomezaga kwizera ko Kristo ariwe wenyine uhuza Imana n’abantu, bakomezaga kugira Bibiliya umugenga w’imibereho yabo, kandi bakubahiriza Isabato nyakuri. Ntabwo abari kuzakurikiraho bari kuzigera bamenya ibyiza byinshi abatuye isi bakesha abo bantu. Abantu babitaga abahakanyi, barwanyaga imigambi yabo, baneguraga imyitwarire yabo, bazimangatanyaga ibyo banditse, bakabisobanura uko bitari, cyangwa bakabikuramo iby’ingenzi. Nyamara bakomeje gushikama, maze uko ibihe bihaye ibindi bagumana kwizera kwabo kuzima, bakagufata nk’umurage utunganye uzigamiwe abo mu bisekuru bizakurikiraho.” – *Ibid.,* p.61.

## 4. IMINSI 2,300

**Kuwa Kane**
**29 Mata**

a. Ni ikihe kiganiro Daniyeli yumvise cyerekeranye n'igihe kire-kire gikubiyemo ibyabaye mu iyerekwa, kandi se ni iki cyari kuzabaho ku iherezo ry'icyo gihe? Daniyeli 8:13,14.

---

---

b. Ni ikihe kigereranyo cyashushanywaga no kwezwa k'ubuturo bwera, nk'uko bigaragazwa n'amategeko y'imihango, kandi bikaba byarahanuwe mu iyerekwa rya Daniyeli? Abalewi 23:27 – 32; 16:33,34.

---

"Mu buryo bw'igereranya, bwari ishusho y'igitambo n'ubutambyi bwa Kristo. Kwezwa k'ubuturo bwera byari umuhango wa nyuma wakorwaga n'umutambyi mukuru muri gahunda yabaga rimwe mu mwaka. Wari umurimo uheruka w'umunsi w'impongano, bikaba byari gukura icyaha mu bwoko bw'Abisirayeli. Byacureraga umurimo uheruka mu byo Umutambyi wacu Mukuru akorera mu bwami bwo mu ijuru, mu gukurwaho cyangwa guhanagura ibyaha by'abantu be byagiye byandikwa mu bitabo byo mu ijuru." – *Intambara Ikomeye,* p.352.

"Nk'uko kubwo kwizera kera ibyaha by'abana b'abantu byashyirwaga ku gitambo cy'ibyaha, kandi binyuze mu maraso y'icyo gitambo ibyaha bigashyirwa ku buturo bwera mu buryo bw'igishushanyo, ni ko kubwo kwizera, na none mu isezerano rishya, ibyaha by'abihannye bishyirwa kuri Kristo kandi bikamukurwaho bigashyirwa ku buturo bwera bwo mu ijuru. Kandi nk'uko kwezwa k'ubuturo bwera bwo ku isi byakorwaga binyuze mu kubukuramo ibyaha byabaga byarabwanduje, ni ko kwezwa nyakuri k'ubuturo bwera bwo mu ijuru bigomba gukorwa binyuze mu gukuramo cyangwa gutsembaho burundu ibyaha byanditswemo. Ariko mbere y'uko ibyo bikorwa, hagomba kubaho gusuzumwa kw'ibitabo by'urwibutso kugira ngo kubwo kwihana ibyaha no kwizera Kristo, hemezwe abo impongano ye igirira umumaro cyangwa yungura. Kwezwa k'ubuturo bwera rero kurimo n'igikorwa cyo gusuzuma – ari wo murimo w'urubanza. Uyu murimo ugomba gukorwa mbere yo kugaruka kwa Kristo aje gucungura abantu be; kuko ubwo azaza, azaba azanye ingororano kugira ngo agororere umuntu wese ibikwiye ibyo yakoze. (Ibyahishuwe 22:12)" – *Ibid.*, p.421,422.

c. Ni iki marayika yavuze ku byerekeranye n'ubuhanuzi bw'imyaka 2,300? Daniyeli 8:26 (bigereranye n'umurongo wa 14).

---

## 5. IYEREKWA RYASOBANUTSEHO IGICE

**Kuwa Gatanu 30 Mata**

a. Ni iki marayika Gaburiyeli yatumwe gukorera Daniyeli? Daniyeli 8:15 – 18.

---

"Marayika Gaburiyeli, ari we wungirije Umwana w'Imana mu cyubahiro, ni we wazaniye Daniyeli ubutumwa bw'Imana. Gaburiyeli, "marayika we," ni we Kristo yatumye kubumburira Yohana ukundwa ahazaza, kandi abasoma ndetse bakumva amagambo y'ubuhanuzi, bakanitondera ibibwanditswemo babwirwa ko bahirwa (Ibyahishuwe 1:3)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.234.

b. Nubwo hari ubusobanuro burambuye bwatanzwe bwerekeranye n'ibindi bintu byinshi, ese Daniyeli yabyakiriye ate nyuma yo kumva iby'ubuhanuzi buvuga iby'igihe cy'iminsi 2,300? Daniyeli 8:27.

---

"Binyuze mu rindi yerekwa, undi mucyo watanzwe ku byagombaga kuzabaho mu gihe kizaza; kandi ku iherezo ry'iri yerekwa ni ho Daniyeli yumvise "uwera avuga; maze undi wera abaza uwo wavugaga ati: 'Ibyo byerekanywe by'igitambo gihoraho n'igicumuro kinyagisha bizageza ryari?'" Daniyeli 8:13. Igisubizo cyatanzwe ari cyo iki ngo: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira: nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa" (umurongo wa 14), cyamwujuje guhagarika umutima. Yashatse ubusobanuro bw'iryo yerekwa abikuye ku mutima. Ntabwo yashoboraga gusobanukirwa isano iri hagati y'imyaka mirongo irindwi yo kuba mu bunyage (nk'uko yari yarahanuwe na Yeremiya) n'imyaka ibihumbi bibiri na magana atatu yari yumvise mu iyerekwa intumwa yo mu ijuru ivuga ko ikwiriye kuzashira maze ubuturo bwera bw'Imana bukabona kwezwa. Marayika Gaburiyeli yamuhaye ubusobanuro bw'igice; nyamara igihe umuhanuzi yumvaga amagambo ngo: "Ibyerekanywe….. ni iby'igihe gishyize kera," yacitse intege araraba. Yandika ibyamubayeho agira ati: "Nuko jyewe Daniyeli mperako ndaraba, mara iminsi ndwaye. Bukeye ndahaguruka nkora imirimo y'umwami; ariko ntangazwa n'ibyo neretswe ibyo; nyamara nta muntu wabimenye." Daniyeli 8:26,27." – *Abahanuzi n'Abami,* p.554.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 01 Gicurasi**

1. Ni izihe mpamvu zikunze gutuma ibihugu by'ibihangange byo ku isi bigera ku ntsinzi?
2. Ni iyihe ngeso itarakosowe yatumye ihembe rikomeye ry'isekurume y'ihene rivunika?
3. Ni gute ibihe by'ubutegetsi bwa Roma mpagani n'iy'ubupapa byari bifite icyo bihuriyeho?
4. Ni iki cyagombaga kubaho ku iherezo ry'iminsi 2,300?
5. Ni uwuhe mugabane w'iyerekwa wakomeje kubera Daniyeli ubwiru igihe yacikaga intege agatentebuka?

Ku Isabato, 09 Gicurasi 2026

**Icyigisho 6**

# Iyerekwa Ryasobanuwe

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategekera kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri bahubake basubizeho imiharuro n'impavu, ndetse bizakorwa mu bihe biruhije." (Daniyeli 9:25).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye*, p.409 – 422.

"Umumarayika yohererejwe Daniyeli kubw'umugambi udasanzwe wo kumusobanurira icyo atari yasobanukiwe mu iyerekwa ryo mu gice cya munani, ari cyo: Ibyavuzwe byerekeranye n'igihe." – *Intambara Ikomeye,* p.326.

## 1. GUSOMA KUGIRANGO USOBANUKIRWE

**Kuwa Mbere**
**03 Gicurasi**

a. Ahagana mu gihe Babuloni yigarurirwaga n'Abamedi n'Abaperesi, ese Daniyeli yigaga iki? Daniyeli 9:1,2.

"Mu gihe abari baragumye ari indahemuka ku Mana bari i Babuloni bashakishaga Uwiteka kandi bakiga ubuhanuzi bwari bwaravuze kera iby'uko bari kuzarokorwa, Imana yateguraga imitima y'abami kugira ngo bagaragarize ubwoko Bwayo bwihannye ko babubabariye." – *Ellen G. White Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 4, p.1172.

b. Vuga icyo ubuhanuzi Daniyeli yasomaga busobanuye. Yeremiya 25:8 – 14.

c. Ni iki ubuhanuzi bwa Yeremiya bwashishikarije ubwoko bw'Imana gukora? Yeremiya 29:10 – 14.

"Inyandiko za Yeremiya [abajyanwe mu bunyage bari bazifite], kandi muri zo hari haravuzwe mu buryo bweruye uburebure bw'igihe cyagombaga gushira mbere yo gukomorerwa kw'Abisirayeli bagakurwa i Babuloni....Mu rwego rwo gusubiza isengesho rivuye ku mutima, abasigaye bo mu Buyuda bari kuzagirirwa ubuntu." – *Abahanuzi n'Abami,* p.552.

## 2. ISENGESHO RYA DANIYELI

**Kuwa Kabiri**
**04 Gicurasi**

a. Ni iki Daniyeli yakoze nyuma y'ibyo yari amaze gusoma? Daniyeli 9:3.

---

"Kubwo kwizera yari afite kwari gushingiye ku ijambo ry'ubuhanuzi ritabeshya, Daniyeli yinginze Uwiteka amusaba ko yasohoza ayo masezerano vuba. Yarasenze kugira ngo icyubahiro cy'Imana gikomeze kurindwa. Mu gusaba kwe, yisanishije rwose n'abari barateshutse ku mugambi w'Imana, yatura ibyaha byabo nk'ibye bwite." – *Abahanuzi n'Abami,* p.554,555.

b. **Nyuma yo gusoma isengesho rya Daniyeli, ni ibihe bintu wamenya ku byerekeranye n'ukuntu yicishije bugufi kandi akavuganira ubwoko bwe ku Mana? Daniyeli 9:4 – 19.**

---

"Nubwo Daniyeli yari amaze imyaka myinshi akorera Imana kandi ijuru rikaba ryaramuvuzeho ko ari "ukundwa cyane," ubu noneho yaje imbere y'Imana nk'umunyabyaha, yerekana ubukene bukomeye bw'ishyanga yakundaga." – *Ibid.,* p.555.

c. Ni iki cyari gihangayikishije Daniyeli mu buryo bwihariye? Daniyeli 9:16,17.

---

"Isirayeli yari imaze imyaka hafi mirongo irindwi mu bunyage. Igihugu Imana yari yaratoranyije ngo kibe icyayo bwite, cyashyizwe mu maboko y'abanyamahanga. Uwo murwa ukundwa, wari warahawe umucyo uvuye mu ijuru, wari warigeze kuba ibyishimo by'isi yose, noneho wari warabaye iciro ry'imigani kandi urasuzugurika. Urusengero rwarimo isanduku y'isezerano y'Imana n'abakerubi b'icyubahiro bari ku ntebe y'ihongerero, rwari rwarasenyutse. Aho rwari ruri hari harandujwe n'ibirenge by'abantu batejejwe. Abantu b'indahemuka bari bazi iby'ubwiza bwigeze kurubaho, batewe agahinda no kubona inzu yera yari yaragaragaje ko Abisirayeli ari ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe, isigaye ari umusaka. Abo bantu bari barabonye uko Imana yamaganye ibyaha by'ubwoko Bwayo. Bari barabonye isohozwa ry'ayo magambo. Na none kandi, bari barabonye amasezerano y'uko Abisirayeli bari kuzakomorerwa, mu gihe bari kuba bagarukiye Imana, kandi bagakomeza kugendera imbere Yayo. Abantu bageze mu za bukuru, imitwe yabo ari imvi gusa, barazamukaga bakajya i Yerusalemu gusengera mu matongo yaho. Bubararaga ku mabuye yayo, bakayasukaho amarira yabo, igihe basabaga Uwiteka kugirira imbabazi Siyoni, no kuyitwikiriza ubwiza bwo gukiranuka Kwe. Daniyeli yari azi ko igihe cyagenwe cyo kujyanwa mu bunyage kwa Isirayeli cyari hafi kurangira; ariko ntiyigeze yumva yuko kubw'uko Imana yari yarabasezeranije ko yari kuzabarokora, bo ubwabo nta cyo bagombaga gukora. Yiyirije ubusa maze ashaka Umwami afite umutima umenetse, yatura ibyaha bye n'iby'ubwoko bwe." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 4, p.1172.

## 3. UMUSHYITSI UVUYE MU IJURU

**Kuwa Gatatu**
**05 Gicurasi**

a. Ni gute isengesho rya Daniyeli ryahagaritswe? Daniyeli 9:20,21.

“Ijuru ryaciye bugufi kugira ngo ryumve kwinginga k’umuhanuzi Daniyeli. Ndetse ubwo yari atararangiza kwinginga kwe asaba imbabazi no gukomorerwa, marayika ukomeye witwa Gaburiyeli yongeye kumubonekera.” – *Abahanuzi n’Abami,* p.556.

“Marayika Gaburiyeli, ari we wungirije Umwana w’Imana mu cyubahiro, ni we wazaniye Daniyeli ubutumwa bw’Imana.... Ibyo bintu Imana yarabiduhaye kandi umugisha Wayo uzaba ku wiga ubuhanuzi bwo mu Byanditswe Byera afite kumvira kandi asenga.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.234.

b. Mbese gusurwa na Gaburiyeli byari bigamije iki, kandi bihuriye he n’iyerekwa rivugwa mu gice cya 8? Daniyeli 9:22,23.

“[Gaburiyeli] yamukanguriye kwerekeza intekerezo ze ku iyerekwa yari yaragize mbere yo guhanguka kwa Babuloni n’urupfu rwa Belushazari.” – *Abahanuzi n’Abami,* p.556.

“Imana yabwiye intumwa yayo iti: “Sobanurira uwo muntu ibyo yeretswe.” Iryo tegeko ryagombaga kubahirizwa. Kubwo kumvira iryo tegeko, marayika yagarutse kuri Daniyeli nyuma y’igihe runaka maze aramubwira ati: “Ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe... Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n’ibyo weretswe.” Daniyeli 8:27, 16; 9:22, 23, 25–27. Mu iyerekwa ryo mu gice cya 8 harimo ingingo imwe itarasobanuwe, ari yo yerekeranye n’igihe cy’iminsi 2,300. Bityo, ubwo marayika yasubukuraga ubusobanuro yamuhaga, yatinze cyane ku ngingo y’igihe.” – *Intambara Ikomeye,* p.325.

c. Ni ikihe gihe cyagenewe ishyanga ry’Abayuda, kandi ni iki cyari gusohozwa muri icyo gihe? Daniyeli 9:24.

“Umutwaro wari uremereye Kristo mu kwigisha kwe wari uyu ngo, “Igihe kirasohoye, ubwami bw’Imana buri hafi. Nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza.” Kubw’ibyo, ubutumwa bwiza, nk’uko Umukiza ubwe yabwigishaga, bwari bushingiye ku byahanuwe. “Igihe” yavugaga ko gisohoye ni cya gihe marayika Gaburiyeli yamenyesheje Daniyeli.... Mu buhanuzi umunsi ugereranya umwaka (Kubara 14:34, Ezekiyeli 4:6). Ibyumweru mirongo irindwi, cyangwa iminsi magana ane na mirongo icyenda, igereranya imyaka magana ane na mirongo icyenda.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.233.

## 4. ITANGIRIRO RY'IGIHE RIHISHURWA

**Kuwa Kane**
**06 Gicurasi**

**a. Ni irihe tegeko rikomeye ryatanzwe n'umwami ryagombaga kugaragaza itangira ry'ibyumweru mirongo irindwi? Daniyeli 9:25.**

---

"Itegeko ryo gusana Yerusalemu no kongera kuyubaka, nk'uko ryujujwe n'iteka rya Aritazeruzi Longimanus (Ezira 6:14; 7:1,9), ryashyizwe mu bikorwa mu Muhindo wo mu mwaka wa 457 Mbere ya Kristo. Guhera icyo gihe, imyaka magana ane na mirongo inani n'itatu igeza mu muhindo w'umwaka wa 27 Nyuma ya Kristo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.233.

**b. Vuga ibyari bikubiye mu itegeko ryasohozaga ubwo buhanuzi. Ezira 7:11 – 13; 21 – 27.**

---

"Uwiteka.... yakabakabye ku mutima w'umwami, bituma Ezira amutonaho. Umwami yamuhaye amafaranga menshi yo kongera kubaka urusengero, kandi atuma Abayuda bashobora kugaruka barataha". – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 3, p.1134.

**c. Ni iki kindi ubwo buhanuzi bwari bwaravuze mbere cyerekeranye n'umurimo wa Mesiya? Daniyeli 9:26 (ahabanza), 27 (ahabanza).**

---

"Ushingiye ku byahanuwe, icyo gihe cyagombaga kugera kuri Mesiya, Uwasizwe. Ku mubatizo We muri 27 Nyuma ya Kristo, Yesu yasizwe n'Umwuka Wera maze mu gihe gito ahita atangira umurimo We. Ubwo rero nibwo hatangajwe ubutumwa ngo, "Igihe kirasohoye."

"Nyuma, marayika yaravuze ati, "Azasezerana na benshi isezerano rimare icyumweru kimwe [imyaka irindwi]." Mu myaka irindwi nyuma yuko Mesiya atangiye umurimo We, ubutumwa bwiza bwagombaga kwigishwa cyane cyane Abayuda, bwigishwa na Kristo ubwe mu gihe cy'imyaka itatu n'igice, nyuma bukigishwa n'intumwa. "[icyumweru] nikigera hagati Azabuzanya ibitambo n'amaturo." Daniyeli 9:27. Mu mwaka wa 31 Nyuma ya Kristo, Kristo ari we gitambo nyakuri yatambiwe i Kaluvari. Ubwo nibwo umwenda wo mu rusengero watabukagamo kabiri, byerekana ko kwera ndetse n'agaciro by'imirimo y'ubutambyi byari byamaze kuyoyoka. Igihe cyari cyageze kugira ngo ibitambo n'amaturo byo ku isi bihagarare.

"Icyumweru kimwe, ni ukuvuga imyaka irindwi, cyarangiye muri 34 Nyuma ya Kristo. Icyo gihe nibwo igikorwa cy'Abayuda cyo gutera Sitefano amabuye cyahamije ko banze byimazeyo ubutumwa bwiza; maze abigishwa batataniye mu mahanga kubera kurenganywa "bajya hose bamamaza ijambo ry'Imana." (Ibyakozwe n'Intumwa 8:4)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.233.

## 5. KURANGIRA KW'IBYUMWERU MIRONGO IRINDWI

**Kuwa Gatanu**
**07 Gicurasi**

a. **Ni ayahe makuba yari kubaho ubwo imyaka magana ane na mirongo icyenda yari kuba irangiye? Daniyeli 9:26 (ahaheruka), 27 (ahaheruka); Luka 21:20.**

---

"Kuba Imana yarihanganiye ab'i Yerusalemu ntacyo byababamariye ahubwo byatumye Abayuda bakomeza gutsimbarara ku kutihana kwabo…. Nyamara mu buhumyi bwabo no mu kwigerezaho kwabo kurimo ubwirasi, abatezaga ayo marorerwa babwiraga abantu mu ruhame ko badatewe ubwoba n'uko Yerusalamu izarimbuka, kuko yari umurwa w'Imana. Kugira ngo bashimangire ubutegetsi bwabo burusheho gukomera, bahaye ibiguzi abahanuzi b'ibinyoma kugira ngo babwire abantu ko bagomba gutegereza ko Imana izabatabara kandi ibyo babivugaga no mu gihe ingabo z'Abaroma zari zigose urusengero rw'Imana. Kugeza ku iherezo abantu benshi bari bacyiringiye ko Usumbabyose azabatabara akabatsindira abanzi babo. Nyamara Abisirayeli bari barasuzuguye uburinzi bw'Imana, bityo rero ntibari bagifite umurengezi. Mbega Yerusalemu yari ibabaje! Yari ishenywe n'amacakubiri ayirimo, amaraso y'abaturage bayo bicanye ubwabo yatembaga mu mayira mu gihe ingabo z'abanyamahanga zarimo zisenya ibihome byayo zikica abasirikare bayo!" – *Intambara Ikomeye,* p.28,29.

b. **Ubu se ko tumaze gusobanukirwa umugabane wa mbere w'iyo minsi, ni iki ubu ngubu dushobora kumenya? Daniyeli 8:14; 9:24.**

---

"Uko ni ko ikintu cyose cyavuzwe n'ubuhanuzi cyasohoye, kandi intangiriro y'ibyumweru mirongo irindwi igaragara ko yabayeho rwose mu mwaka wa 457 Mbere ya Yesu Kristo kandi ko byarangiye mu mwaka wa 34 Nyuma ya Kristo. Iyo ibyo bishingiweho, nta ngorane zindi ziboneka mu kubona iherezo ry'iminsi 2,300. Ibyumweru mirongo irindwi, cyangwa iminsi 490, byavanywe ku minsi 2300 bityo hasigara iminsi 1810. Nyuma y'iherezo ry'iminsi 490 hari hasigaye iminsi 1810 igomba nayo gusohora. Iyo ubaze imyaka 1810 uhereye mu mwaka wa 34 nyuma ya Kristo, usanga irangira mu mwaka wa 1844. Kubw'ibyo rero, iminsi 2300 yo muri Daniyeli 8:14 irangira mu mwaka wa 1844. Dukurikije ibyavuzwe na marayika w'Imana, ku iherezo ry'iki gihe kirekire cy'ubuhanuzi "ubuturo bwera bwagombaga kwezwa." Bityo rero igihe cyo kwezwa k'ubuturo bwera…. cyagaragajwe nta shiti." – *Ibid*., p.328.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**08 Gicurasi**

1. Nubwo Daniyeli ubwe yari umuhanuzi, ni iki yifuzaga gusobanukirwa?
2. Ni ukubera iki Daniyeli ubwe yishyize mu masengesho yo kwihana ibyaha Abisirayeli bakoze mu gihe cyahise?
3. Ni gute tumenya neza ko Daniyeli igice cya 9 gisobanura ubwiru bwo muri Daniyeli igice cya 8?
4. Sobanura ibintu byabayeho byashyize ikimenyetso ku itangiriro y'imyaka 490 ya gihanuzi.
5. Vuga uko irimbuka rya Yerusalemu ryagenze nk'uko byahanuwe na Daniyeli na Yesu.

Ku Isabato, 16 Gicurasi 2026

**Icyigisho 7**

# Igitabo Gifatanyishijwe ikimenyetso cyongera Kubumburwa

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nuko nsanga marayika uwo ndamubwira nti "Mpa ako gatabo." Aransubiza ati "Enda ugaconshomere, karagusharirira mu nda ariko mu kanwa kawe karakuryohera nk'ubuki." (Ibyahishuwe 10:9).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye*, p.391 – 408.

"Umumarayika ukomeye wigishijwe Yohana, si uwundi ahubwo yari Yesu Kristo ubwe." – *Ellen G. White Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 7, p.971.

## 1. ABANYABWENGE BAZARABAGIRANA

**Kuwa Mbere 10 Gicurasi**

a. Vuga ibyerekeye ikigeragezo n'insinzi byagaragajwe ku iherezo ry'iyerekwa riheruka rya Daniyeli. Daniyeli 12:1,2.

b. Ni gute abanyabwenge bazaba batandukanye n'abanyabyaha kuri uwo munsi? Daniyeli 12:3; Matayo 13:41 – 43.

"Umuntu wahindutse aba muri Kristo. Umwijima umugose uratamururwa, maze umucyo mushya wo mu ijuru ukamurikira ubugingo bwe. "Umunyabwenge agarura umutima." "Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru, n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose." Ibyo abantu bakora bafatanyije n'Imana, ni umurimo utazigera urimbuka, ahubwo uzahoraho iteka ryose. umuntu ugira Imana ubwenge bwe, agakura akagera ku gihagararo cy'umuntu ushyitse muri Kristo Yesu, azahagarara imbere y'abami, imbere y'abitwa ko ari abakomeye bo mu isi, kandi azamamaza ishimwe ry'Iyamuhamagaye ikamukura mu mwijima, ikamugeza mu mucyo wayo w'itangaza. Siyansi n'ubuvanganzo ntibishobora kwirukana umwijima ubuditse mu bwenge bw'abantu ngo bibumurikishirize umucyo uboneka mu butumwa bwiza burabagirana ubwiza bw'Umwana w'Imana. Umwana w'Imana ni we wenyine ushobora gukora uwo murimo ukomeye wo kumurikira ubugingo. Ntibitangaje rero kuba Pawulo yaravuze ati "Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa." Ubutumwa bwiza bwa Kristo buhinduka kamere ku babwizera, maze bukabagira inzandiko nzima, zizwi kandi zisomwa n'abantu bose." — *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo,* p.199,200

## 2. IGITABO KIBUMBYE

**Kuwa Kabiri**
**11 Gicurasi**

a. Mbese ni iki Daniyeli yasabwe gukora? Daniyeli 12:4 (ahabanza), 8,9 (ahabanza).

---

"Daniyeli yubashywe n'abantu bamuha inshingano zo kuyobora mu gihugu kandi bamushinga n'amabanga y'ubwami, kandi yubahishijwe n'Imana nk'uyihagarariye, ndetse yahishuriwe byinshi by'ubwiru bijyanye n'igihe cy'ahazaza. Ubuhanuzi bwe butangaje nk'uko bwanditswe mu gice cya 7 kugeza mu gice cya 12 by'igitabo cye ntibwumviswe mu buryo bwuzuye n'umuhanuzi Daniyeli ubwe; ahubwo mbere y'uko imihati yo mu buzima bwe irangira, yahawe ibyiringiro by'umugisha ko "ku iherezo ry'ibihe" — (mu gihe gisoza amateka y'isi) – azongera kwemererwa guhagarara mu mugabane we. Ntabwo yahawe gusobanukirwa ibintu byose Imana yari yarahishuye bijyanye n'umugambi Wayo...

"Igihe twegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, ubuhanuzi bwanditswe na Daniyeli budusaba kuba maso mu buryo budasanzwe kuko buhuje n'igihe turimo. Ibyo Daniyeli yahanuye byahuzwa n'inyigisho zo mu gitabo giheruka cy'Isezerano Rishya." – *Abahanuzi n'Abami,* p.547.

b. Ni iki kigaragaza ko amagambo y'umumarayika yarengurizaga ku bwiru bw'iminsi 2,300 kandi se, ni ryari ubwo bwiru bwari kuzahishurwa? Daniyeli 8:17; 12:4,9 (ahaheruka).

---

"Ubuhanuzi bwerekana uruhererekane rw'ibizaba kugeza mu gihe cy'itangira ry'urubanza. Uko ni ukuri k'umwihariko kw'igitabo cya Daniyeli. Ariko uwo mugabane w'ubuhanuzi bwe bwerekeye iminsi y'imperuka, Daniyeli yategetswe kuwufunga no kuwufatanyisha ikimenyetso "kugeza igihe giheruka." Ubutumwa bujyanye n'iby'urubanza, bushingiye ku gusohora kw'ubwo buhanuzi ntibwashoboraga kwamamazwa iki gihe kitaragera. Ariko kandi umuhanuzi avuga ko mu bihe by'imperuka, "benshi bazajarajara hirya no hino kandi ubwenge buzagwira." Daniyeli 12:4….

"Ariko guhera mu mwaka wa 1798, ikimenyetso cyafatanyaga igitabo cya Daniyeli cyakuweho. Kumenya ibyerekeye ubuhanuzi byariyongeye, kandi abantu benshi babwirije ubutumwa bw'akataraboneka buvuga iby'urubanza rwegereje.

"Nk'uko byagenze ku ivugurura rikomeye ryabayeho mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ubutumwa bwamamaza kugaruka kwa Kristo bwigishirijwe icyarimwe mu bihugu bitandukanye byemeraga Ubukristo. Mu Burayi no muri Amerika, abantu bafite kwizera kandi barangwaga n'umwuka wo gusenga bakanguriwe kwiga ubuhanuzi, kandi uko barushagaho gucukumbura ibyanditswe byahumetswe n'Imana, babonye igihamya kidashidikanywaho ko iherezo rya byose ryegereje. Mu bihugu bitandukanye hariyo amatsinda y'Abakristo aba ahantu hihereye ahujwe gusa no kwiga Bibiliya yageze aho yizera ko ukugaruka k'Umukiza kwegereje." – *Intambara Ikomeye*, p.356,357.

## 3. IGIHE CY'IMPERUKA

**Kuwa Gatatu**
**12 Gicurasi**

a. Mu gihe Daniyeli yitegerezaga kandi agatega amatwi, ni irihe tegeko rikomeye ryagaragazaga igihe cyerekezaga ku bihe by'imperuka? Daniyeli 12:5 – 7.

---

---

b. Kubwo kwifashisha indi mirongo y'Ibyanditswe, sobanura igihe ibivugwa muri ubwo buhanuzi byari kubera. Daniyeli 7:25; Ibyahishuwe 11:2,3; 12:6,14; 13:5.

---

"Intumwa Pawulo yaburiye itorero kudategereza kugaruka kwa Kristo mu gihe cye. Yaravuze ati: "Kuko uwo munsi utazaza, kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa." 2Abatesalonike 2:3. Ntidushobora kwitega kugaruka kwa Kristo mbere y'uko habaho ubuhakanyi bukomeye n'igihe kirekire cy'ubutegetsi bw' "umunyabugome", wiswe na none ko ari "amayoberane y'ubugome," "umwana wo kurimbuka," ndetse na wa "mugome" byerekeza ku bupapa ari bwo bwagombaga gutegeka mu gihe cy'imyaka 1260 nk'uko byari byaravuzwe n'ubuhanuzi. Icyo gihe cyarangiye mu mwaka wa 1798. Kugaruka kwa Kristo ntikwashoboraga kubaho mbere y'icyo gihe. Pawulo atanga umuburo we ukumvikana mu gihe cyose cy'Ubukristo kugeza mu mwaka wa 1798. Nyuma y'icyo gihe rero ni ho ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bugomba kwamamazwa." – *Intambara Ikomeye*, p.356.

c. Ni gute igihe cy'imyaka 2,300 cyasobanuwe n'umumarayika? Daniyeli 12:10 (ahabanza).

---

"Mu kinyejana cya cumi na gatatu hashyizweho ikintu giteye ubwoba kurusha ibindi bibi byose byashyizweho n'ubupapa. Icyo kintu cyabaye urukiko rwo gucukumbura no guhana abo bafataga ko bari mu buyobe. Umutware w'umwijima yakoranaga n'abayobozi b'inzego zose z'abapapa. Mu nama bajyaga bihishe, Satani n'abamarayika be ni bo babaga bayoboye intekerezo z'abo banyabibi, mu gihe hagati yabo habaga hahagaze umumarayika w'Imana utaragaragariraga amaso wabaga akora raporo iteye ubwoba y'amategeko y'ubukozi bw'ibibi bashyiragaho kandi akandika igitekerezo cy'ibikorwa bibi cyane bakoraga ku buryo bitahingutswa imbere y'amaso y'abantu. "Babuloni ikomeye" yari "yarasinze amaraso y'abera." Abantu miliyoni nyinshi batotezwaga bahorwa kwizera Imana kwabo batakiraga Imana ngo ibahorere kuri ubwo butegetsi bwayimuye.....

"Mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abaroma, imibereho y'abatuye isi yerekanaga mu buryo butangaje kandi buteye ubwoba gusohora kw'amagambo yahanuwe n'umuhanuzi Hoseya.... "Kuko hatarangwaga ukuri, cyangwa kugira neza, haba no kumenya Imana. Nta kindi gihari keretse kurahira bakica isezerano, no kwica no kwiba, no gusambana, bagira urugomo, kandi amaraso agasimbura andi maraso". Hoseya 4:6,1,2. Izo ni zo zabaye ingaruka zo kwimura Ijambo ry'Imana." – *Ibid.*, p.59,60.

## 4. IGITABO KIDAFATANISHIJWE IKIMENYETSO

**Kuwa Kane**
**13 Gicurasi**

**a. Turebeye ku biri muri Daniyeli 12:7, ni gute umuhanuzi Yohana yabonye ihishurwa ry'iyerekwa rya Daniyeli ryari rifatanyishijwe ikimenyetso? Ibyahishuwe 10:1,2,5,6.**

"Umumarayika ukomeye wigishije Yohana, si uwundi ahubwo yari Yesu Kristo ubwe. Gushyira ikirenge cye cy'iburyo ku nyanja, n'icy'ibumoso ku butaka, bigaragaza uruhare [Kristo] afite mu irangira ry'intambara ikomeye arwana na Satani. Iyo nshingano igaragaza ko afite imbaraga n'ubutware bihanitse bisumba isi yose.....

"Yohana yabonye agatabo kadafatanyishijwe ikimenyetso. Ubwo rero, ubuhanuzi bwa Daniyeli bufite umwanya wabwo mu butumwa bwa marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu bugomba gutangarizwa isi. Ukuba ako gatabo katari gafatanyishijwe ikimenyetso byari ubutumwa bufitanye isano n'igihe......

"Iki gihe, uwo mumarayika avuga mu ndahiro ikomeye, si iherezo ry'amateka y'iyi si, cyangwa irangira ry'igihe cy'imbabazi, ahubwo ni iherezo ry'igihe cya gihanuzi, kigomba kuzabanziriza ukugaruka k'Umwami wacu. Ni ukuvuga ko igihe cyagenwe nikigera, abantu batazongera guhabwa ubundi butumwa. Nyuma y'icyo gihe, kugeza.....mu mwaka wa 1844, nta muntu ushobora kumenya neza igihe ubwo buhanuzi bwabereye. Imibare miremire cyane kurusha iyindi yose yagejeje mu muhindo wo mu mwaka wa 1844.

"Kuba umumarayika yari ahagaze, ikirenge kimwe kiri ku nyanja, ikindi kiri ku butaka, bigaragaza ko ubutumwa bwagombaga kwamamarizwa ahantu henshi. Bwari kwambuka inyanja nini kandi bukamamazwa mu bindi bihugu, ndetse no mu isi yose." — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 7, p.971.

**b. Sobanura ukuntu ibyabaye kuri Yohana mu iyerekwa ryo guconcomera agatabo bifite aho bihuriye n'ibyabaye ku itsinda ry'abari bategereje kugaruka kwa Kristo ryo mu myaka ya 1840. Ibyahishuwe 10:9 – 11.**

"Gusobanukirwa ukuri, kwakira ubutumwa bishimye, bigereranywa no kurya ako gatabo. Ukuri kwerekeranye no kugaruka k'Umwami wacu, kwari ubutumwa bw'agaciro kenshi ku mitima yacu." — Ibid.

"Igihe cyari cyitezwe cyaratambutse nyamara Kristo ntiyaza gucungura ubwoko Bwe. Abari barategereje Umukiza wabo bafite kwizera nyakuri n'urukundo rutaryarya, bacitse intege bikomeye cyane. Ariko kandi imigambi y'Imana yagerwagaho. Imana yageragezaga imitima y'abavugaga ko bategereje ukuza k'Umukiza.....

"Ariko Yesu n'ingabo zo mu ijuru zose barebanaga urukundo n'impuhwe Abakristo bageragejwe kandi b'indahemuka nubwo bari babuze icyo bari biteze. Iyo umwenda utandukanya isi igaragara n'itagaragara ukurwaho, abamarayika bajyaga kugaragara bari kwegera abo bantu bari bashikamye kugira ngo babarinde amacumu ya Satani." – *Intambara Ikomeye,* p.374.

## 5. MU BANYABWENGE

**Kuwa Gatanu**
**14 Gicurasi**

a. Ni gute Daniyeli yavuzwe na Ezekiyeli, umwe mu bantu bariho mu gihe cye? Ezekiyeli 14:14.

---

b. Ni gute dushobora kuba mu bantu b'abanyabwenge nka Daniyeli? Daniyeli 12:10 (ahaheruka); Imigani 9:10; Matayo 7:24,25.

---

"Igihe "cy'amakuba atigeze kubaho" kiradusatiriye; dukeneye kugira indi mibereho itari nk'iyo dufite ubu, ya yindi benshi bahinyura badashobora kugeraho. Bibaho kenshi ko amakuba akomeye yisuka kuruta uko yatekerezwaga; nyamara ibyago bitwugarije siko biri. Ibyo tubona n'ibyo tubwirwa muri iki gihe biri munsi cyane y'ukuri. Muri icyo gihe cy'ibigeragezo, umuntu wese azaba yihagararIye imbere y'Imana ubwe. "Naho Nowa na Daniyeli na Yobu baba bakirimo, ndirahiye ko batagira icyo barokora ari umuhungu cyangwa umukobwa, gukiranuka kwabo kwakiza ubwabo bugingo gusa." Ni ko Uwiteka avuga." Ezekiyeli 14:20.

"Muri iki gihe ubwo Umutambyi wacu Mukuru akiduhongerera, dukwiriye kwiboneza muri Kristo. Umukiza wacu ntiyashoboye gutsinda imbaraga z'ibishuko mu ntekerezo gusa. Satani ashaka akanya mu mitima y'abantu yaba yigobetsemo; ibyifuzo bimwe na bimwe byo gukora ibyaha biri kugundirwa kandi aho ni naho Satani yibanda mu bishuko bye. Ariko Kristo yarivugiye ati: "Umutware w'isi araje, ariko nta bushobozi amfiteho." Yohana 14:30. Satani nta bushobozi afite ku Mwana w'Imana bwamubashisha gutsinda. Yakomeje amategeko ya Se, kandi nta cyaha yigeze akora Satani yaheraho ngo kizamuheshe amahirwe yo gutsinda. Icyo nicyo gisabwa abazahagarara bashikamye mu gihe cy'umubabaro ukomeye." – *Intambara Ikomeye*, p.622,623.

c. Ni gute amaherezo marayika yabwiye Daniyeli ngo niyigendere [abe ategereje]? Daniyeli 12:13.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**15 Gicurasi**

1. Ni ryari umuzuko uvugwa muri Daniyeli 12:2 uzabaho?
2. Ni iki cyabaye cyatumye ubuhanuzi bwa Daniyeli buvanwaho ikimenyetso?
3. Ni ikihe kintu cyabayeho kikagaragaza itangiriro ry'igihe cy'imperuka?
4. Ni ubuhe buhanuzi bwahishuriwe mu ntangiriro y'igitabo cya Daniyeli?
5. Ni gute namenya neza ko ndi mu bantu b'abanyabwenge?

Ku Isabato, 23 Gicurasi 2026

**Icyigisho 8**

# Umuhanuzi w'i Patimo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Hariho umwe mu bigishwa be, wari wiseguye igituza cya Yesu bafungura. Uwo ni wa wundi Yesu yakundaga." (Yohana 13:23).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.539 – 556.

"Kristo amaze gusubira mu ijuru, Yohana yabaye umukozi w'indahemuka kandi w'umunyamwete mu murimo yakoreraga Shebuja." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.546.

## 1. UMWIGISHWA YESU YAKUNDAGA

**Kuwa Mbere**
**17 Gicurasi**

a. Ni izihe ngero zigaragaza ko umwigishwa Yohana yari afitanye ubucuti bwa hafi cyane na Yesu? Matayo 17:1; Mariko 14:33; Luka 8:51.

---

"[Yohana] agaragara ko yanejejwe n'ubucuti yagiranye na Kristo ku rugero rutagereranywa, ku buryo yari yarabonye ibimenyetso byinshi by'uko Umukiza amwiringira kandi amukunda. Yari umwe mu bigishwa batatu bagize amahirwe yo kubona ubwiza bwa Kristo ku musozi yahindukiyeho ishusho irabagirana, kandi yabonye n'umubabaro ukomeye yagiriye mu gashyamba ka Getsemani. Ni nawe Umwami Yesu yashinze kwita kuri nyina ubwo yari mu masaha y'umubabaro ukomeye ku musaraba." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.539.

b. Mbese Yohana atandukaniye he n'abandi bigishwa? Yohana 13:23; 21:20 (ahabanza), 24.

---

"Yohana na Yakobo, Andereya na Petero, na Filipo, Natanayeli na Matayo, bari baromatanye na we cyane kurusha abandi, kandi bari barabonye byinshi mu bitangaza Bye. Petero, Yakobo na Yohana bari bagikomeje kuba inkoramutima Ze. Basaga n'abahorana na we, bitegereza ibitangaza yakoraga kandi bakumva amagambo Ye. Yohana yabaye inkoramutima ya hafi ya Yesu ku buryo yaje kwitwa uwo Yesu yakundaga. Yesu yabakundaga bose ariko Yohana yarushaga abandi umutima wo kwakira ibyo ababwira. Yari mutoya kurusha abandi kandi yakinguriye Yesu umutima n'icyizere cyinshi nk'icy'umwana. Bityo, yabaye uwo Yesu yitagaho cyane kandi Umukiza yamukoresheje mu kugeza ku bantu Be inyigisho Ye yimbitse cyane y'iby'umwuka." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.292.

## 2. IMICO YAHINDUTSE

**Kuwa Kabiri**
**18 Gicurasi**

a. Izina Yesu yise Yohana na mwene se Yakobo, risobanura iki? Mariko 3:17.

---

"Yohana ntiyari asanganwe imico yo gukunda yaje kumugaragaraho mu mibereho ye ya nyuma. Mu bisanzwe yari umunyamakosa. Ntiyiratanga cyangwa ngo yiyemere gusa, cyangwa ngo aharanire kugira icyubahiro ahubwo yarahubukaga kandi akihorera. We n'umuvandimwe we bitwaga "abana b'inkuba." Kurakazwa n'ubusa, kwifuza kwihorera ndetse n'umwuka wo kugaya abandi byose byarangaga Yohana. Nyamara munsi y'ibi byose Umwigisha mvajuru yakuyemo umutima w'ukuri kandi w'urukundo. Yesu yacyashye ukwikunda kwe, aca intege irari rye kandi agerageza kwizera kwe. Ariko yamuhishuriye ibyo umutima we wifuzaga ari byo: ubwiza bw'ubutungane n'imbaraga ihindura y'urukundo." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.540.

b. Ni gute Yohana yize uburyo bushya bwo gushyikirana n'abandi? Yohana 13:34; 1Yohana 4:7,8.

---

"Ibyigisho bya Kristo byagaragazaga ko ubugwaneza, kwiyoroshya n'urukundo ari ibintu by'ingenzi kugira ngo habeho gukurira mu buntu no kuba umuntu ushyitse ngo ukore umurimo we. Ibi bintu byari iby'agaciro gakomeye kuri Yohana. Yahaye agaciro buri cyigisho kandi yahoraga ashaka ko imibereho ye ihuza n'urugero rw'ijuru. Yohana yari yaratangiye gusobanukirwa icyubahiro cya Kristo — kitari ibirabagirana no gukomera byo mu isi yari yarigishijwe kwiringira, ahubwo cyari "ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se, wuzuye ubuntu n'ukuri." Yohana 1:14." – *Ibid.,* p.544.

c. Sobanura umusaruro uturuka mu kugira umutima wuzuye urukundo dukunda bagenzi bacu. 1Yohana 3:10,11; Yohana 13:35.

---

"Urukundo rwimbitse kandi rukomeye Yohana yari afitiye Shebuja si rwo rwateraga Kristo kumukunda ahubwo rwari ingaruka y'urwo Kristo yamukundaga. Yohana yifuzaga guhinduka nka Yesu, kandi bitewe n'imbaraga ihindura y'urukundo rwa Kristo yahindutse umugwaneza kandi wiyoroheje. Inarijye ye yahishwe muri Kristo. Yohana yarushaga bagenzi be bose kwiyegurira imbaraga y'ubwo bugingo butangaje.... Yohana yamenyeye Umukiza mu mibereho yamubonanaga. Ibyigisho Shebuja yamwigishije byiyanditse mu mutima we. Igihe yahamyaga ubuntu bw'Umukiza, imvugo ye yoroheje yarangwagamo ubutyoza mu kuvuga iby'urukundo rwari rwarasabye imibereho ye yose." – *Ibid.,* p.544,545.

## 3. KŌHĒRWA I PATIMO

**Kuwa Gatatu**
**19 Gicurasi**

a. Nyuma yo kugerageza guhitana ubuzima bwa Yohana ntibigire icyo bitanga, mbese amaherezo bagiye kumwōhēra hehe? Ibyahishuwe 1:9.

---

"Yohana…. yahamagariwe kwitaba i Roma kugira ngo acirwe urubanza kubera kwizera kwe. Ari imbere y'abatware; inyigisho z'intumwa zaragoretswe. Abahamya b'ibinyoma bamushinje ko yigisha inyigisho ziyobya zateraga umuvurungano. Abanzi be biringiraga ko ibi birego bizatuma yicwa.

"Yohana yisobanuye mu buryo bwumvikana kandi busobanutse, kandi kuvuga muri ubwo buryo bworoheje kandi bwumvikana byatumye amagambo ye agira ingaruka ikomeye muri bo. Abamwumvaga batangajwe n'ubwenge bwe n'imvugo ye iboneye. Nyamara uko yarushagaho gutanga ubuhamya bubatsinda ni ko urwango rw'abamurwanyaga rwakazaga umurego….

"Yohana yajugunywe mu ngunguru y'amavuta abira ariko Umwami Imana yarinze ubugingo bw'umugaragu We w'indahemuka nk'uko yarinze abasore batatu b'Abaheburayo mu itanura rigurumana. Igihe havugwaga amagambo ngo: "Uko niko abantu bose bizera Yesu Kristo w'i Nazareti umushukanyi barimbuka," Yohana we yaravuze ati: "Databuja yarihanganye ntiyarwanya abantu bose Satani n'abamarayika be bakoresheje mu kumucurira imigambi yo kumukoza isoni no kumwica urw'agashinyaguro. Yatanze ubugingo Bwe kugira ngo akize abatuye isi. Nubahishijwe no kuba nemerewe kubabazwa ku Bwe…..

"Aya magambo yagize umumaro wayo maze Yohana akurwa muri ya ngunguru n'abari bamujugunyemo….

"Biturutse ku iteka ryaciwe n'umwami w'abami, Yohana yaciriwe ku kirwa cya Patimo…..

"Abanzi be batekereje ko, igihe ari i Patimo, ibye bitazongera kumvikana mu bantu ukundi kandi ko amaherezo azicwa n'umuruho n'agahinda." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.569,570.

b. Ni ayahe mahirwe y'agahebuzo Yohana yaboneye muri uko kōhērwa kwe? Ibyahishuwe 1:1 – 3, 10,11.

---

"Patimo, ikirwa cy'urutare n'ubutayu, kiri mu nyanja ya Ayegeya, cyari cyaratoranyijwe n'ubutegetsi bw'Abaroma kuba ahantu ho kōhēra abagome; ariko ku mugaragu w'Imana, aha hantu hijimye hamubereye irembo ry'ijuru. Aha hantu yari atandukanyijwe n'imiruho yo mu buzima n'imirimo yari asanzwe akora, yari hamwe n'Imana na Kristo n'abamarayika b'ijuru kandi bamuhaye inama zigenewe itorero mu bihe byose bizakurikiraho. Ibyari kuzaba mu bihe biheruka amateka y'isi yarabihishuriwe; kandi aho i Patimo ni ho yandikiye ibyo yeretswe n'Imana." – *Ibid.*, p.570,571.

## 4. KUHAHURIRA NA KRISTO

**Kuwa Kane**
**20 Gicurasi**

a. **Ni gute Kristo yabonekeye Yohana mu iyerekwa igihe yari i Patimo? Ibyahishuwe 1:12 – 16.**

---

"[Uyu mwigishwa ukundwa] yabonye Shebuja i Getsemane aho yavuye ibitonyanga by'amaraso by'umubabaro mu ruhanga Rwe..... "Mu maso hononekaye ntihase n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu." (Yesaya 52:14). Yari yaramubonye ari mu maboko y'abasirikare b'Abaroma yambitswe ikanzu ishaje y'umuhengeri kandi atamirijwe ikamba ry'amahwa. Yari yaramubonye amanitswe ku musaraba w'i Kaluvari wakoreshwaga bica umuntu urw'agashinyaguro kandi bamukoza isoni. Noneho ubu Yohana yongeye kwemererwa kwitegereza Umwami we. Mbega ukuntu yari yarahindutse! Ntabwo yari akiri Umuntu w'Umunyamibabaro, usuzugurwa kandi ucishijwe bugufi n'abantu. Yari yambaye umwenda urabagirana ubwiza bw'ijuru..... Patimo yarabagiranye ubwiza bw'Umwami wazutse." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.582.

b. **Mbese Yohana yabyakiri ate, kandi ni ubuhe butumwa Yesu yamuhaye? Ibyahishuwe 1:17 – 19.**

---

---

"Yohana yakomejwe no kuba imbere y'Umwami we wambaye icyubahiro. Bityo imbere y'amaso ye yaratangaye ubwo yahishuririrwaga icyubahiro cy'ijuru. Yemerewe kureba intebe y'ubwami y'Imana, kandi yitegereje hirya y'intambara zo mu isi abona imbaga y'abacunguwe bambaye amakanzu yera. Yumvise indirimbo z'abamarayika bo mu ijuru, yumva n'indirimbo zo kunesha z'abaneshejе kubw'amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Mu byo yahishuriwe harimo ibintu biteye amatsiko bizagenda bikurikirana mu mibereho y'ubwoko bw'Imana, ndetse n'amateka y'Itorero nk'uko yahanuwe uko azamera kugeza ku mperuka y'ibihe. Mu bishushanyo no mu marenga, Yohana yahawe ibyigisho by'ingenzi yagombaga kwandika kugira ngo abantu bo mu gihe cye n'ikizaza bazashobore gusobanukirwa neza akaga n'intambara biri imbere yabo." – *Ibid.,* p.582,583.

c. **Ni gute igitabo cy'Ibyahishuwe ari ubutumwa butugenewe buri muntu ku giti cye? Ibyahishuwe 1:4 – 6; 3:22.**

---

"Ibyahishuwe byatangiwe kuyobora no gukomeza Itorero mu gihe cyose cy'Ubukristo. Nyamara abigisha b'iby'iyobokamana bavuze ko ari igitabo gifatanyishije ikimenyetso kandi ko amabanga akirimo adashobora gusobanurwa. Kubw'ibyo abantu benshi bateye umugongo ibyanditswe mu buhanuzi, bakanga gutanga igihe cyabo kugira ngo bige ubwiru burimo. Nyamara Imana ntiyifuza ko ubwoko Bwayo bafata iki gitabo batyo." – *Ibid.*, p.583.

## 5. UBWISHINGIZI BW'UKUHABA KWA KRISTO

**Kuwa Gatanu**
**21 Gicurasi**

**a. Ni iki iyerekwa rya Kristo ari hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu ryasobanuraga? Ibyahishuwe 1:20.**

---

"Kristo avugwa nk'ugendagenda hagati y'ibitereko by'amatabaza by'izahabu. Ni muri ubwo buryo herekanwa isano afitanye n'amatorero. Ahora avugana n'abantu Be kandi azi neza uko bamerewe. Yitegereza uko bagenza, ubutungane bwabo no kwitanga kwabo. Nubwo ari umutambyi mukuru n'umuhuza mu buturo bwera bwo mu ijuru, avugwa ko agenda amanuka azamuka agendagenda hagati y'amatorero yo ku isi. Aba maso ubutarambirwa akagira n'ubutwari budacogora, areba ko umucyo w'abarinzi yashyizeho ugabanuka cyangwa uzima. Iyo ibitereko by'amatabaza biza kurekerwa mu maboko y'abantu ngo babyiteho, ibirimi bihuhwa n'umuyaga byari gukendera ndetse bikazima; ariko Kristo ni we murinzi nyakuri mu nzu y'Uwiteka, ni we mukozi nyakuri mu bikari by'urusengero. Uko atwitaho ubutadohoka ndetse n'ubuntu Bwe budukomeza ni isōko y'ubugingo n'umucyo." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.586.

**b. Sobanura intego y'ubutumwa Imana yohereje itorero ryose uko ryakabaye, rigereranywa n'amatorero avugwa mu Byahishuwe igice cya 2 n'icya 3.**

---

"Amazina y'amatorero arindwi ashushanya Itorero mu bihe bitandukanye by'igihe cy'Ubukristo. Umubare "karindwi" werekana ukuzura kandi ni imvugo ifite ikindi ishushanya kubera ko ubutumwa bukomeza bukagera ku mperuka; mu gihe amarenga yakoreshejwe ahishura imiterere y'Itorero mu bihe bitandukanye by'amateka y'isi." – *Ibid*., p.585.

"Itorero ryari ryarangiritse kandi ryari rikeneye gukeburwa no gucyahwa bikomeye, ni yo mpamvu Yohana yabwirijwe kwandika ubutumwa bw'imbuzi no gucyaha maze akabubwira abashyiraga ibyiringiro byabo by'agakiza mu kaga kubwo kwirengagiza amahame shingiro y'ubutumwa bwiza. Ariko iteka amagambo yo gucyahwa, ayo Imana ibona ko ari ngombwa ko yavugwa akoreshwa mu rukundo ndetse n'isezerano ry'amahoro rihabwa buri mwizera wese wihana." – *Ibid.,* p.587.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**22 Gicurasi**

1. Nubwo Yesu ntawe yatoneshaga, ni ukubera iki Yohana yiswe umwigishwa ukundwa?
2. Ni iki cyatumye imibereho ya Yohana n'imico ye bihinduka?
3. Ni gute Imana yaburijemo imigambi y'abantu babi bagerageje kwica Yohana?
4. Nubwo incuro nyinshi mu buryo bw'ikinyoma Ibyahishuwe byitwa igitabo gifatanishijwe ikimenyetso, ubundi bisobanuye iki kuri twe?
5. Sobanura umugambi w'Imana mu kohereza ubutumwa bwo gucyaha itorero Ryayo.

Ku Isabato, 30 Gicurasi 2026 **Icyigisho 9**

# Ikiyoka, Umugore, n'Abasigaye

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu." (Ibyahishuwe 12:17).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.582 – 592.

"Umudendezo w'umutimanama, wa wundi wasabye ikiguzi cy'igitambo gikomeye, ntuzongera kubahirizwa ukundi. Mu ntambara igiye kuza vuba aha, tugiye kubona ibyerekaniwe mu magambo y'umuhanuzi." – *Intambara Ikomeye*, p.592.

## 1. ITORERO RIHISHURWA

**Kuwa Mbere**
**24 Gicurasi**

a. Ni iki kiboneka mu ntangiriro ry'iyerekwa rya kane rya Yohana? Ibyahishuwe 12:1.

---

---

b. Mu mvugo ngereranyo ya Bibiliya, mbese umugore agereranya iki? 2Abakorinto 11:2; Ezekiyeli 23:2 – 4; Ibyahishuwe 17:3 – 6.

---

"Mu gice cya 17 cy'Ibyahishuwe, Babuloni yerekanwa mu ishusho y'umugore, ishusho ikoreshwa na Bibiliya nk'ikimenyetso cy'itorero, umugore w'imico myiza agashushanya itorero ritunganye naho umugore wa maraya agashushanya itorero ryaguye.

"Muri Bibiliya, imico iboneye kandi ihoraho mu isano iri hagati ya Kristo n'itorero ishushanywa mu bumwe bwo gushyingiranwa. Uwiteka yifatanyije n'ubwoko Bwe binyuze mu isezerano rikomeye, abusezeranira kuba Imana yabwo, kandi na bo barahirira kumwiyegurira wenyine. Yaravuze ati: "Kandi nzakwishyingira ube uwanjye iteka ryose; ni ukuri nzakwishyingira ube uwanjye nkiranuka ngaca imanza zitabera, nkagukunda kandi nkakubabarira." (Hoseya 2:19). Na none kandi yaravuze ati: "Kuko mbabereye umugabo." (Yeremiya 3:14). Kandi Pawulo na we akoresha ishusho nk'iyo mu Isezerano Rishya igihe avuga ati: "Nabakwereye umugabo umwe, ni we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye." (2Abakorinto 11:2)." – *Intambara Ikomeye,* p.381.

## 2. ITORERO MU NTAMBARA

**Kuwa Kabiri**
**25 Gicurasi**

**a. Ni gute itorero ryababaye mu gihe ryari ritegereje ko Mesiya avuka? Ibyahishuwe 12:2; Yesaya 9:6; Luka 2:25 – 32.**

---

"Amagambo Yakobo yavuze ubwo yari agiye gupfa yujuje ibyiringiro [mu bantu b'indahemuka bo mu Bayuda]: "Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda, Inkoni y'ubutware ntizava hagati y'ibirenge bye, Nyirayo ataraza." Itangiriro 49:10. Gucogora kw'imbaraga z'Abisirayeli byahamyaga ko kuza kwa Mesiya kwegereje. Ubuhanuzi bwa Daniyeli bwerekanaga icyubahiro cyo kwimika ingoma ye izasimbura ubwami bwose bw'iyi si; kandi, umuhanuzi akomeza avuga ati, "Buzahoraho iteka ryose." Daniyeli 2:44. Ubwo bake gusa aribo basobanukiwe n'umurimo wazanye Kristo kuri iyi si, abandi bari bategereje igikomangoma gikomeye kizimika ingoma yacyo muri Isirayeli, kandi uzaza nk'Umucunguzi w'amahanga.

"Igihe gikwiriye cyari gisohoye. Abantu bari bamaze ibihe mu buhenebere bw'icyaha, bahamagarirwaga kwitegura Umucunguzi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.34.

**b. Ni ubuhe butegetsi bugereranywa na cya kiyoka kinini gitukura? Ibyahishuwe 12:3.**

---

"Mu bigereranyo by'ikiyoka kinini gitukura, inyamaswa isa n'ingwe, n'inyamaswa ifite amahembe ameze nk'ay'umwana w'intama, ubutegetsi bwo ku isi bwari kwifatanya mu buryo bwihariye mu gukandagira amategeko y'Imana no gutoteza ubwoko Bwayo, bwashyizwe imbere ya Yohana." — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 7, p.972.

**c. Ni akahe kaga Itorero na Mesiya bari guhura nako bitewe n'ubwo butegetsi bumeze nk'ubw'ikiyoka? Ibyahishuwe 12:4.**

---

"Satani yakoraga uko ashoboye ngo asenye iteme rihuza isi n'ijuru. Mu binyoma bye, Satani yari yarahejeje umuntu mu byaha. Wari umugambi we gukura abantu ku Mana, ngo asibanganye urukundo (Imana) ifitiye abantu, kugira ngo Imana ibe yarekera isi munsi y'ubutware bwa Satani." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.34,35.

"Mu ijuru Satani yari yaranze Kristo kubwo umwanya We mu bwami bw'Imana. Yarushijeho kumwanga n'igihe yacibwaga mu ijuru. Yagiriye urwango Uwitangiye gucungura ubwoko bw'abanyabyaha. Nyamara muri iyo si Satani yavugaga ko ubutware ari ubwe niho Imana yemereye Umwana Wayo kuza, avuka ari uruhinja rutishoboye, rufite intege nke za kimuntu. Yemeye guhura n'ibirushya nk'ibyo umuntu wese ahura nabyo, ngo arwane intambara nk'iyo umwana w'umuntu wese arwana, ku buryo yashoboraga kuneshwa akaba atsinzwe by'iteka ryose." – *Ibid.*, p.49.

## 3. INTAMBARA MU IJURU

**Kuwa Gatatu**
**26 Gicurasi**

**a. Ni ubuhe bumenyi bwimbitse bwerekeranye n'ibyabaye mu gihe cyahise bwahishuriwe Yohana, kandi se busobanuye iki? Ibyahishuwe 12:7 – 9.**

"Kurwanya amategeko y'Imana byatangiriye mu bikari byo mu ijuru, bitangijwe na Lusiferi, umukerubi utwikira. Satani yaharaniye kuba ariwe uwa mbere mu nama zo mu ijuru, no guhwana n'Imana. Yatangiye umurimo we wo kwigomeka ari kumwe n'abamarayika yari ayoboye, ashaka kubashyiramo umwuka wo kutanyurwa. Kandi yakoresheje amayeri menshi cyane ku buryo abamarayika benshi bamukurikiye, mbere y'uko imigambi ye imenyekana mu buryo bwuzuye. Ndetse n'abamarayika b'indahemuka ntibashoboye kumenya imico ye mu buryo bwuzuye, cyangwa ngo babone aho umurimo we waganaga. Igihe Satani yari amaze kwigarurira abamarayika benshi bakajya mu ruhande rwe, yajyanye ikibazo cye ku Mana, agaragaza ko abamarayika bifuzaga ko aba ku mwanya Kristo yari afite.

"Ikibi cyakomeje gukora kugeza ubwo umwuka wo kutanyurwa wageze ku rwego rwo kwigomeka ku butegetsi bw'Imana. Hanyuma, mu ijuru habaye intambara, maze Satani n'abamushyigikiye bose birukanwa mu ijuru baracibwa" — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 7, p.972,973.

**b. Ni gute itangazo riri mu Byahishuwe 12:10,11 rigaragaza ko igikorwa cyo kwirukana Satani cyarangiye mu murimo wa Yesu?**

"Yesu yarebesheje amaso ya gihanuzi, ibyendaga kubaho mu ntambara ikomeye yari isigaye. Yari azi neza ko ubwo yari hafi kuvuga ati, "Birarangiye", ijuru ryose rizaririmba intsinzi. Kristo yumvishije amatwi ye indirimbo n'amajwi yo kunesha azaturuka kure mu bikari byo mu ijuru, yumva izina rya Kristo risingizwa mu masi yose yo mu isanzure ry'ijuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.679.

"Ariko inama yo gucungura umuntu na none yari ifite intego rusange kandi yimbitse kurenza agakiza k'umuntu. Ntabwo icyo ari cyo cyonyine cyari cyazanye Kristo kuri iyi si; nta n'ubwo kwari ukugira ngo yereke abatuye iyi si nto uko bagomba kubaha amategeko y'Imana; ahubwo kwari uguhamiriza ijuru n'isi imico mbonera y'Imana...... Igikorwa cya Kristo cyo gupfira umuntu ngo abone agakiza nticyari gutuma umuntu ashyikirana n'ijuru gusa, ahubwo cyari no kuba igihamya imbere y'ibyaremwe byose gitsindishiriza Imana n'Umwana Wayo ku kwigomeka kwa Satani. Icyo gikorwa kandi cyajyaga guha agaciro gahoraho amategeko y'Imana kandi kigashyira ahagaragara kamere n'ingaruka z'icyaha." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.68,69.

## 4. INTAMBARA KU ISI

**Kuwa Kane**
**27 Gicurasi**

a. Ni akahe kaga gakomeye kari kuzagera ku itorero? Ibyahishuwe 12:12,13.

---

"Satani, yari azi ko ubwami yari yarigaruriye amaherezo yari kuzabwamburwa, yiyemeje gukora uko ashoboye kose kugira ngo arimbure ibiremwa Imana yaremye mu ishusho Yayo. Yangaga umuntu kubera ko Kristo yari yaramugaragarije urukundo, kandi noneho yari yiteguye gukoresha uburyo bwose bwo kumushuka kugira ngo abone uko amurimbura; yakomeje inzira ye abigiranye imbaraga nyinshi kurushaho bitewe n'imimerere ye bwite itagira ibyiringiro" — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol. 7, p.973,974.

"Intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi izakaza umurego kugeza mu bihe biheruka. Mu bihe byose byabayeho, Satani yagiye arakarira itorero rya Kristo; ariko Imana yakomeje kugirira ubwoko Bwayo ubuntu kandi ibaha Umwuka Wayo kugira ngo abatere ubutwari bwo guhangana n'imbaraga z'umubi bashikamye. Mu gihe intumwa za Kristo zagombaga kujyana ubutumwa Bwe zibushyiriye abari mu isi kandi zigomba no kubwandikira abantu bo mu bihe byose byari kuzakurikiraho, zahawe umucyo udasanzwe uvuye ku Mwuka Wera. Ariko uko itorero ryegereza gucungurwa kwaryo guheruka, Satani azakoresha imbaraga zikaze byimazeyo.... Kandi ubwenge bwagutse bwa Satani n'ubucakura yungutse, ndetse n'ubugome yakusanyije muri izo ntambara zamaze igihe kirekire, azabisuka ku bantu b'Imana mu ntambara iheruka kugira ngo abarwanye. Muri iki gihe cy'akaga, abayoboke ba Kristo bakwiriye kuburira abari mu isi ngo bitegure kugaruka k'Umukiza bityo ubwo azaba aje hazabe hari abantu biteguye guhagarara imbere ye badatsinzwe "batariho umugayo, badafite ikizinga mu maso ye." 2Petero 3:14. Muri icyo gihe itorero ry'Imana rizaba rikeneye guhabwa ubuntu bw'Imana n'imbaraga z'Imana bidasanzwe nk'uko byari bikenewe mu gihe cy'intumwa." – *Intambara Ikomeye*, p.ix,x.

b. Vuga ibyabaye ku itorero mu gihe cy'imyaka 1,260 yo gukandamizwa no gutotezwa. Ibyahishuwe 12:6,14.

---

c. Ni ubuhe bufasha bwatangiwe gukuraho igitero cyagabwe n'abantu bakoreshejwe na cya kiyoka mu kurwanya abakiranutsi? Ibyahishuwe 12:15,16.

---

"Ubwo inkuru yasakaraga mu bihugu by'i Burayi ko hari ahantu umuntu wese yishimira imbuto z'umurimo we kandi agakurikiza ibyo umutimanama we umwemeza nta nkomyi, abantu ibihumbi n'ibihumbi bafashe urugendo berekeza ku nkengero za Amerika (Isi Nshya)." – *Ibid*., p.296.

## 5. ABASIGAYE

**Kuwa Gatanu**
**28 Gicurasi**

a. Mu gihe umujinya w'ikiyoka ugera ku ndunduro yawo, ese abakiranutsi babisobanukirwa bate? Ibyahishuwe 12:17.

---

---

"Ubwo umuhishuzi yarebaga kure mu bihe biheruka, yaravuze ati: "Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu." Ibyahishuwe 12:17. Abantu bamwe batuye ku isi muri iki gihe bazabona aya magambo asohora. Umwuka wateye abantu gutoteza itorero nyakuri mu bihe byashize, mu gihe kiri imbere uzatera abantu gukora nk'ibyakozwe kera bibasire abakomeza kuba indahemuka ku Mana. Ndetse no muri iki gihe imyiteguro y'uru rugamba rukomeye iri gukorwa." – *Abahanuzi n'Abami,* p.605.

b. Ni gute imico y'abasigaye isobanura itorero ryo mu minsi y'imperuka. Ibyahishuwe 14:12; 19:10

---

"Itorero ryasigaye rizemera Imana mu mategeko Yayo kandi rizaba rifite impano y'ubuhanuzi. Kumvira amategeko y'Imana, hamwe n'umwuka w'ubuhanuzi, buri gihe byagiye biranga ubwoko bw'Imana bw'ukuri, kandi ikigeragezo ubusanzwe gitangwa ku bintu biba birimo biba." – *Ubutumwa bw'i Loma Linda,* p.33.

"Itorero ryasigaye rizajya mu bigeragezo n'umubabaro bikomeye cyane. Abakurikiza amategeko y'Imana kandi bizera Yesu bazagerwaho n'umujinya w'ikiyoka n'ingabo zacyo. Satani abara ko abatuye isi ari abe kuko yigaruriye itorero ryahakanye; ariko hariho itsinda rito rirwanya ubutware bwe." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 9, p.231.

"Kwanga kumvira amategeko y'Imana, no kwiyemeza kwanga urunuka abamamaza ayo mategeko, bituma ikiyoka kirwana intambara gishyizeho umwete cyane, imbaraga zacyo zose zikoreshwa mu kurwanya ubwoko bw'Imana bwubahiriza amategeko." – *Ibid.,* vol. 8, p.117.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**29 Gicurasi**

1. Kubera iki muri Bibiliya itorero rigereranywa n'umugore?
2. Sobanura ukuntu Umwana w'Imana yemeye gushyira ubuzima bwe mu kaga ubwo yazaga ku isi ari umuntu.
3. Ni ryari kwirukanwa mu ijuru burundu kwa Satani byasohoye?
4. Sobanura impamvu yatumye ikiyoka kirakarira itorero.
5. Ni iyihe mico twashingiraho igihe tugaragaza abasigaye?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

## Ku isabato, 06 Kamena 2026

## Azagenerwa kubaka inzu yo gusengeramo i Purage, muri Repubulika ya Czech [Ceke]



Repubulika ya Czech [Ceke] ni igihugu giherereye mu Burayi hagati, gihana imbibi n'u Budage, Polonye, Ositaladiya na Silovakiya. Muri icyo gihugu hari agace kitwa Boheme, kakaba ari akarere k'amateka karimo imidugudu inejeje, ingoro ndangamurage z'akataraboneka, abantu baho barangwa n'umuco n'iby'umwuka barazwe, aho Yohana Huss (1369 – 1415) yatangije ubugorozi bwe bukomeye. Muri iki gihe, ni leta iteye imbere mu by'idini, ikaba ifite abaturage bagera kuri miliyoni 10.9 muri bo abarenga miliyoni 1.4 bakaba batuye mu murwa mukuru, Purage.

Uretse kuba Prague ari umujyi w'amateka n'umuco, ni n'umurwa utuwe n'abantu babarirwa mu bihumbi bakeneye iby'umwuka, benshi muri bo bakaba bashaka kumenya igisobanuro cy'ubugingo, kugira ibyiringiro no kugira amahoro yo mu mutima. Mu baturage bahatuye, 47.8% bifatwa nk'abatagira idini, 11.7% bizera Ubukristo (muri bo 9.3% bavuga ko ari Abagatolika naho 2.4% babarizwa mu yandi madini ya Gikristo), na 10.8% bafite iyindi myemerere.

Umurimo w'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi muri uyu mujyi watangiye muri Gicurasi 2014, ubwo abantu batatu gusa bahuriye hamwe mu iteraniro rya mbere. Nyuma, muri Kanama 2020, umupasiteri n'umuryango we boherejwe aho hantu kwamamazayo ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe buvuga iby'agakiza ku bantu bari kuzimira.

Muri iki gihe, itorero ry'i Purage rifite abizera bagera kuri 30, kandi kandi uramutse ubariyemo incuti z'itorero hamwe n'abitegura kubatizwa, twavuga ko hari abantu bagera kuri 70. Ubu ngubu basengera mu nzu bakodesha, ariko abagize iryo torero barimo barasenga bashyizeho umwete basaba ko babona amikoro yo kugura cyangwa kubaka inzu yabo bwite yo gusengeramo; ahantu abagize ubwoko bw'Imana bashobora guteranira, bagakomezwa mu kwizera, kandi bakageza umucyo w'ukuri ku babakikije.

"Inzu Imana isengerwamo igomba kuba ihuje n'imico Yayo no gukomera Kwayo". – *Ibihamya by'Itorero,* vol. 5, p.268

Bene data na bashiki bacu dukunda, uyu munsi dufite amahirwe ahebuje yo kugira uruhare muri uwo murimo ukomeye w'Imana. Ituro ryanyu ni ishoramari mu gihe cy'iteka ryose, mu gakiza k'abantu, no mu gukomeza itorero riri rwagati mu Burayi. Musenge Imana kugirango abe ariyo iyobora umurimo, tubasabye twiyoroheje gushyigikira uyu mushinga, no kubwira abandi no kubwira abandi igikenewe. Uwiteka ahe umugisha buri wese ugira uruhare muri uwo murimo abikoranye urukundo!

"Mwese tubashimira Imana iminsi yose tubasabira uko dusenze." (1Abatesalonike 1:2).

*Bene so na bashiki banyu bo muri Purage*

Ku Isabato, 06 Kamena 2026

**Icyigisho 10**

# Inyamaswa n'Ikimenyetso

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Itera bose aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga." (Ibyahishuwe 13:16).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.439 – 450.

"Amahembe nk'ay'umwana w'intama n'ijwi ry'ikiyoka bikoreshwa mu bigereranyo, byerekana ukuvuguruzanya gukomeye kuri hagati y'ibivugwa n'iryo shyanga ndetse n'imikorere yaryo." – *Intambara Ikomeye,* p.442.

## 1. INYAMASWA IGIZWE N'IBICE BYINSHI

**Kuwa Mbere 31 Gicurasi**

a. Ni iki Yohana yabonye mu Byahishuwe 13:1 (ahabanza), kandi ni gute ibyo twabisobanukirwa mu mucyowo kwiga Daniyeli 7:3?

b. Ni iki dushobora kwigira ku kuntu bimwe mu biranga iyo nyamaswa bifitanye isano n'inyamaswa enye twize mbere? Ibyahishuwe 13:2; Daniyeli 7:4 – 6.

"Mu gice cya 13 cy'Ibyahishuwe (umurongo wa 1 – 10) havugwa indi nyamaswa, 'isa n'ingwe,' ikiyoka cyayihaye 'imbaraga zacyo, n'intebe yacyo y'Ubwami, n'ububasha bukomeye.' Iki kimenyetso nk'uko Abaporotesitanti benshi babyizera, cyerekana Ubupapa, kuko ari bwo bwasimbuye ingoma ya kera y'Abaroma bugafata ubutware n'intebe n'ububasha byari bifitwe n'ubwo bwami. Inyamaswa isa n'ingwe yavuzweho ibi ngo: "Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye, n'ibyo gutuka Imana... Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana no gutuka izina Ryayo n'ihema Ryayo, n'ababa mu ijuru. Ihabwa kurwanya abera no kubanesha, ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose n'amahanga yose." Ubu buhanuzi buri hafi guhwana n'ibyavuzwe ku gahembe gato ko muri Daniel 7, nta gushidikanya bwerekeza ku bupapa." – *Intambara Ikomeye,* p.439.

"Mu bihugu byinshi by'Uburayi ubutegetsi bwayoboraga mu itorero na Leta bwari bwaramaze imyaka amagana menshi bugengwa na Satani binyuze mu mikorere y'ubupapa." – *Ibid.*, p.268,269.

## 2. UBUTEGETSI BURENGANYA



a. Ni iyihe miterere y'inyamaswa yerekanywe hakurikijwe igihe cy'ubutegetsi bwayo? Ibyahishuwe 13:5; Daniyeli 7:25.

---

---

"Iyo nyamaswa yahawe imbaraga ngo imare amezi mirongo ine n'abiri. Umuhanuzi na we aravuga ati: "Mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica." Arongera akavuga ati: "Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago: kandi uwicisha abandi inkota, na we akwiriye kwicishwa inkota." Amezi mirongo ine n'abiri ahwanye "n'igihe n'ibihe n'igice cy'igihe," imyaka itatu n'igice cyangwa iminsi 1260, yo muri Daniyeli 7, icyo kikaba ari igihe ubupapa bwamaze burenganya ubwoko bw'Imana. Iki gihe .... cyatangiranye no guhabwa isumbwe k'ubupapa mu mwaka wa 538 N.K kandi kirangira mu mwaka wa 1798 N.K. Icyo gihe (mu 1798) Papa yafashwe n'ingabo z'Abafaransa zimujyanaho umunyago, maze ubupapa bukomereka uruguma rwica, bityo ibyari byaravuzwe birasohora ngo: "Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago." – *Intambara Ikomeye,* p.439.

b. Ni gute ubutware bw'inyamaswa isa n'ingwe bwaje guhanguka? Ibyahishuwe 13:3 (ahabanza), 10.

---

c. Mbese iyo nyamaswa yari gukora iki? Ibyahishuwe 13:6 – 8.

---

"Ibyo Roma yakoresheje mu bihugu yari yarigaruriye bizaba bitarashiraho burundu. Na none ubuhanuzi bwavuze ko Roma izongera kugarurirwa ububasha bwayo. "Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica; ariko urwo ruguma rwayishe rurakira. Abari mu isi bose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira". (Umurongo wa 3). Gukomereka uruguma rwica, bisobanura gutsindwa k'ubupapa mu mwaka wa 1798. Umuhanuzi aravuga ati "Hanyuma y'ibyo, rwa ruguma rwica rwarakize, maze abantu bose bo ku isi bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira." Pawulo yerekana yeruye ko "Uwo mwana wo kurimbuka azakomeza kubaho kugeza Yesu agarutse. Hafi y'iherezo ry'ibihe, azashyira ahagaragara imirimo ye y'ubushukanyi. Kandi Umuhishuzi mu kwerekana ubupapa aravuga ati "Abari mu isi bose bazayiramya, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo". Ari mu isi ya kera no mu ya none, ubupapa buzahabwa ikuzo binyuze mu kuruhuka ku Cyumweru byerekana nta gushidikanya ububasha bw'itorero Gatolika ry'i Roma." — *Ibid.*, p.579.

# 3. INYAMASWA ISA N'UMWANA W'INTAMA

**Kuwa Gatatu**
**02 Kamena**

**a. Ni ubuhe butegetsi bushya mu bya politike bwagombaga kuvuka mu gihe ubutegetsi bw'ubupapa bwari bukomeretse uruguma rwica? Ibyahishuwe 13:11.**

---

"Ariko inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana w'intama yo yari "ivuye mu butaka." Mu cyimbo cyo guhirika izindi ngoma ngo yimike iyayo, iryo shyanga ryagereranyijwe n'inyamaswa ivuye mu butaka ryavutse ahantu hatari hasanzwe hagenzurwa (hadatuwe n'abantu) kandi ryakuze buhoro buhoro no mu buryo bw'amahoro. Iyo nyamaswa ntiyakomotse mu bihugu by'amahanga yo mu Isi ya kera, ari byo byagereranyaga n'inyanja yivumbagatanya y'"amoko menshi, amahanga menshi n'indimi nyinshi." Yakomotse ku Mugabane w'Uburengerazuba.

"None se ni ikihe gihugu cy'ahiswe Isi Nshya cyavutse kigakomera mu mwaka wa 1798 N.K, kikaba cyaragaragarwagaho ko kizagira ububasha no gukomera ndetse kigakurura intekerezo z'abatuye isi? Gukoresha ibimenyetso nta kibazo kirimo. Ishyanga rimwe, kandi rimwe gusa, ni ryo ryuzuza ibyavuzwe n'ubu buhanuzi. Bwerekeje mu buryo budashidikanywaho kuri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Inshuro nyinshi, igitekerezo ndetse hafi y'amagambo yose yakoreshejwe n'umwanditsi w'inyandiko zera, mu buryo butagambiriwe, byagiye bikoreshwa n'abanditsi b'amateka basobanura ukwaduka no gukura by'iryo shyanga. Inyamaswa yabonetse 'izamuka iva mu butaka' kandi dukurikije abasobanuzi, ijambo ryakoreshejwe ryo "kuzamuka" mu busobanuro butimbitse rivuga "ukumbura, ugupfupfunuka nk'ikimera." Kandi nk'uko twabibonye, iryo shyanga rigomba gukomoka ahantu hatari hasanzwe hatuwe.....

" 'Kandi yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama.' Amahembe nk'ay'umwana w'intama yerekana ubuto, ubutungane n'ubugwaneza, bigaragaza neza imico ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika ubwo yagaragarizwaga umuhanuzi ko 'izazamuka mu butaka' mu mwaka wa 1798 N.K. Mu Bakristo b'impunzi bahungiye muri Amerika bwa mbere kandi bashakaga aho bikinga gukandamizwa n'abami no kudacirwa akari urutega n'abapadiri, harimo benshi biyemeje gushing ubutegetsi ku rufatiro rugari rw'umudendezo mu butegetsi no mu by'idini. Ibitekerezo byabo byagaragarijwe mu Itangazo ry'Ubwigenge, rishyira ahagaragara ukuri gukomeye kuvuga ko 'abantu bose baremwe bangana' kandi ririmo uburenganzira ntakuka bwo "kubaho, umudendezo no gushaka icyanezeza umuntu." Kandi Itegeko-nshinga ryemerera abantu bose uburenganzira bwo kwishyira bakizana, rikavuga ko abahagarariye abandi batowe na rubanda bazashyiraho amategeko kandi bagahagaranira ko yubahirizwa. Hatanzwe kandi umudendezo mu myizerere y'iby'idini, umuntu wese ahabwa uburenganzira bwo gusenga Imana akurikije uko umutimanama we ubimutegeka. Amahame y'ubutegetsi bw'abaturage ndetse n'ay'Ubuporotesitanti, yahindutse amahame fatizo y'icyo gihugu. Ayo mahame niyo banga ry'imbaraga no kugubwa neza by'icyo gihugu. Abari barakandamijwe kandi batotezwaga bo mu bihugu byose bya Gikristo bagiye bajya muri iki gihugu babishishikariye kandi bafite ibyiringiro. Abantu miliyoni nyinshi bashakaga uko bagera ku nkengero zaho, bityo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zarakuze zigira umwanya mu bihugu by'ibihangange byo ku isi." – *Intambara Ikomeye,* p.440,441.

## 4. KUVUGA NK'IKIYOKA

**Kuwa Kane**
**03 Kamena**

a. **Ni ikihe kintu giteye ubwoba kizabaho gishyizweho n'inyamaswa isa n'umwana w'intama? Ibyahishuwe 13:12,16.**

---

---

"Amahembe nk'ay'umwana w'intama n'ijwi ry'ikiyoka bikoreshwa mu bigereranyo, byerekana ukuvuguruzanya gukomeye kuri hagati y'ibivugwa n'iryo shyanga ndetse n'imikorere yaryo. Ukuvuga kw'igihugu gusobanuye igikorwa n'ububasha bw'amategeko yacyo ndetse n'imyanzuro y'ubucamanza bwacyo. Kubw'uko kuvuga rero, icyo gihugu kizavuguruza ayo mahame yo kwishyira ukizana n'amahoro cyari cyaragaragaje ko ari yo rufatiro rw'imitegekere yacyo. Ibyo ubuhanuzi buvuga ngo "izavuga nk'ikiyoka", kandi 'igategekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere,' bigaragaza ukwiyongera k'umwuka wo kutihanganirana ndetse no gutoteza wagaragajwe n'ubutegetsi byagereranyijwe n'ikiyoka n'inyamaswa isa n'ingwe. Kandi amagambo avuga ngo "inyamaswa y'amahembe abiri ihatira isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere" yerekana ko ububasha bw'icyo gihugu bugomba gukoreshwa mu guhatira abantu kugira bimwe bubahiriza kandi ibyo bizaba igikorwa cyo guhesha ubupapa icyubahiro.

"Icyo gikorwa kigomba kuba gihabanye rwose n'amahame y'iki gihugu, gihabanye n'umudendezo, Itangazwa ry'ubwigenge ndetse n'Itegeko nshinga. Mu buryo bwuzuye ubwenge, abashinze iki gihugu bashakaga kwirinda gukoresha ubutegetsi bw'iby'isi ku ruhande rw'itorero, ndetse banirinda ingaruka zabyo zitabura kubaho ari zo kutihanganirana n'itoteza. Itegeko-nshinga rivuga ko "Inama Nkuru y'igihugu itazigera ishyiraho itegeko ryerekeye ishingwa ry'idini cyangwa ribuzanya umudendezo w'idini." Rivuga kandi ko 'nta genzura mu by'idini rizigera risabwa ngo ribe icyangombwa gisabwa kigomba kuzuzwa ngo umuntu ahabwe umwanya mu butegetsi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.' Ubutegetsi bwa Leta bushobora guhatira abantu kubahiriza iby'idini ibyo ari byo byose, igihe gusa habayeho kurenga kuri ayo mabwiriza arengera umudendezo w'igihugu." – *Intambara Ikomeye*, p.442.

b. **Ni mu buhe buryo gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa ku gahato bizaba ari ukugwa kwa Leta zunze Ubumwe za Amerika? Imigani 14:34; Zaburi 119:126.**

---

"Buri kinyejana cyose cyo gusayisha cyagiye kibikira uburakari umunsi wabwo; kandi ubwo igihe kizaba kigeze, kandi ubugome bukaba bugwiriye, ubwo ni bwo Imana izakora umurimo w'inzaduka. Bizagaragara ko ari ikintu giteye ubwoba kubona kwihangana kw'Imana kutakiriho; kubera ko umujinya w'Imana uzasukwa mu buryo bukomeye cyane ku buryo bizagaragara ko utarimo imbabazi; kandi isi izaba umusaka. Igihe cy'ubuhakanyi ku rwego rw'igihugu, ubwo abayobozi b'igihugu bazaba bagengwa n'amategeko ya Satani ubwo nibwo bazajya mu ruhande rw'umunyabugome. Iki gihe nibwo urugero rwo gukiranirwa ruzuzura. Ubuhakanyi ku rwego rw'igihugu ni ikimenyetso cyo kurimbuka kwacyo." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.373.

## 5. IKIMENYETSO CY'INYAMASWA

**Kuwa Gatanu**
**04 Kamena**

a. **Mbese ikimenyetso cy'ubutware bwa Roma ni ikihe? Daniyeli 7:25.**

---

"Nk'ikimenyetso cy'ububasha bwa Kiliziya Gatolika, abanditsi babo baravuga bati: "Igikorwa cyo guhindura Isabato igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru, ni igikorwa cyemewe n'Abaporotesitanti; .....kuko mu gihe bizihiza kuruhuka ku cyumweru, baba bemera ububasha Kiliziya Gatolika ifite bwo gutoranya (kweza) iminsi mikuru, ndetse no kuyibahatira kugeza ubwo bibagusha mu cyaha." — Henry Tuberville, An Abridgment of the Christian Doctrine, page 58. Guhindura Isabato se ni iki kindi kitari ikimenyetso cy'ububasha bw'itorero ry'I Roma; ari cyo "kimenyetso cy'inyamaswa?"....

"Ariko ubwo itegeko rizahatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere, kandi abantu bose bakazamurikirwa ku byerekeye kubahiriza Isabato nyakuri, icyo gihe umuntu wese uzica itegeko ry'Imana akumvira itegeko ryashyizweho na Roma, azaba ahaye ikuzo ubupapa kuburutisha Imana." – *Intambara Ikomeye,* p.448,449.

b. **Sobanura indunduro y'imikorere itandukanye – imwe yo kumurikishiriza abantu ukuri n'indi yo guhatira abantu kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Ibyahishuwe 13:13 – 15; 16:13,14; Matayo 24:14,24.**

---

"Itorero rizitabaza ukuboko gukomeye k'ubuyobozi bwa leta, kandi muri uwo murimo, ubupapa n'ubuporotesitanti buzifatanya. Ubwo itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi w'Icyumweru rizakaza umurego kandi rigafatirwa umwanzuro, iryo tegeko rizifashishwa mu kurwanya abakomeza amategeko y'Imana. Bazacibwa ibihano banashyirwe mu nzu y'imbohe, ndetse bamwe bazagaruzwa guhabwa imirimo y'icyubahiro, abandi bahabwe ingororano n'andi mashimwe kugira ngo babakure ku kwizera kwabo. Ariko igisubizo cyabo cya mbere kizaba kikiri iki ngo: "Nimutwereke mu ijambo ry'Imana ikosa turegwa nk'uko Luteri yashubije ubwo yasabwaga kwiregura. Abajyanywe mu nkiko bahagarariye ukuri, kandi bamwe mu babumvise byabateye gufata icyemezo cyo gukomeza amategeko y'Imana. Nguko uko umucyo uzarasira ibihumbi byinshi by'abantu batari kuzigera bamenya ukuri." – *Ibid.*, p.607.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**05 Kamena**

1. Ni gute bimwe mu bintu biranga inyamaswa zivugwa muri Daniyeli igice cya 7 byatangiye kugaragara kuri Roma?
2. Iyibutse mu buryo bunyuranye iby'imyaka 1260 y'ubutegetsi bw'ikirenga bw'ubupapa.
3. Kuki uruguma rwica rutigeze ruhitana iyo nyamaswa?
4. Ni ibihe bintu byihariye byo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika byashushanywaga n'amahembe y'umwana w'intama?
5. Mbese abantu basenga ku Cyumweru muri iki gihe baba bafite ikimenyetso cy'inyamaswa?

Ku Isabato, 13 Kamena 2026

**Icyigisho 11**

# Abamarayika Batatu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." (Ibyahishuwe 14:12).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko z'Ibanze,* p.232 – 261.

"Neretswe intambwe eshatu ari zo: ubutumwa bwa marayika wa mbere, ubw'uwa kabiri n'ubw'uwa gatatu. Marayika twari kumwe yaravuze ati: "Hazabona ishyano uzagira akantu na gato akura cyangwa yongera kuri ubu butumwa. Gusobanukirwa by'ukuri n'ubu butumwa ni ingenzi cyane." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.258.

## 1. ABAMARAYIKA BO MU BYAHISHUWE

**Kuwa Mbere**
**07 Kamena**

a. Gereranya kandi utandukanye ubwoko butandukanye bw'intumwa zigereranywa n'abamarayika. Ibyahishuwe 1:20; 10:1,5; 11:1; 22:8.

---

b. Ni gute Imana igeza ubutumwa ku bantu bose bo ku isi? Abaroma 10:13 – 15.

---

"Imana ntihitamo abamarayika batigeze bacumura ngo bayihagararire mu bantu. Ahubwo ihitamo abantu basanzwe bameze nk'abo bashaka gukiza.... Na none kandi abagabo n'abagore bagiriwe icyizere kizira amakemwa cyo kubwiriza "ubutumwa bwiza bw'ubutunzi bwa Kristo butarondoreka." Abefeso 3:8." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.134.

"Tugomba gukorana n'abamarayika bo mu ijuru mu kumenyesha isi Kristo..... kubera ko umuntu agomba kuba umuyoboro wo gushyikirana n'umuntu. Kandi iyo twihaye Kristo twitanze byimazeyo, abamarayika banezezwa n'uko bashobora guhishura urukundo rw'Imana babinyujije mu majwi yacu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.297.

c. Abamarayika bavugwa mu Byahishuwe 14:6 – 12 bagereranya ba nde, kandi se umurimo wabo ni uwuhe? Matayo 28:19,20; Ibyakozwe n'Intumwa 1:8.

---

"Abo bamarayika bavugwa ko baguruka baringanije ijuru, bamenyesha abatuye isi ubutumwa bw'umuburo.... Nta muntu n'umwe wumva ijwi ry'abo bamarayika kubera ko ari ikimenyetso gihagarariye ubwoko bw'Imana bukorana n'ijuru." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.387.

## 2. MARAYIKA WA MBERE

**Kuwa Kabiri**
**08 Kamena**

**a. Ni nde marayika wa mbere yagejejeho ubutumwa bwe? Ibyahishuwe 14:6.**

---

"Ikanguka rikomeye mu by'idini rigomba kubaho ritewe no kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo ryavuzwe mu buhanuzi bwo mu butumwa bwa marayika wa mbere bwo Byahishuwe igice cya 14…. Kuguruka kwa marayika "aringanije ijuru," "ijwi rirenga," uwo muburo wavuganywe, n'uburyo wabwiwe abantu bose "bari ku isi" – "bo mu mahanga yose, n'imiryango yose, n'indimi zose, n'amoko yose. " – ni igihamya kigaragaza kwihuta kw'iyo gahunda yo kubuvuga no kuba ari gahunda ikwiriye ku isi yose." – *Intambara Ikomeye,* p.355.

**b. Ni gute marayika wa mbere yerekeje ibitekerezo by'abantu ku Mana nk'Umuremyi? Ibyahishuwe 14:7; Itangiriro 1:1; Abefeso 3:9.**

---

**c. Tekereza ukuntu itsinda ry'abategereje kugaruka kwa Yesu ryakiriye ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'urubanza, ubihuze n'umurimo wabo wo kubwiriza ibyerekeranye no kugaruka kwa Yesu kwari kwegereje. Daniyeli 7:26,27; 8:14; Ibyakozwe n'Intumwa 17:30,31.**

---

"Wiliyamu Mileri na bagenzi be bahawe umurimo wo kuvuga ubutumwa bw'umuburo muri Amerika. Iki gihugu cyahindutse ihuriro ry'umurimo mugari w'Abadiventisiti. Aho niho ubuhanuzi buboneka mu butumwa bwa marayika wa mbere bwasohoreye mu buryo butaziguye. Inyandiko za Mileri na bagenzi be zajyanwe mu bihugu bya kure cyane. Inkuru nziza yo kugaruka kwa Kristo kwegereje yamamajwe ahantu hose ababwirizabutumwa bageze hirya no hino ku isi yose. Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose buvuga ngo, "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye", bwamamajwe hafi na kure.

"Ubuhamya bw'ubuhanuzi bwasaga naho bushyiraho itariki yo kuza kwa Kristo mu gihe cy'umuhindo w'umwaka 1844, bwacengeye cyane mu ntekerezo z'abantu. Uko ubwo butumwa bwamamaraga buva muri Leta imwe bujya mu yindi; hirya no hino habayeho ikanguka rikomeye. Abantu benshi bemeye ko ingingo zivugwa zerekeye ibihe by'ubuhanuzi ari ukuri maze ibyo bari bishingikirijeho by'ubwibone barabireka bakirana umunezero uko kuri. Ababwirizabutumwa bamwe baretse ibitekerezo byabo byo kwirema ibice, bemera guhara imishahara yabo n'amatorero yabo maze bafatanya n'abandi kwamamaza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu Kristo. Nyamara ugereranyije ababwirizabutumwa bake cyane ni bo bemeye ubwo butumwa bityo umugabane munini mu kubwamamaza bihabwa abakorerabushake boroheje….. Imibereho y'itorero ritubahaga Imana ndetse n'isi yasaye mu bibi, byashenguraga imitima y'abarinzi nyakuri bityo bibatera kwemera kwihanganira imiruho, kubura ibyabo n'imibabaro kugira ngo bahamagarire abantu kwihana ngo bibahesha agakiza. Nubwo uwo murimo warwanyijwe na Satani, wateye imbere mu buryo bwihuse kandi ukuri kuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo kwakirwa n'abantu ibihumbi byinshi cyane." – *Ibid.*, p.368.

## 3. MARAYIKA WA KABIRI

**Kuwa Gatatu**
**09 Kamena**

**a. Ni iki marayika wa kabiri avuga ku byerekeranye n'imimerere y'iby'umwuka y'abavuga ko ari itorero rya Kristo? Ibyahishuwe 14:8.**

---

"Iyo nzoga ni iyihe? Ni inyigisho zayo z'ibinyoma. Babuloni yahaye abatuye isi isabato y'ikinyoma mu mwanya w'Isabato yo mu itegeko rya kane, kandi yasubiyemo ikinyoma Satani yabwiye Eva bwa mbere muri Edeni. Icyo kinyoma ni ukudapfa k'ubugingo. Babuloni yakwije ibinyoma by'amoko menshi hirya no hino, "kuko inyigisho yigisha ari amategeko y'abantu" (Matayo 15:9)." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.118.

"Babuloni yagiye ishyigikira inyigisho ziroga abantu, ari zo nzoga z'ubuyobe. Iyi nzoga y'ubuyobe yenzwe mu nyigisho z'ibinyoma. Muri zo twavuga: Ukudapfa k'ubugingo, kubabazwa iteka ryose kw'inkozi z'ibibi, inyigisho zihakana ko Kristo yariho na mbere y'uko avukira i Betelehemu, ndetse no gushyigikira no gukuza umunsi wa mbere w'icyumweru ukarutishwa umunsi wera w'Imana. Izo nyigisho z'ibinyoma n'izindi zifitanye isano nazo zigishwa abatuye isi n'amatorero atari amwe, kubw'ibyo Ibyanditswe bigira biti: 'Kuko amahanga yose yanyoye inzoga arizo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu'; birasohora." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.61,62.

**b. Sobanura ukuntu abizera bo mu itsinda ry'abategereje kugaruka kwa Yesu basobanukiwe iby'ugucika intege kwabo kwa mbere, ukuvumbura iherezo nyakuri ry'iminsi 2,300, no guhamagarirwa kwitandukanya n'abanze ubutumwa. Habakuki 2:3; Matayo 25:6.**

---

"Ku mpeshyi y'umwaka wa 1844, hagati muri icyo gihe byari byaratekerejwe mbere ko iminsi 2300 yagombaga kurangira, no ku muhindo w'uwo mwaka, aho baje gusanga ko ya myaka igera, ubutumwa bwavuzwe mu magambo y'Ibyanditswe Byera ngo, "Dore, Umukwe araje!"

"Icyateye abantu kugira iyi myumvire ni uko bavumbuye ko itegeko ry'umwami Aritazerusi ryo gusana Yerusalemu (itegeko ryabaye intangiriro y'igihe cy'iminsi 2300) ryashyizwe mu bikorwa mu muhindo w'umwaka wa 457 Mbere ya Kristo aho kuba mu itangira ry'uwo mwaka nk'uko bamwe bari barabyizeye mbere. Iminsi 2300 yabazwe bahereye ku muhindo w'umwaka wa 457 kandi irangira mu muhindo w'umwaka wa 1844." – *Intambara Ikomeye,* p.398,399.

"Ubwo amatorero yangaga kwakira ubutumwa bwa marayika wa mbere, yanze umucyo uturutse mu ijuru maze aragwa ava mu buntu bw'Imana. Biringiraga imbaraga zabo ubwabo, kandi kubwo kurwanya ubutumwa bwa marayika wa mbere, bari bishyize aho batashoboraga kubona umucyo w'ubutumwa bwa marayika wa kabiri. Ariko abatoni b'Imana bakandamizwaga bemeye ubutumwa buvuga ngo: "Iraguye Babuloni" maze basohoka muri ayo matorero." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.237.

## 4. MARAYIKA WA GATATU

**Kuwa Kane**
**10 Kamena**

a. **Ni uwuhe muburo uteye ubwoba utangwa na marayika wa gatatu? Ibyahishuwe 14:9 – 11.**

---

---

"Umuburo uteye ubwoba cyane wigeze ubwirwa abantu uboneka mu butumwa bwa marayika wa gatatu. Uvuga ko ari icyaha gikomeye cyane kuko kizatuma abantu bamanukirwa n'umujinya w'Imana utazaba uvanzemo imbabazi habe na mba. Ntabwo abantu bakwiriye kuba mu mwijima batazi ibyerekeye iyi ngingo y'ingenzi. Ubutumwa bw'imbuzi buburira abantu kwirinda iki cyaha bugomba kubwirwa abatuye isi mbere y'uko bagerwaho n'urubanza rw'Imana, kugira ngo abantu bose babashe kumenya impamvu bagomba kubabazwa maze babone amahirwe yo guhunga ngo bakire iteka ry'Imana..... Ubuhanuzi bugaragaza ko ubu butumwa buvuganwa ijwi rirenga, bukavugwa n'umumarayika uguruka aringanije ijuru; kandi buzatera abatuye isi kubwitaho." – *Intambara Ikomeye,* p.449,450.

b. **Mbese mu gihe cy'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, abera batandukanyijwe bate? Ibyahishuwe 14:12.**

---

"Abaramya Imana bazagaragazwa by'umwihariko n'uko bita ku tegeko rya kane kubera ko iri tegeko ari ikimenyetso cy'imbaraga y'Imana yo kurema n'igihamya cy'uko umuntu ayumvira kandi akayubaha.... Muri icyo kibazo, Abakristo bose baziremamo amatsinda abiri akomeye ari yo: abumvira amategeko y'Imana kandi bakizera Yesu, n'abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo kandi bagashyirwaho ikimenyetso cyayo. Nibwo itorero na Leta bizafatanya imbaraga zabyo kugira ngo bihatire "aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene, imbata n'ab'umudendezo" (Ibyahishuwe 13:16)." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 9, p.16,17.

c. **Ni gute iyamamazwa ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu ryasobanuwe? Ibyahishuwe 7:2,3.**

---

"Nyuma y'iteraniro ryabereye i Dorchester, ho muri Leta ya Massachusetts mu mwaka wa 1848, nabwiwe kwamamaza ubutumwa bwerekeranye no gushyirwaho ikimenyetso, kandi inshingano ya bene data yari kwandika iby'uwo mucyo, wari waramurikiye inzira yacu.

"Mvuye mu iyerekwa nabwiye umugabo wanjye nti: 'Ngufitiye ubutumwa. Ukwiriye gutangira gucapa impapuro nke maze ukazohereza abantu. Ku ikubitiro uzabanze ucape nkeya; ariko abantu nibasoma, bazakohereza ubufasha bwo gucapa nyinshi, bityo uhereye aho uzagera ku mugambi. Bihereye kuri uko gutangirira ku mpapuro nke, neretswe ko bizaba ari nk'ibishashi by'umucyo bizaba bikwiriye isi yose." – *Ibitekerezo by'Ibyabaye mu Mibereho ya Ellen G. White*, p.125.

## 5. AHIRENGEYE H'UBUTUMWA

**Kuwa Gatanu**
**11 Kamena**

a. Mbese umugisha wabwiwe abapfuye bizeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu, uzasohozwa gute? Ibyahishuwe 14:13; Daniyeli 12:2.

---

---

"Imana yahisemo kurokora ubwoko Bwayo igihe igicuku cyari kinishye. Ubwo abagome bariho babakwena babazengurutse, izuba ryarashe mu buryo butunguranye, riracana cyane maze ukwezi kurahagarara. Abanyabyaha bitegereje ibyo bumiwe, naho abera bo bitegereza ibimenyetso byo gucungurwa kwabo bafite ibyishimo bitavugwa. Ibimenyetso n'ibitangaza byakurikiranye byihuta. Ibintu byose byasaga n'ibyavuye kuri gahunda yabyo isanzwe. Imigezi yarekeye aho gutemba. Ibicu bya rukokoma byarazamutse maze birasekurana. Ariko hari hari umwanya umwe urimo ubwiza, ari naho humvikaniye ijwi ry'Imana rivuga nk'amazi menshi asuma, rinyeganyeza ijuru n'isi. Habayeho umutingito w'isi ukomeye cyane. Ibituro birakinguka maze abari barapfuye bose bizeye ubutumwa bwa marayika wa gatatu, bakaba barubahirizaga Isabato, bava mu bituro byabo bambaye ubwiza kugira ngo bumve isezerano ry'amahoro Imana yari igiye kugirana n'abari barakurikije amategeko Yayo." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.285.

b. Ni iki kigomba kubaho mu isozwa ry'ubutumwa bw'abamarayika batatu? Ibyahishuwe 14:14 – 16; Mariko 4:26 – 29.

---

"Nabonye abamarayika bakora hirya no hino mu ijuru. Umumarayika wari ufite ihembe ririmo wino ku itako rye yagarutse mu ijuru avuye ku isi, maze amenyesha Yesu ko yarangije umurimo we, abera babazwe kandi bashyizweho ikimenyetso. Nuko mbona Yesu wakoreraga imbere y'isanduku irimo amategeko cumi, ajugunya urwabya rw'imibavu hasi. Azamura amaboko ye, maze avuga n'ijwi rirenga ati: 'Birarangiye.' " – *Ibid.,* p.279.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**12 Kamena**

1. Kuki Imana yatumye kwamamaza ubutumwa bwiza bishingira ku bantu?
2. Ni gute ubutumwa bwa marayika wa mbere bwageze ku isi yose?
3. Sobanura impamvu ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwatanzwe.
4. Ni irihe tandukaniro ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugaragaza?
5. Ni ikihe kintu kizaba ku musozo w'ubutumwa bw'abamarayika batatu?

Ku Isabato, 20 Kamena 2026 **Icyigisho 12**

# Umuhamagaro Uheruka

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." (Ibyahishuwe 14:12).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.603 – 612.

"Umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza uzarangizanywa imbaraga zikomeye nk'izawutangije." – *Intambara Ikomeye*, p.611.

## 1. BABULONI IKOMEYE

**Kuwa Mbere 14 Kamena**

**a. Sobanura ishusho ikomeye Yohana yabonye ku itorero rizwi nka Babuloni Ikomeye. Ibyahishuwe 17:1–6.**

"Umugore (Babuloni) uvugwa mu Byahishuwe 17.... avugwa ko "yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita; mu ntoki ze yari afite igikombe cy'izahabu cyuzuye ibizira n'imyanda y'ubusambanyi bwe.... Mu ruhanga rwe afite izina ry'amayoberane ryanditswe ngo: Babuloni ikomeye, nyina w'abamaraya, kandi nyina w'ibizira byo mu isi..... Ubutegetsi bwamaze imyaka amagana menshi butegekesha igitugu abami bose b'ahantu hose harangwaga abizera Kristo ni Roma. Ibara ry'umuhemba n'umuhengeri, izahabu, amabuye y'agaciro n'imaragarita byose biranga mu buryo bugaragara ubwiza n'uburemere bw'icyubahiro kirenze icy'abami byari bifitwe n'ubutegetsi bw'i Roma. Ikigeretse kuri ibyo, nta bundi butegetsi butari ubwo bwajyaga kuvugwa ko, "bwasinze amaraso y'abera" nk'iryo torero ryatoteje abayoboke ba Kristo ribica urupfu rubi. Babuloni kandi iregwa icyaha cyo kwifatanya "n'abami b'isi kutemewe n'amategeko." Mu kwitandukanya n'Umukiza no kwifatanya n'abapagani ni bwo buryo itorero ry'Abayuda ryahindutse umusambanyi; kandi Roma nayo yihindanyije muri ubwo buryo ibinyujije mu gushaka gushigikirwa n'ubutegetsi bw'isi, bityo nayo icirwa urubanza nk'urwo." – *Intambara Ikomeye,* p.382.

**b. Ni gute ubwo butegetsi buzarangira? Ibyahishuwe 17:15 – 18.**

## 2. MARAYIKA WUNDI

Kuwa Kabiri
15 Kamena

**a. Sobanura ukuza kwa marayika ugaragara mu Byahishuwe 18:1.**

---

"Ubutumwa bw'abamarayika batatu bugomba guhuzwa, bugaha isi umucyo wabwo uko ari butatu. Mu Byahishuwe, Yohana aravuga ati: "Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe." [Ibyahishuwe 18:2–5]. Ibi bigaragaza gutanga ubutumwa buheruka ndetse n'ubutumwa bw'uburyo butatu buburira isi." — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol. 7 p.985.

"Itorero ni ikigega cy'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo; kandi binyuze mu Itorero, ukwigaragaza guheruka kandi kuzuye k'urukundo rw'Imana kuzamenyeshwa n'ibinyabutware n'ibinyabushobozi by'ahantu ho mu ijuru." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.9.

**b. Ubwiza bw'umumarayika busobanura iki, kandi bugaragazwa bute? Zaburi 29:1, 2; Yohana 17:22, 23.**

---

"Iyo kubaka imico byirengagijwe, iyo kurimbisha umutima bibuze, iyo ukubaha Imana kurangwamo ukwiyoroshya gusuzuguwe, ni ho ubwibone no gukunda kwigaragaza bisaba inyubako z'insengero zifite ubwiza bw'akataraboneka, imirimbo y'agahebuzo ndetse n'imihango y'agahano. Nyamara muri ibi byose Imana ntiyubahwa. Imana iha agaciro itorero ryayo idashingiye ku byiza byaryo bigaragara inyuma, ahubwo iriha agaciro kubw'ubutungane nyakuri buritandukanya n'isi. Iriha agaciro ikurikije gukura mu kumenya Kristo kw'abarigize ndetse no mu iterambere ryabo mu mibereho y'iby'umwuka." – *Abahanuzi n'Abami,* p.565,566.

**c. Ni gute Imana yasobanuye ubwiza Bwayo bwite, igihe Mose yasabaga kubureba? Kuva 33:18, 19; 34:5–7.**

---

"Ubwiza bw'ibiranga Imana bugaragarira mu mico [ya Kristo]. Urupapuro rwose rwo mu Byanditswe Byera rumurikirwa n'umucyo We. Gukiranuka kwa Kristo kumeze nk'isaro ry'igiciro cyinshi ritunganye ridafite inenge nta n'ikizinga. Ntacyo umuntu yakora ngo agire icyo yongera ku mpano ihebuje y'Imana kandi y'igiciro cyinshi. Ntigira ikizinga." – *Imigani ya Kristo*, p.115.

"Iyi mico yahishuriwe mu mibereho ya Kristo. Kugira ngo ashobore gucira urubanza icyaha mu mubiri, [Kristo] yiyambitse ishusho y'umubiri w'icyaha. Yahoraga abona imico y'Imana; buri gihe yahishuriraga isi iyi mico.

"Kristo yifuza ko abayoboke Be bagaragariza mu mibereho yabo iyi mico." — *Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p.322.

## 3. UBUTUMWA BW'UMUBURO

**Kuwa Gatatu**
**16 Kamena**

**a. Ni gute marayika avuga abatuye i Babuloni? Ibyahishuwe 18:2.**

"Uwo mumarayika yahawe imbaraga ikomeye n'ubwiza bwinshi, kandi igihe yamanukaga, isi yamurikiwe n'ubwiza bwe. Igihe uyu mumarayika yavugaga n'ijwi rirenga, umucyo wari umugose wasakaye ahantu hose..... Ubutumwa bwo kugwa kwa Babuloni, nk'uko bwavuzwe na marayika wa kabiri, bwasubiwemo kandi hiyongeraho kuvugwa kw'ibibi byagiye byinjira mu matorero guhera mu mwaka wa 1844." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.277.

**b. Ni iki cyari guhinduka muri Babuloni mu gihe ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwatangiraga kwamamazwa? Ibyahishuwe 18:3.**

"Ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwo mu Byahishuwe 14, bwabwirijwe bwa mbere mu mpeshyi y'umwaka wa 1844, kandi icyo gihe bwari bwerekeje by'umwihariko ku matorero yo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika aho imiburo yerekeye urubanza yari yaravugiwe cyane nyamara ntiyitabweho mu buryo bukomeye, kandi ni naho ubuhenebere mu matorero bwari bwarihuse cyane. Ariko ubutumwa bwa marayika wa kabiri ntibwasohoye bwose mu mwaka wa 1844. Icyo gihe amatorero yagize kugwa mu by'imico-mbonera bitewe n'uko yanze umucyo w'ubutumwa bujyanye no kugaruka kwa Kristo; ariko uko kugwa ntikwabaye kurambarara burundu. Uko bakomezaga kwanga ukuri kudasanzwe kugenewe iki gihe, ni ko barushagaho guhenebera. Nyamara igihe cyari kitaragera cyo kuvuga ngo, "Iraguye, iraguye Babuloni ..... yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." Babuloni yari itaramara gusindisha amahanga. Umwuka wo kwishushanya n'isi no kutita ku kuri gushungura abantu kugenewe iki gihe biracyariho kandi byagiye biganza mu matorero yose afite imyizerere ya Giporotesitanti ari mu bihugu byose birangwamo Ubukristo; kandi ayo matorero na yo arebwa n'ubutumwa bukomeye kandi buteye ubwoba bwa marayika wa kabiri. Ariko kandi umurimo w'ubuhakanyi nturagera ku rugero ruheruka.

"Bibiliya ivuga ko mbere yo kugaruka k'Umukiza, Satani azakorana "imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhendanyi bwose bwo gukiranirwa" (2Abatesalonike 2:9 – 11); kandi ko "ku batemeye ukuri ngo bakizwe" bazarekerwa mu mwuka w'"ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma." Igihe ibi byangombwa bizaba bimaze kuzuzwa, kandi kwifatanya kw'itorero n'isi bikagerwaho mu buryo bwuzuye aharangwa Ubukristo hose, ni bwo kugwa kwa Babuloni kuzuzura. Izo mpinduka zigenda buhoro buhoro, kandi ugusohora guheruka k'ubutumwa bwo mu Byahishuwe 14:8 kuzabaho mu gihe kizaza." – *Intambara Ikomeye,* p.389,390.

## 4. UMUHAMAGARO UHERUKA

**Kuwa Kane**
**17 Kamena**

a. Ni uwuhe muhamagaro wihutirwa wumviswe n'abakiri i Babuloni? Ibyahishuwe 18:4.

"Nk'ingaruka yo kutita ku miburo itatu yo mu Byahishuwe 14:6-12, igice cya 18 cy'Ibyahishuwe cyerekana igihe itorero rizaba ryujuje ibyangombwa byavuzwe na marayika wa kabiri, kandi abana b'Imana bazaba bakiri muri Babuloni bazahamagarirwa kwitandukanya na yo. Ubu butumwa ni bwo butumwa buheruka buzabwirwa isi; kandi buzarangiza umurimo wabwo. Igihe "abatizeye iby'ukuri bose ahubwo bakishimira gukiranirwa" (2Abatesalonike 2:12) bazarekwa ngo bakire ubuhakanyi bukomeye kandi ngo bizere ikinyoma, ni bwo umucyo w'ukuri uzamurikira abafite imitima yiteguye kuwakira, kandi abana b'Imana bose bakiri muri Babuloni bazumvira iri hamagara ngo: 'Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo' (Ibyashishuwe 18:4)." – *Intambara Ikomeye*, p.390.

b. Ni bande biswe "Bwoko bwanjye," maze bagahamagarirwa kuva muri Babuloni? Yohana 10:16.

"Nubwo hari umwijima mu by'umwuka ndetse no gutandukana n'Imana birangwa mu matorero agize Babuloni, umugabane munini w'abayoboke nyakuri ba Kristo baracyarangwa muri ayo matorero. Muri bo harimo benshi batigeze bumva ukuri kudasanzwe kugenewe iki gihe. Hari benshi batanyuzwe n'uko bari muri iki gihe kandi bifuza cyane kubona umucyo uruseho. Bashakisha ishusho ya Kristo mu matorero barimo ariko ntibayibone. Uko ayo matorero azagenda arushaho kujya kure y'ukuri maze akifatanya cyane n'isi, ni ko itandukaniro hagati y'ayo matsinda yombi rizarushaho kuba rinini, kandi ayo matsinda atandukane. Igihe kizagera ubwo abakunda Imana kuruta byose batazashobora gukomeza komatana n' 'abakunda ibibanezeza kuruta Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako.' " – *Ibid.*, p.390.

c. Kuki guhamagarira abantu guhunga bakava muri Babuloni ari ikintu cyihutirwa cyane? Ibyahishuwe 18:5–8.

"Umucyo warasiye abo bari bategereje winjiye ahantu hose, maze abantu bari bari mu matorero badafite umucyo na mba, ndetse bakaba batarigeze bumva cyangwa ngo bange ubutumwa bw'abamarayika batatu, bumviye iryo rarika maze bava muri ayo matorero yaguye." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.278.

## 5. MWITEGURE GUHAMAGARA

**Kuwa Gatanu**
**18 Kamena**

**a. Sobanura akamaro k'ubutumwa bw'umuburo busobanutse neza kandi bwumvikana neza. Yesaya 58:1; 1Abakorinto 14:7,8.**

---

"Igice cya 18 cy'Ibyahishuwe kigaragaza akamaro ko kubwiriza abantu ukuri mu magambo aranguruye ariko ubwiriza akavuga ashize amanga kandi afite imbaraga…. Hagiye habaho guca hirya no hino cyane mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu." – *Ivugabutumwa*, p.230.

"Imana yashakaga ko abarinzi bahaguruka, bakamamaza ubutumwa bwumvikana mu majwi ashyize hamwe, bakavuza impanda, kugira ngo abantu bose bakangukire inshingano zabo kandi bakore uruhare rwabo mu murimo ukomeye. Hanyuma umucyo ukomeye kandi usobanutse wa marayika wundi, wamanutse ava mu ijuru afite imbaraga nyinshi, wari kuzuza isi ubwiza bwe. Tumaze imyaka myinshi; kandi abahagaze mu buhumyi no kuba inzitizi mu iterambere ry'ubutumwa Imana yashakaga ko buva mu nama ya Mineyapolisi bumeze nk'itara ryaka, bagomba gucisha bugufi imitima yabo imbere y'Imana no kubona no gusobanukirwa uburyo umurimo wabangamiwe n'ubuhumyi bwabo bw'intekerezo no kunangira imitima." — *The Ellen G. White 1888 Materials,* p.1070.

**b. Ni irihe rarika rikomeye rya Yesu twese dushobora guhoza ku mutima buri wese ku giti cye? Yohana 12:35,36.**

---

"Marayika wundi yunga ijwi rye mu rya marayika wa gatatu, maze isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Umucyo uriyongera, kandi umurikira amahanga yose yo ku isi. Ugomba kuba umeze nk'itabaza ryaka. Uzaba uherekejwe n'imbaraga ikomeye, kugeza igihe imirasire yawo y'izahabu izagera ku ndimi zose, ku moko yose, no ku mahanga yose ku isi yose. Reka mbabaze, mbese ni iki muri gukora kugira ngo mwitegure uyu murimo? Ese muri kubaka iby'iteka ryose? Mukwiriye kwibuka ko uyu marayika ahagarariye abantu bafite ubu butumwa bwo kugeza ku b'isi. Ese wowe uri muri abo bantu?" — *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 18 Kanama 1885.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**19 Kamena**

1. Sobanura uburyo Roma ihuye n'ubusobanuro bwa Babuloni, nyina w'abamaraya.
2. Ni ubuhe bwiza nyakuri bw'Imana buzahishurwa na marayika wundi?
3. Kubera iki ubutumwa bwa marayika wa kabiri bugomba gusubirwamo?
4. Ni hehe muri iki gihe hari abayoboke nyakuri ba Kristo benshi?
5. Ni gute nagira icyitegererezo cyiza aho kubera inzitizi umurimo w'Imana muri iki gihe?

Ku Isabato, 27 Kamena 2026 **Icyigisho 13**

# Imperuka yari Yarahanuwe

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti "Dore byose ndabihindura bishya." Kandi iti "Andika kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri." (Ibyahishuwe 21:5).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko z'Ibanze,* p.279 – 295.

"Uyu mubumbe muto w'isi yacu, wokamwe n'umuvumo w'icyaha, umeze nk'igitotsi mu byo Imana yaremye, uzashyirwa hejuru kurenza indi mibumbe yose yo mu masi Imana yaremye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.26.

## 1. IBYAGO BIRINDWI BY'IMPERUKA

**Kuwa Mbere**
**21 Kamena**

a. Ni iki cyahishuwe ku byerekeye imanza z'Imana zizasukwa ku isi? Ibyahishuwe 15:1; igice cya 16.

---

---

"Nabonye ko ibyago birindwi by'imperuka bigiye gusukwa ku badafite ubwihisho; nyamara ab'isi babifataga nk'aho ari ibitonyanga byinshi by'imvura byendaga kugwa. Nabashishijwe kwihanganira kureba uburyo buteye ubwoba ibyo byago birindwi by'imperuka byari bimeze, ari nabyo mujinya w'Imana. Nabonye ko uburakari Bwayo bwari bukomeye ndetse buteye ubwoba, kandi iyo Imana irambura ukuboko Kwayo cyangwa ikakuzamura bitewe n'uburakari, abatuye isi bajyaga kuba nk'aho batigeze babaho na mba. Bajyaga kubabazwa n'ibisebe bidakira kandi bikomeye byashoboraga kubagwira bityo ntibabone ubarokora ahubwo bajyaga kurimburwa na byo." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.64.

b. Ni gute ibimeze nk'ibyo byasobanuwe mu buryo butandukanye? Yeremiya 25:30–33; Ibyahishuwe 19:17–21.

---

---

"Inkozi z'ibibi zizaba zarenze urubibi rwo kwihanganirwa; Umwuka w'Imana banze kumvira, ku iherezo abakurwemo. Ubwo bazaba batamuruweho ubuntu bw'Imana, ntacyo bazaba bafite kibakingira umugome. Satani azaroha abatuye isi mu makuba aheruka akomeye cyane. Ubwo abamarayika b'Imana bazarekura imiyaga iteye ubwoba y'ibyo abantu bararikiye, ibibi byose bizasandara ku isi yose. Isi yose izajya mu irimbukiro riteye ubwoba kuruta iryabaye kuri Yerusalemu ya kera." – *Intambara Ikomeye,* p.614.

## 2. KUGARUKA KWA KRISTO

**Kuwa Kabiri**
**22 Kamena**

**a. Ni gute igitabo cy'Ibyahishuwe gisobanura ibyerekeye ukugaruka kwa Kristo? Ibyahishuwe 1:7; 6:15-17.**

---

"Mu kanya gato twerekeza amaso yacu iburasirazuba, kuko twari tubonye agacu gatoya kirabura, kangana n'igice cy'ikiganza, maze twese tumenya ko ari ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu. Twese dutumbira ako gacu dufite ituza cyane kuko uko karushagaho kwigira hafi ari na ko karushagaho kugira umucyo, gafite ubwiza, kandi kakarushaho kugira ubwiza kugeza ubwo kabaye igicu kinini cyera. Ku ruhande rwo hasi cyasaga n'umuriro; hejuru y'icyo gicu hari umukororombya, naho impande hari abamarayika ibihumbi cumi, baririmba indirimbo y'agahebuzo; kandi kuri icyo gicu ni ho Umwana w'umuntu yari yicaye. Umusatsi we wari umweru kandi utendera ku ntugu ze; ndetse ku mutwe we hari hatamirijwe amakamba menshi. Ibirenge bye byasaga n'umuriro; kandi mu kuboko kwe kw'iburyo yari afite umuhoro utyaye; mu kw'ibumoso afite impanda yacuzwe mu ifeza. Amaso ye yasaga n'ibirimi by'umuriro, yashakishaga abana be aho bari hose. Nuko mu maso yose haracya, naho mu ya ba bandi banze Imana hacura umwijima. Nuko twese turangururira icyarimwe tuti: "Ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe? Mbese aho umwambaro wanjye uraho utagira ikizinga?" Hanyuma abamarayika bareka kuririmba, habaho umwanya wo guceceka guteye ubwoba, ubwo ni bwo Yesu yavugaga ati: "Abafite amaboko atanduye n'imitima iboneye ni bo bazabasha guhagarara badatsinzwe; ubuntu bwanjye burabahagije." Ibyo bituma mu maso hacu harabagirana, maze imitima yose isabwa n'umunezero. Ubwo igicu cyarushagaho kwegera isi, abamarayika bongeye guhanika indirimbo." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.15,16.

**b. Hanyuma ni iki abamarayika bazakora? Matayo 24:31; 1Abatesalonike 4:16,17.**

---

"Icyaha ni cyo cyahanaguye ndetse cyenda gukuraho burundu ya shusho y'Imana umuntu yaremanywe; ariko Yesu yazanywe no kutugarurira ya shusho y'Imana twambuwe n'icyaha. Azahindura imibiri yacu y'ibisenzegeri maze ayihwanye n'umubiri w'ubwiza bwe. Umubiri upfa, umubiri ubora, wangiritse, wahindanyijwe n'icyaha, azawutunganya, uhinduke agahozo kandi uhabwe ukudapfa.....

"Abamarayika bakoranya intore ze ziturutse mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo. Abamarayika bera bazatwaza ababyeyi abana babo bato mu maboko yabo. Inshuti zatandukanyijwe n'urupfu bazabonana ubutazongera gutandukana, ubwo bazaba bazamuka bagana mu Murwa w'Imana." – *Intambara Ikomeye,* p.645.

**c. Satani azashyirwa he? Ibyahishuwe 20:1,2.**

---

"Icyo gihe isi izaba yahindutse ubuturo bwa Satani n'abamarayika be, aho bazatura bakahamara imyaka igihumbi. Azaba azitiriwe muri uwo mwijima kuko azaba aboshywe adashobora kugera mu yandi masi ngo abe yashuka n'abandi batigeze gukora icyaha." – *Ibid.*, p.659.

## 3. URUBANZA

**Kuwa Gatatu**
**23 Kamena**

a. Ni iki abera bazaba bakora mu gihe cy'imyaka 1000 Satani azaba aboshye? Ibyahishuwe 20:4–6; 1Abakorinto 6:2,3.

---

---

"Mu gihe cy'imyaka igihumbi, hagati y'umuzuko wa mbere n'uwa kabiri, nibwo abanyabyaha bazacirwa imanza. Intumwa Pawulo avuga ko uru rubanza ari igikorwa kizakurikira kugaruka kwa Yesu.... Umuhanuzi Daniyeli ahamya ko igihe Umukuru Nyiribihe byose yazaga, "yatsindishirije abera b'Isumbabyose." (Daniyeli 7:22). Muri icyo gihe, abakiranutsi bazaba ari abami n'abatambyi b'Imana..... Nk'uko intumwa Pawulo abivuga, ni muri icyo gihe "abera bazacira ab'isi urubanza." (1Abakorinto 6:2). Hamwe na Kristo, abakiranutsi bazacira abakiranirwa imanza, hakurikijwe amahame ya Bibiliya, urubanza rucibwe hakurikijwe iby'umuntu wese yakoze akiriho. Kandi na none bazagenera igihano kibabaje umuntu wese hakurikijwe ibyo yakoze; maze byandikwe imbere y'amazina yabo aboneka mu gitabo cy'urupfu.

"Satani n'abamarayika be na bo bazacirwa urubanza na Kristo hamwe n'abera: Intumwa Pawulo abivuga yeruye ati, "Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza?" (Umurongo wa 3). Yuda na we avuga ko "Abamarayika batarinze ubutware bwabo, ahubwo bakareka ubuturo bwabo, ibarindira mu minyururu idashira no mu mwijima w'icuraburindi kugira ngo bacirwe ho iteka ku munsi ukomeye." (Yuda 6)." – *Intambara Ikomeye,* 660,661.

b. Ni iki kizabaho ku iherezo ry'urubanza rw'imyaka 1000? Ibyahishuwe 21:2; 20:7,8.

---

"Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, hazabaho umuzuko wa kabiri. Abanyabyaha bazazuka, bahagarare imbere y'Imana kugira ngo harangizwe urubanza rwaciriwe mu ijuru.... Umuhanuzi Yesaya na we yanditse ibizaba ku banyabyaha agira ati: "Bazateranyirizwa hamwe nk'uko imbohe ziteranyirizwa mu rwobo, bazakingiranirwa mu nzu y'imbohe, kandi iminsi myinshi nishira bazagendererwa." (Yesaya 24:22)." – *Ibid.*, p.661.

c. Ni irihe herezo ry'inkozi z'ibibi? Ibyahishuwe 20:9; Malaki 4:1.

---

"Mu muriro wo kweza, abanyabyaha nibo bazarimburwa ubuheruka, umuzi n'ishami - Satani niwe muzi, naho abayoboke be ni amashami. Igihano cy'abishe amategeko y'Imana kizaba kimaze gutangwa; ibisabwa mu butabera bizaba byashohojwe, kandi ijuru n'isi bibireba bizatangaza ugukiranuka kwa Yehova." – *Ibid.*, p.673.

## 4. ISI NSHYA

**Kuwa Kane**
**24 Kamena**

**a. Sobanura isezerano ry'Imana ryo guhindura ibintu byose bishya. Ibyahishuwe 21:1,5; 22:1,2; Yesaya 65:17.**

---

"Umurimo wo gucungurwa uzaba ugeze ku musozo. Aho icyaha cyiyongereye, ubuntu bw'Imana bwarushijeho kwiyongera. Isi ubwayo, iyo Satani aburanira ko ari iye, ntabwo izakurwa mu bubata gusa ahubwo izashyirwa hejuru. Uyu mubumbe muto w'isi yacu, wokamwe n'umuvumo w'icyaha, umeze nk'igitotsi mu byo Imana yaremye, uzashyirwa hejuru kurenza indi mibumbe yose yo mu masi Imana yaremye. Aha hantu, aho Umwana w'Imana yabanye n'abantu; aho Umwami nyiri Icyubahiro yabaye akahababarizwa ndetse akicwa, - aha ngaha, ubwo azahindura ibintu byose bishya, ihema ry'Imana rizabana n'abantu bayo, "kandi Izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana na bo, ibe Imana yabo." Kandi mu bihe bidashira, ubwo abacunguwe bazaba bagendera mu mucyo w'Uwiteka, bazamuhimbariza impano ye itarondoreka: Imanweli "Imana Iri Kumwe Natwe." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.26.

**b. Ni irihe tandukaniro rizaba mu isi nshya? Yesaya 65:21–25; Ibyahishuwe 21:4.**

---

"Nta mubabaro uzaba mu ijuru no mu isi nshya. Nta marira azabayo nta mirongo y'abajya guhamba izaharangwa, kandi nta n'imyambaro y'abapfushije izambarirwayo.....

"Muri uwo Murwa w'Imana "nta joro rizabayo." Nta n'uzakenera kuruhuka. Ntawe uzananizwa no gukora ibyo Imana ishaka cyangwa ngo acogozwe no kuramya izina Ryayo. Tuzahorana amahumbezi y'igitondo gihoraho. "Nta joro rizabaho ukundi kandi ntibazagomba kumurikirwa n'itabaza cyangwa kuvirwa n'izuba, kuko Umwami Imana izabavira kandi bazahora ku ngoma iteka ryose." (Ibyahishuwe 22:5). Umucyo w'izuba uzasimburwa no kurabagirana kw'ubwiza kutabasha kubabaza amaso nk'ibikezikezi by'izuba risanzwe, nyamara umucyo w'uko kurabagirana ukubye incuro nyinshi uw'izuba risanzwe mu gihe cya ku manywa. Ubwiza bw'Imana n'ubw'Umwana w'Intama bwuzuza imyambi y'umucyo utagabanuka muri urwo rurembo rwera. Abacunguwe bazagendagenda buri munsi mu mucyo w'ubwiza utagira icyokere cy'izuba." – *Intambara Ikomeye,* p.676.

"Muri Bibiliya umurage w'abakiranutsi witwa "igihugu cyangwa gakondo." (Abaheburayo 11:14 – 16). Niho Umwungeri mwiza ayobora umukumbi we ku isoko y'amazi y'ubugingo. Niho hari igiti cy'ubugingo cyera imbuto zacyo uko ukwezi gutashye, maze ibibabi byacyo bigakiza amahanga. Niho hari n'imigezi idakama y'amazi y'urubogobogo abonerana nk'isarabwayi, iyo migezi ikikijwe n'ibiti bihora bitoshye bizana amahumbezi mu nzira zateguriwe abacunguwe b'Uwiteka. Hari n'ibibaya bigari bigiye birimo udusozi dutatseho ubwiza n'imisozi itumburutse y'Imana. Muri ibyo bibaya bituje, ku nkengero z'iyo migezi ihora itembana ituze, niho iwabo w'abacunguwe, bamaze igihe kirekire ari abashyitsi n'abimukira mu isi none ubu bazaba bageze imuhira." – *Ibid.*, p.675.

## 5. IRARIKA N'UMUGISHA

**Kuwa Gatanu**
**25 Kamena**

a. Ni ayahe magambo Yesu yakoresheje kugira ngo atere umwete abasomyi b'ubuhanuzi bw'Ibyahishuwe? Ibyahishuwe 22:7, 12–14.

---

"Uwiteka ubwe yahishuriye umugaragu We ubwiru buri muri iki gitabo, kandi yifuzaga ko ubwo bwiru buzasobanukira ababwiga bose. Ukuri kuri muri icyo gitabo kwagenewe abantu bariho mu minsi ya nyuma y'amateka y'iyi si ndetse n'abari bariho mu gihe cya Yohana. Bimwe mu byo ubu buhanuzi bwavuze byamaze kuba, ibindi biriho birasohora muri iki gihe. Bimwe byerekana ukurangira kw'intambara ikomeye iri hagati y'imbaraga z'umwijima n'Igikomangoma cy'ijuru, naho ibindi bigahishura insinzi n'ibyishimo by'abacunguwe mu isi yagizwe nshya.

"Ntihakagire abatekereza ko kwigana igitabo cy'Ibyahishuwe umwete kugira ngo babone ubusobanuro bw'ukuri kukirimo ntacyo bibamariye kubera ko badashobora gusobanukirwa buri marenga yose akirimo. Uwahishuriye Yohana ubu bwiru ni nawe uzaha gusogongera ku by'ijuru umuntu ushaka kumenya ukuri abikuye ku mutima. Abafite imitima ikinguriye kwakira ukuri bazashobozwa kugusobanukirwa n'inyigisho z'iki gitabo kandi bazahabwa imigisha yasezeraniwe "abumva amagambo y'ubu buhanuzi, bakitondera ibyanditswe muri bwo." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.584,585.

b. Ni gute Kristo aturarikira kubona ubugingo buhoraho n'amahoro binyuze muri We? Ibyahishuwe 22:17; Yesaya 55:1; Yohana 7:37,38.

---

"Amagambo ya Yesu abwirwa abafite inyota aracyumvikana n'uyu munsi, kandi turayabwirwa n'imbaraga nyinshi gusumbya abayumvise bari mu rusengero rw'Imana kuri wa munsi wa nyuma w'ibirori. Isoko irafunguwe ku bashaka bose. Abarushye n'abananiwe bemerewe kunywa ku mazi y'isoko y'ubugingo. Yesu aracyahamagara ati, "Kandi ufite inyota naze, ushaka ajyane amazi y'ubugingo ku buntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.454.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**26 Kamena**

1. Ni gute ibyago birindwi bizashyiraho iherezo ku mateka y'isi?
2. Ni nde uzashobora guhagarara ubwo Kristo azaba agarutse?
3. Sobanura intego y'urubanza ruzaba mu gihe cy'imyaka 1000.
4. Mbese iwabo w'abacunguwe hazaba ari hehe?
5. Ese nifuza n'umutima wanjye wose kuba umwe mu bagize ubwami bw'Imana butazahanguka?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## Ku isabato, 04 Mata 2026

### Icyicaro Gikuru cya Filidi y'Ubutaliyani

Iki ni igihe cyo kwagura ukuba ingirakamaro k'uyu mujyi uzahesha Imana icyubahiro mu Butaliyani

(Reba, p. 4)



## Ku isabato, 02 Gicurasi 2026

### Amamisiyoni ku isi

Abantu b'agaciro kenshi bari mu mwijima bakeneye cyane ukuri kw'iki gihe, kandi dushobora kubafasha, tukakubagezaho.

(Reba, p. 25)



## Ku isabato, 06 Kamena 2026

### Kubaka inzu yo gusengeramo i Purage

Nimutyo twubake inzu yo guhesha Imana icyubahiro muri uyu mujyi w'amateka, bityo unamenyekane kubw'ubutumwa bw'ivugurura!

(Reba, p. 51)